# IKINYARWANDA

## IGITABO CY'UMUNYESHURI
## UMWAKA WA 5

### GAHUNDA Y'ABAFASHA B'ABAFOROMO

© 2022

Urwego rw’Igihugu rushinzwe Uburezi bw’Ibanze,

Iki gitabo ni umutungo wa Leta y’ u Rwanda

Uburenganzira bw’umuhanzi w’ibikubiye muri iki gitabo bufitwe n’Urwego rw’Igihugu rushinzwe Uburezi bw’Ibanze (REB)

# IBIMENYETSO N'IMPINE BYAKORESHEJWE

| | |
|---|---|
| **NCDC** | National Curriculum Development Center |
| **REB** | Rwanda Education Board |
| **CTLRD** | Curriculum Teaching and Learning Resources Department |
| **USSD** | Unstructured Supplimentary Service Data |
| **MTN** | Mobile Telephone Network |
| **SMS** | Short Message Service |
| **RFI** | Radio France Internationale |
| **WWW** | World Wide Web |
| **Gov.** | Government |
| **Rw** | Rwanda |
| **Ltd** | Limited |
| **FRW** | Franc Rwandais |
| **VISA** | Virtual Instrument System Architecture |
| **nt.** | Inteko |
| **GR** | Ingombajwi y'indagi |
| **D** | Indomo |
| **J** | Inyajwi |
| **C** | Igicumbi |
| **Co** | Igicumbi kirimo inyajwi o |
| **Ce** | Igicumbi kirimo inyajwi e |
| **Z** | Umuzi |
| **Zo** | Umuzi urimo inyajwi o |
| **Ze** | Umuzi urimo inyajwi e |
| **RT** | Indanganteko |
| **RS** | Indangasano |
| **Rkzn** | Indangakinyazina |
| **+** | Ukwiyunga kw'inyajwi cyangwa ingombajwi. |
| **→:** | Ihinduka, bibyara |
| **Ø:** | Iburizwamo, ibura ry'akaremajambo gateganyijwe muri uwo mwanya. |

# IJAMBO RY'IBANZE

Munyeshuri wiga mu mwaka wa gatanu muri Gahunda y'Abafasha b'Abaforomo, iki gitabo ni wowe kigenewe.

Iki gitabo ni imwe mu mfashanyigisho zigomba kugufasha kwiga isomo ry'Ikinyarwanda, cyanditswe gihereye ku nteganyanyigisho y'Ikinyarwanda ishingiye ku bushobozi yateguwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB) mu mwaka wa 2021.

Iki gitabo kigabanyijemo imitwe irindwi. Buri mutwe ufite insanganyamatsiko wubakiyeho. Izo nsanganyamatsiko ni umuco nyarwanda, kubungabunga ubuzima, umuco wo kuzigama, kubaka umuco w'amahoro, ingaruka z'ibiyobyabwenge, gukunda Igihugu n'iterambere. Insanganyamatsiko zigaragara mu myandiko inyuranye.

Mu mitwe imwe n'imwe harimo ikibonezamvugo kizagufasha gucengera imikoreshereze y'ururimi rw'Ikinyarwanda. Buri mutwe usozwa n'isuzuma rusange rizagufasha gusuzuma ubushobozi ukuye muri uwo mutwe. Ibyo bigamije kugutegura kugira ngo ugire ubushobozi buzagufasha mu mirimo iboneka mu muryango nyarwanda no gukomeza amashuri muri za kaminuza n'ibigo by'amashuri makuru bitandukanye.

Iki gitabo kirimo imyandiko inyuranye izagutoza umuco wo gusoma no kuvugira mu ruhame ushize amanga. Imyandiko izagufasha kumva ibyo wasomye usubiza ibibazo byo kumva umwandiko, kwiyungura amagambo no gutekereza byimbitse ushakisha ibisubizo by'ibibazo byo kuyisesengura. Imyandiko izanagufasha kwiyungura ubumenyi ku nsanganyamatsiko zitandukanye, bityo ubashe guhanga imyandiko y'ubwoko bunyuranye.

Iyo wiga hari byinshi wigira kuri bagenzi bawe mu ishuri. Ni yo mpamvu imyinshi mu myitozo ikubiye muri iki gitabo igusaba kujya impaka wungurana ibitekerezo na bagenzi bawe mu matsinda. Indi myitozo irimo izagusaba gukora ubushakashatsi mu nzu y'isomero, kuri interineti cyangwa wifashisha ibitangazamakuru binyuranye.

Muri iki gitabo kandi hakubiyemo imyitozo izagufasha gushyira mu bikorwa no gusobanukirwa ingingo nsanganyamasomo ari zo umuco w'amahoro, kurwanya jenoside n'ingengabitekerezo yayo, uburinganire n'ubwuzuzanye, uburezi budaheza, ubuzima bw'imyororokere, umuco wo kuzigama, kubungabunga ibidukikije n'umuco w'ubuziranenge.

Imyitozo ikubiye muri iki gitabo iteguye mu buryo igusaba kugira ubushishozi bwo gushakira ibibazo ibisubizo, guhanga udushya, gukora ubushakashatsi, gusabana n'abandi mu Kinyarwanda, kugira ubufatanye, imibanire ikwiye mu bandi n'ubumenyi ngiro mu buzima bwa buri munsi. Harimo kandi imyitozo n'imikoro igufasha guhora wiyungura ubumenyi.

Twizeye ko iki gitabo kizagufasha kwiga neza Ikinyarwanda, kigukundisha ururimi rw'Ikinyarwanda, umuco kibumbatiye, umuco wo gusoma no guhanga wigana ubuvanganzo wize, kugira ngo ukurane inyota yo kugira ubushobozi bwo gusabana n'abandi mu Kinyarwanda.

**Dr. MBARUSHIMANA Nelson**

Umuyobozi Mukuru wa REB

# GUSHIMIRA

Ndashimira byimazeyo buri wese wagize uruhare mu itegurwa ry'iki gitabo. Ntabwo iki gitabo k'Ikinyarwanda cyashoboraga gutegurwa uko bikwiye iyo hatabaho ubufatanye n'abafatanyabikorwa banyuranye.

Ndashimira mbere na mbere Ubunyamabanga Nshingwabikorwa Bushinzwe Abakozi bo mu Rwego rw'Ubuzima (HRHS) bwatangije kandi bagakurikiranira hafi umurimo wo kwandika iki gitabo.

Ndashimira abantu bose bitanze batizigamye kugira ngo umushinga wo kwandika iki gitabo urangire. Abo ni abakozi b'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa Bushinzwe Abakozi bo mu Rwego rw'Ubuzima (HRHS), abakozi b'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB), abakozi ba za Kaminuza, ab'ibitaro n'ab'ibigo by'amashuri yisumbuye binyuranye.

Ndashimira by'umwihariko ubuyobozi bwa za kaminuza, ibw'ibitaro n'ubw'ibigo by'amashuri yisumbuye binyuranye bwemereye abakozi babwo kuza kwandika iki gitabo.

Ndashimira kandi abafatanyabikorwa batandukanye, by'umwihariko Minisiteri y'Ubuzima, Minisiteri y'Uburezi ku bujyanama batahwemye kuduha, hamwe na Clinton Health Initiative (CHAI) kubera inkunga yabo batanze mu rwego rw'imari.

Habaye hari ubundi bwunganizi ku byanozwa muri iki gitabo twabwakira kugira ngo buzifashishwe mu ivugururwa ryacyo.

**MURUNGI Joan**

Umuyobozi w'Ishami ry'Integanyanyigisho n'Imfashanyigisho/REB

# IRIBURIRO

Muri iki gihe mu Rwanda, uburyo bw'imyigire n'imyigishirize bushingiye ku munyeshuri. Iki ni kimwe mu bitabo bijyanye n'ubwo buryo, kigomba kwigishwa mu mwaka wa gatanu w'amashuri yisumbuye muri Gahunda y'Abafasha b'Abaforomo. Cyanditswe ku buryo giha abanyeshuri ubushobozi bunyuranye bwatuma bitwara neza ku isoko ry'umurimo, kikanabategurira kandi gushobora gukurikira amashuri makuru no kwirwanaho mu buzima busanzwe.

Iki gitabo k'Ikinyarwanda kigabanyijwemo imitwe irindwi ikubiyemo insanganyamatsiko zijyanye n'umuco nyarwanda, kubungabunga ubuzima, umuco wo kuzigama, kubaka umuco w'amahoro, ingaruka z'ibiyobyabwenge, gukunda Igihugu n'iterambere. Cyanditswe ku buryo gifasha abanyeshuri kugira n'ubundi bumenyi nsanganyamasomo mu nzego zinyuranye zijyanye n'ubuzima busanzwe bwa buri munsi mu Rwanda no ku isi yose muri rusange. Harimo ubumenyi fatizo bwatuma biyungura ubwenge mu bumenyi ngiro, bakikemurira ibibazo, bagasabana n'abandi, bagashobora gusobanura ibyo biga no guhanga udushya, bashungura ibitekerezo, batamira bunguri gusa ibiri mu gitabo cyangwa ibyo babwirwa n'umwarimu. Harimo imyitozo inyuranye ituma bagira uruhare mu myigire yabo. Iki gitabo kizafasha abanyeshuri gukura mu bitekerezo no gushobora kwisobanura neza imbere y'abandi.

Hari byinshi umunyeshuri yigira kuri bagenzi be mu ishuri. Ni yo mpamvu imyinshi mu myitozo ikubiye muri iki gitabo isaba abanyeshuri kujya impaka, kungurana ibitekerezo n'abandi bakorera mu matsinda manini cyangwa mato. Indi myitozo irimo isaba gukora ubushakashatsi mu nzu z'isomero, kuri interineti cyangwa kwifashisha itangazamakuru rinyuranye.

Iki gitabo kizafasha abanyeshuri gusoma badategwa inyandiko zinyuranye, inkuru zishingiye ku biriho cyangwa ibihimbano, no kumva insanganyamatsiko z'ingenzi, ibitekerezo, ibyabaye, abavugwa mu nkuru n'uturango tw'ururimi rwakoreshejwe. Kizababafasha guhanga imyandiko irambuye ku nsanganyamatsiko zatoranyijwe, bakurikiranya neza ibitekerezo, guhanga bigana, no kwandika ibitekerezo byabo ku buryo bufututse.

Iki gitabo kizafasha abanyeshuri kandi kuyobora no gutegura ibiganiro mpaka, gushungura ibitekerezo bumvise cyangwa basomye, kuvuga badategwa, gutanga ibitekerezo bigaragaza uko bumva ibintu, gutanga ingingo zishyigikira cyangwa zivuguruza ibitekerezo by'abandi ku nsanganyamatsiko zinyuranye no guhitamo ibyo bavuga n'uburyo babivugamo bitewe n'icyo bagamije n'abo babwira. Iki gitabo kizafasha nanone gusesengura imiterere y'ururimi no gukoresha uko bikwiye ubwoko bunyuranye bw'amagambo mu nteruro.

Iki gitabo cyanditswe ku buryo cyorohera abanyeshuri kugisoma hagaragazwa neza imitwe, ibyigwa bikubiye muri buri mutwe bihabwa nimero, bikagaragazwa

ku buryo bwihariye kandi hagaragazwa neza ibika.

Mu mpera y'iki gitabo, hari ibitabo n'inyandiko byifashishijwe cyandikwa. Hari kandi imyandiko y'inyongera itandukanye yafasha umunyeshuri kurushaho kwitoza gusoma no kwiyungura ubumenyi. Hari nanone ibisobanuro by'amagambo akubiye mu myandiko, atondetse yubahirije itonde ry'inyuguti z'Ikinyarwanda. Umunyeshuri aramutse ahuye n'ijambo rimugoye mu kuribonera igisobanuro, yareba niba yarisangamo. Aramutse atarisanzemo yakwifashisha inkoranyamagambo.

Muri make, iki gitabo kizafasha abanyeshuri kugira ubumenyi butandukanye mu rurimi rw'Ikinyarwanda, ubumenyi ngiro bwo kuruvuga neza no kurwandika neza n'ubukesha bugaragazwa n'ubupfura, ubunyangamugayo, ubumuntu ndetse n'ubutwari buranga Umunyarwanda wuzuye.

# ISHAKIRO

**IBIMENYETSO N'IMPINE BYAKORESHEJWE** . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . iii

**IJAMBO RY'IBANZE** . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . iv

**GUSHIMIRA** . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . vi

**IRIBURIRO** . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . vii

I.1. Gusoma no gusesengura umwandiko: Igitero k'i Butembo .......................... 1

I.1.1 Gusoma umwandiko........................................................................ 1

**UMUTWE I:UMUCO NYARWANDA** . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . 1

I.1.2 Gusobanura amagambo..................................................................... 4

I.1.3 Kumva no gusesengura umwandiko ...................................................... 4

I.2. Ingeri z'ubuvanganzo nyemvugo nyabami................................................. 4

I.2.1 Inshoza........................................................................................... 5

I.2.2 Ingeri z'ubuvanganzo nyemvugo nyabami............................................. 5

I.3. Raporo .............................................................................................. 8

I.3.1. Inshoza ya raporo ............................................................................ 8

I.3.2. Imbata ya raporo ............................................................................. 8

I.3.3. Uko raporo ikorwa .......................................................................... 8

I.4.1 Impapuro zo mu nzego z'ubuyobozi bwite bwa Leta .............................. 9

I.4.2 Sheki ............................................................................................. 12

**UMUTWE II:KUBUNGABUNGA UBUZIMA** . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . 17

II.1 Gusoma no gusesengura umwandiko: Mpana uwange yananira nti: "Ugira Imana agira umugira inama"................................................................ 17

II. 1.1 Gusoma umwandiko...................................................................... 18

II.1.2 Gusobanura amagambo................................................................... 23

II.1.3 Kumva no gusesengura umwandiko .................................................. 23

II. 2. Ikinamico........................................................................................ 23

II.2.1. Inshoza y'ikinamico ...................................................................... 24

II.2.2.Uturango tw'ikinamico .................................................................... 24

II.2.3. Ishushanyabikorwa mu ikinamico..................................................... 25

II.3 Ibinyazina........................................................................................... 26

II.3.1. Inshoza y'ibinyazina ...................................................................... 27

II.3.2 Amoko y'ibinyazina n'uturango twabyo ............................................. 27

II.4. Gusoma no gusesengura umwandiko: Mpogazi na magaramake............ 37
II.4.2 Gusobanura amagambo.................................................................. 40
II.4.3 Kumva no gusesengura umwandiko .................................................. 40
II.5. Isuzuma risoza umutwe wa kabiri......................................................... 41
**UMUTWE III:UMUCO WO KUZIGAMA. . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . 44**
III.1. Gusoma no gusesengura umwandiko: Ubwenge burarahurwa............... 44
III.1.1 Gusoma umwandiko......................................................................... 44
III.1.2 Gusobanura amagambo................................................................... 46
III.1.3 Kumva no gusesengura umwandiko ................................................. 46
III.2. Inkuru ngufi ......................................................................................... 47
I.2.1 Inshoza y'inkuru ngufi......................................................................... 47
III.2.2 Uturango tw' inkuru ngufi.................................................................. 48
III.3. Ihangamwandiko.................................................................................. 51
III.3.1. Inshoza y'ihangamwandiko .............................................................. 51
III.3.2 Imbata y'umwandiko.......................................................................... 51
III.3.3 Uko umwandiko uhangwa ................................................................. 52
**UMUTWE IV:KUBAKA UMUCO W'A MAHORO . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . 56**
IV.1. Gusoma no gusesengura umwandiko: Gukumira no kurwanya jenoside. 56
IV.1.1 Gusoma umwandiko ......................................................................... 56
IV.1.2 Gusobanura amagambo .................................................................. 58
IV.1.3 Kumva no gusesengura umwandiko ................................................. 58
IV.2.1 Inshoza n'uturango by'amazina y'urusobe......................................... 59
IV.2.2 Ubwoko bw'amazina y'urusobe......................................................... 59
IV.3 Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko: Rubundakumazi............. 62
IV.3.1 Gusoma umwandiko ......................................................................... 62
IV.1.2 Gusobanura amagambo .................................................................. 64
IV.1.3 Kumva no gusesengura umwandiko ................................................. 64
IV.4. Ibaruwa mbonezamubano ................................................................... 65
IV.5.1 Inshoza y'ibaruwa mbonezamubano.................................................. 66
IV.5.2 Ibiranga ibaruwa mbonezamubano................................................... 66
IV.5. Isuzuma risoza umutwe wa kane.......................................................... 67
**UMUTWE V:INGARUKA Z'IBIYOBYABWENGE . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . 70**

V.1 Gusoma no gusesengura umwandiko: Ingaruka z'ibiyobyabwenge........... 70
V. 1.1 Gusoma umwandiko ........ 70
V.1.2 Gusobanura amagambo ........ 70
V.1.3 Kumva no gusesengura umwandiko ........ 71
V.2 Inkuru ishushanyije ........ 71
V. 2.1 Inshoza y'inkuru ishushanyije ........ 72
V. 2.2 Uturango tw'inkuru ishushanyije ........ 72
V.3 Inshoberamahanga ........ 73
V.3.1 Inshoza y'inshoberamahanga ........ 73
V.3.2 Uturango tw'inshoberamahanga ........ 73
V.3.3 Ingero z'inshoberamahanga ........ 73

**UMUTWE VI:GUKUNDA IGIHUGU . . . . . . . . 78**

VI.1 Gusoma no gusesengura umwandiko: Umurenge wa Rebero........ 78
VI. 1.1 Gusoma umwandiko ........ 78
VI.1.2 Gusobanura amagambo ........ 79
VI.1.3 Kumva no gusesengura umwandiko........ 79
VI.2 Inama........ 80
VI.2.1. Inshoza y'inama ........ 80
VI.2 2. Uko inama itegurwa ........ 80
VI.2 3. Uko inama iyoborwa ........ 81
VI.3 Inyandiko mvugo ........ 82
VI.3.1 Inshoza y'inyandiko mvugo ........ 82
VI.3. 2 Ibice bigize inyandiko mvugo n'uko ikorwa ........ 83
VI.4. Amagambo yabugenewe........ 84
VI.5. Ubutinde n'amasaku ku magambo no munteruro........ 87
VI.5.1 Inshoza y'ubutinde n'amasaku........ 88
VI.5.2 Ubutinde n'amasaku ku magambo ........ 88
VI.5.3 Imiterere y'ubutinde n'amasaku mu nteruro ........ 89
VI.6. Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu ........ 90

**UMUTWE VII:ITERAMBERE . . . . . . . . 96**

VII.1 Gusoma no gusesengura umwandiko:Umurunga w'iminsi........ 96
VII. 1.1 Gusoma umwandiko ........ 96
VII.1.2 Gusobanura amagambo ........ 99

VII.1.3 Kumva no gusesengura umwandiko .................................................. 99
VII.2 Indirimbo .................................................................................... 99
VII.2.1 Inshoza n'uturango by'indirimbo .................................................. 100
VII.2.2. Uturango tw'indirimbo .................................................................. 100
VII.2.3 Akamaro k'indirimbo ...................................................................... 100
VII.3 Ibaruwa y'ubutegetsi ...................................................................... 101
VII.3. 1 Inshoza y'ibaruwa y'ubutegetsi .................................................... 101
VII.3.2 Imiterere y'ibaruwa y'ubutegetsi .................................................... 102
VII.3.3. Imbata y'ibaruwa y'ubutegetsi ...................................................... 104
VII.3.4 Urugero rw'ibaruwa y'ubutegetsi .................................................... 105
VII.4.1 Inshoza y' umwirondoro ................................................................ 106
VII.4.2 Ibice bigize umwirondoro .............................................................. 106
VII.4.3 Urugero rw'umwirondoro ................................................................ 109
VII.5 Amatangazo ...................................................................................... 111
VII.5.1 Inshoza n'uturango by'itangazo ...................................................... 111
VII.5. 2 Ubwoko bw'amatangazo .................................................................. 111
VII.6 Interuro yoroheje .............................................................................. 115
VII.6.1 Isanisha .......................................................................................... 115
VII.6.2 Imimaro y'amagambo mu nteruro. ................................................ 116
VII.7 Isuzuma risoza umutwe wa karindwi ................................................ 118

**Ibitabo byifashishijwe . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . 123**

**IMIGEREKA . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . . 124**

# UMUTWE I

# UMUCO NYARWANDA

## Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura igitekerezo k'ingabo agaragaza ingingo z'ingenzi.
- Kurondora no gusobanura ingeri z'ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo nyabami.
- Gusesengura raporo no kuyikora.
- Kuzuza neza impapuro zagenewe kuzuzwa.

### Igikorwa cy'umwinjizo

Uhereye ku bumenyi ufite, kora ubushakashatsi:

- Ugaragaze ingeri z'ubuvanganzo nyemvugo nyabami;
- Usobanure raporo icyo ari cyo n'uko ikorwa;
- Ugaragaze zimwe mu mpapuro zagenewe kuzuzwa n'uko zuzuzwa.

## I.1. Gusoma no gusesengura umwandiko: Igitero k'i Butembo

### Igikorwa 1.1

Soma umwandiko "Igitero k'i Butembo", ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko, usubize n'ibibazo byawubajijweho.

### I.1.1 Gusoma umwandiko

Soma umwandiko ukurikira:

**Igitero k'i Butembo**



Igitero k'i Butembo cyabaye mu mwaka wa 1874.[...] Impamvu y'icyo gitero yabaye iyi ngiyi: hariho Shabikobe bya Sebitoryi, agatunga inka z'inyambo zitwaga Imisakura. Izo nka bazigishishiriza i Kamuronsi, agahugu kari ku mutwe w'ikiyaga cya Kivu ku mupaka w'u Buhunde. Umuhinza wo mu Buhunde witwaga Muvunyi wa Karinda arazitera arazinyaga. Iyo nkuru igeze kuri Kigeri IV Rwabugiri, ari i Rwamaraba, asanga bibaye ngombwa kujya guhorera izo nyambo ze zanyazwe n'uwo muhinza. Nyamara ubundi uwo Muvunyi yayobokaga u Rwanda, akajya yohereza amakoro ibwami.

Igihe ari mu byo guhaguruka, haza intumwa za Mwezi IV Gisabo, umwami w'u Burundi. Izo ntumwa zari Abaganwa batatu, baherekejwe n'intore ijana. Batumye ibwami kuvunyisha, Rwabugiri abatumaho ko ari mu rugendo, ko abaheje kugeza igihe azahindukirira. Abasigira umutware we Mugabwambere wa Nyamutera, akajya abacumbikira i Kanyinya na Rubingo rwa Shyorongi. Ategeka ingo ze zose ko zizajya zibohererereza amazimano. Bakazibagira inka eshatu buri munsi, bakaziha n'amazimano yandi y'ibiribwa n'amayoga.

Rwabugiri amaze guhaguruka iwe i Rwamaraba, atuma abantu ku bagore be ngo barushanwe kwitegura intumwa za Mwezi, anababwira ko uzarusha abandi umwiteguro ari we uzatahirwa n'ibirori by'imyiyereko, bikazakiririrwamo intumwa za Mwezi. Abwira izo ntumwa ati:"Ungire Cyivugiza ya Gatsibo, […] Umbwirire Muhundwangeyo wa Ngarambe, umukobwa uteye abahungu imbabazi, uti: 'Witegure intumwa za Mwezi.' Ningushima ingabo zizagutaramira, inyambo zitahe iwawe." *(Uwo yari Kangeyo ka Kanyabujinja ka Nyiracumu, wagengaga urugo rw'i Gatsibo)[…]*

Rwabugiri yahagurutse i Rwamaraba ataha […] i Rubengera, ahategerereza abatasi yari yarohereje kumutatira u Buhunde […] Abo batasi bamaze kurondorera umwami ibyo kwa Muvunyi wa Karinda, umuhinza w'u Buhunde, n'abatware bakomeye muri icyo gihugu, intore zo mu Ngangurarugo zihimbiraho indirimbo yitwa Rwahama […]

Igitero kigeze mu Buhunde, cyaje kurwanya Muvunyi wa Karinda, araneshwa ariko arabikinga ntibashobora kumushyikira. Ubwo ingando ya Kigeri IV Rwabugiri yari i Runyana. Amaze gutsinda Muvunyi n'abategeka bandi bo mu Buhunde, Murego wa Bigiri we ndetse yatewe mbere ya Muvunyi. Shabiganza we ngo yaba yarahunze ariko ntibizwi neza. Abandi batewe bagatsindwa ni Murengezi wa Nyarubwa na Karenge na Rwankuba rwa Gahinda.

Aho Rwabugiri amariye gukubanga u Buhunde bwose, abaza abatasi be ati: "Inyuma y'ishyamba turuzi rihetuye u Buhunde, hari ibihugu nyabaki?" Abatasi bamubwira ko batabizi, ko ari ntawigeze arenga iryo shyamba. Ariko bamumenyesha ibyo bumvanye abandi, ngo uryinjiyemo amaherezo inzira yinjira mu mugezi wa Nyabarongo, akaba ari yo bagenda bavogera, ikikijwe n'inzitiro z'imigano. Rukaba urugendo rurerure kuzageza aho inzira izakukira bakabona kugenda ahatari

mu mazi. Rwabugiri ati: “Nimuhogi tugende tuge kureba ibihugu byaba inyuma y’ishyamba, ubwo hatataswe tuzagenda tuhitatira ubwacu.”

Ingabo zose zinjira mu ishyamba, amaherezo koko binjira muri wa mugezi barawuvogera, Rwabugiri n’abagore be bahetswe. Ngo urwo rugendo baruhereye mu gitondo bakuka uwo mugezi ikigoroba. Aho bakukiye uwo mugezi wa Nyabarongo rero, bagandika mu ishyamba. Bukeye barakomeza bahinguka ahantu hatamurutse, hatuwe n’abantu bameze nk’Abahunde, ariko batazi ibyuma bicurwa. Barwanishaga ibisongo by’imigano kandi bagahingisha inkonzo z’ibiti. Babonye abo bantu bapfupfunutse mu ishyamba, bagerageza kubarwanya, ariko Abanyarwanda barabatsinda.

Ingabo zikomeza zikurikiye inzira yo mu ishyamba, zibona indi midugudu imeze nk’iyo bari bahingukiyeho mbere ariko muri iyo midugudu bahasanga ibintu abo baturage baho bahingaga, byari bibatunze. Kuko rero impamba zari zagabanutse, umwami abwira rubanda ati: “Nimurye biriya bintu, ubwo byari bitunze abandi bantu namwe byabatunga, nitugera i Rwanda muzanywe imiti yo kubahumanura.” Ibyo bintu bavuga byari amashaza. Hanyuma bajya guhaguruka ngo bagaruke mu Rwanda, umwami ategeka ko bazagarukana imbuto zayo.

Ageze i Rubengera mu Bwishaza ahingisha utuyogi mu gikari two kororeramo izo mbuto.  Izo mbuto bazise amashaza kuko zabanje guhingwa i Bwishaza. Ntabwo Abanyarwanda batangaga amakoro y’amashaza kuko atari imbuto karande mu Rwanda; kandi n’uwaryaga amashaza ntiyashoboraga kunywa amata ngo amashaza yica inka. Ngicyo rero ikintu k’ingirakamaro igitero k’i Butembo cyagiriye u Rwanda: kururonkera imbuto nshya

Bamaze kugera mu Rwanda ingabo zitabaruka ukwazo zerekeje mu Buriza n’u Bwanacyambwe ngo zizahahurire n’umwami zikore imihango y’imyiyereko, ari wo munsi w’ibirori byasezeraga ibitero. Naho Rwabugiri aherekezwa n’abatware bamwe anyura iyo mu Murera ahinguka ku Rusumo kwa Magara (ku Rusumo rwa Kabona ku ngezi ya Burera) anyura iy’u Buberuka, agana iwe i Gatsibo ngo arebe uko umwamikazi Kangeyo ka Kanyabujinja bari barakoze imyiteguro.Umwami atanga umunsi wo kubyukurutsa. Birangiye arahaguruka.

Ageze i Gasabo iw’umwamikazi Bayundo ba Rwigenza […] asanga imyiteguro yaho iruta iy’i Gatsibo. Nanone barabyukurutsa, hanyuma umwami arahaguruka ajya i Kabuye ka Jabana iw’umwamikazi Kanjogera.

I Kabuye bari barakoze imyiteguro irushijeho guhimba […] Basanga ari ibwami koko. Kuko rero Kanjogera yari inkundwakazi, Rwabugiri atumiza ba Barundi bo kwa Mwezi bamusanga i Kabuye. Ingabo ziyereka ari ishyano ryose, hatumiwe n’izitari zaratabaye ari ugushaka umurato wo kwereka Abarundi. […] Muri ibyo birori by’imyiyereko, ingabo zitabarutse, nibwo Biraro bya Nyamushanja wa Rugira yahimbiye Rwabugiri ikivugo “Inkatazakurekera” arakimutura.

Umwami rero yamaze iminsi i Kabuye, hanyuma arahaguruka ajya i Kigali ari kumwe na ba Barundi. Bageze kwa Nyirandabaruta ya Sendirima, basanga umutako […] uruta ahandi hose ku buryo bitari bigifite n'igereranyirizo […]

### I.1.2 Gusobanura amagambo

Shaka mu mwandiko amagambo udasobanukiwe, uyasobanure wifashishije inkoranyamagambo cyangwa inyito afite mu mwandiko.

### I.1.3 Kumva no gusesengura umwandiko

*Subiza ibibazo bikurikira:*

1. Sobanura intandaro y'igitero k'i Butembo.
2. Ni nde wafashe iya mbere mu gushoza urwo rugamba?
3. Ni ikihe gihembo cyari giteganyirijwe umwamikazi uzarusha abandi kwitegura umwami?
4. Shaka ibintu cyangwa ibikorwa byavuzwe mu mwandiko bibangamiye ibidukikije.
5. Garagaza ingingo z'ingenzi zigaragara mu mwandiko.
6. Garagaza ingingo z'umuco n'amateka zigaragara muri uyu mwandiko.

**Imyitozo**

Ongera usome umwandiko maze ukore imyitozo ikurikira:

7. Koresha amagambo akurikira dusanga mu mwandiko mu nteruro wihimbiye:

a) Kugishisha inka

b) Amakoro

c) Abatasi

d) Ingando

2. Uhereye ku mwandiko gararagaza ibindi bikorwa by'ubutwari bya Kigeri IV Rwabugiri.

## I.2. Ingeri z'ubuvanganzo nyemvugo nyabami

**Igikorwa 1.2**

Ongera usome umwandiko "Igitero k'i Butembo" ugereranye ibivugwamo n'ibyavugwaga mu yindi myandiko wize, maze ukore ubushakashatsi utahure inshoza y'ubuvanganzo nyemvugo nyabami, urondore ingeri z'ubwo buvanganzo n' uturango twazo.

### I.2.1 Inshoza

Ubuvanganzo nyemvugo nyabami ni ibihangano byose byerekeranye n'abami, ingoma zabo, ibitero byabo, abakurambere, abatware n'imihango by'ibwami.Ni ingeri y'ubuvanganzo itari igenewe buri wese nk'uko ubuvanganzo bwo muri rubanda bwari bumeze. Bityo igihangano cy'ubuvanganzo nyabami ntawashoboraga kugira icyo agihinduraho atabyemerewe.

### I.2.2 Ingeri z'ubuvanganzo nyemvugo nyabami

Mu ngeri z'ubuvanganzo nyarwanda nyemvugo nyabami, twavuga ibitekerezo nyabami (ibitekerezo by'ingabo), amazina y'inka, ibisigo nyabami, ubwiru, ubucurabwenge, ibyivugo, inanga zivuga iby'ibwami, indirimbo z'ingabo. Muri rusange, ingeri z'ubuvanganzo nyemvugo nyabami zirangwa no kuba ari imyandiko ivuga abami, imiryango yabo n'ingoma zabo.

**1. Ibitekerezo**

Ni imyandiko yafatiraga ku bantu babayeho (abami n'ab'ibwami, abatware) cyangwa ibikorwa byabayeho bizwi ikavuga uko byagenze nk'ibitero ariko hakongerwamo amakabyankuru. Ibitekerezo byo mu buvanganzo nyemvugo nyabami birimo amoko abiri:

**a) Ibitekerezo nyabami**

Ibitekerezo nyabami cyangwa iby'imiryango ikomeye byavugaga umuntu ukomoka ibwami cyangwa ukomoka ibutware, bikavuga amateka ye ariko bakongeramo amakabyankuru.

**Ingero:**

– Bwiza bwa Mashira na Gahindiro.

– Ruganzu na Kimenyi umwami w'i Gisaka.

**b) Ibitekerezo by'ingabo**

Ibitekerezo by'ingabo byavugaga imitegurire n'imigendekere y'ibitero ingabo z'umwami zagabye mu bindi bihugu bakongeraho amakabyankuru. Ibitekerezo by'ingabo ni ibihangano byabaga bikubiyemo uko urugamba rwagenze. Byahimbwaga n'abatekereza b'ibwami bafatiye ku byavuzwe n'abavuzi b'amacumu babaga bakubutse ku rugamba. Abo bavuzi b'amacumu bari abantu bazwiho ubuhanga mu kuvuga neza no gufata mu mutwe bagakoresha imvugo nziza kandi batajijinganya. Mu bitekerezo by'ingabo havugwamo inkuru y'igitero n'abakigizemo uruhare cyanecyane ab'intwari.

**2. Amazina y'inka**

Amazina y'inka ni imivugo irata inyambo n'umwami. Ni ingeri y'ubuvanganzo nyemvugo nyabami irangwa n'itondeke ripimye (umubare w'utubangutso ungana),

ikeshamvugo n’amagambo yabugenewe. Yagiraga imiterere yihariye.

Amazina y’inka yagereranywa n’ibyivugo by’inka. Inka z’inyambo batangiye kuzirata cyane mu mivugo kuva kera, ariko imihimbire y’amazina y’inka yaje kwamamara ku ngoma ya Yuhi Gahindiro ahagana mu mwaka wa 1800. Kuva icyo gihe ni bwo abahanga mu byo kwita inka (abisi) batangiye kurebera inka mu bwenge, bakaziremesha ingamba. Inka baziremyemo imitwe bakayirwanisha. Buri mutwe wari ubangikanye n’umutwe w’ingabo ushinzwe kuzirinda.

### 3. Ibisigo nyabami

Ibisigo nyabami ni imivugo yasingizaga abami n’ingoma zabo ikoresheje amagambo y’indobanure. Byabanjijwe n’ibyo bitaga ibinyeto. Ijambo ibinyeto riva ku nshinga kunyeta bivuga gusingiza cyangwa kurata. Abahanzi b’ibinyeto babitaga abenge. Ibinyeto byabaga ari imivugo irata buri mwami ukwe. Bikaba bigufi, muri rusange bitarengeje imikarago makumyabiri. Ibisigo nyabami birangwa n’ikeshamvugo, amagambo y’indobanure kandi ntibyahindagurikaga mu miterere yabyo.

Ku ngoma ya Ruganzu II Ndoli nibwo umugabekazi we w’umutsindirano Nyirarumaga yahurije ibinyeto mu gisigo kimwe yise “Umunsi ameza imiryango yose”. Kuva ubwo ibinyeto ntibyongera kubaho, ahubwo hatangira ibisigo. Ni ukuvuga ko umuntu wa mbere wemewe mu Rwanda nk’umusizi ari Nyirarumaga. Guhera ubwo abasizi batangiye guhimba ibisigo birebire bisingiza abami, banahabwa agaciro gakomeye ibwami ndetse barema umutwe wabo (inteko y’abasizi) uyoborwa n’intebe y’abasizi.

### 4. Ubwiru

Ijambo “ubwiru” risobanura ibanga rikomeye cyane iryo ari ryo ryose. Mu buvanganzo nyabami ubwiru ni imihango yakorwaga n’umwami n’abiru. Iyo mihango yakorwaga mu ibanga kandi ikagira amagambo yihariye agendana na yo. Iyo mihango bayitaga inzira z’ubwiru. Ubwiru bwari bukubiyemo amategeko yagengaga imihango y’ibwami, bwakoreshaga ikeshamvugo n’andi magambo yabugenewe kandi ntibwahindagurikaga.

### 5. Ubucurabwenge

Ni umuvugo muremure wavugaga ibisekuru by’abami n’abagabekazi. Abawufataga mu mutwe bitwaga abacurabwenge. Ubucurabwenge burangwa n’uko buvuga ibisekuru by’abami n’abamikazi mu buryo buryoheye amatwi. Ubucurabwenge bwakorwaga n’abacurabwenge.

### 6. Ibyivugo

Kwivuga: ni ukuranga icyo uri cyo, uwo uri we mu rwego rw’intambara, rimwe na rimwe umenyesha abakumva uwo ukomokaho byo guhimba, ukavuga ibyakuranze ku rugamba. Ibyivugo ni imwe mu ngeri z’ubuvanganzo nyemvugo nyarwanda. Bisingiza intwari n’ubutwari bwazo ndetse n’intwaro zifashishwaga.

Ibyivugo ni ubuvanganzo nyarwanda bwahimbirwaga kurata ubutwari bw'ingabo. Nyiri ukwivuga yashakaga kugaragaza ubutwari yagize ku rugamba cyangwa umugambi yiyumvamo wo kuzaba intwari mu bihe bizaza, akihimbira ikivugo cyangwa agashaka ukimuhimbira, akagitora kikagaragaramo ubutwari bwe. Ibyo bishaka kuvuga ko abagabo bose batari abahanga mu guhimba ibyivugo. Hariho intiti kabuhariwe zahimbiraga n'abandi ibyivugo. Ibyivugo birangwa n'ibigwi n'ibirindiro.

Ibigwi: Ni umubare cyangwa se amazina y'abanzi nyiri ukwivuga yatsinze ku rugamba ndetse n'aho yabatsinze.

Ibirindiro: Ni ibikorwa by'akataraboneka uwivuga yagaragarije ku rugamba nko kwimana no kugarukira ingabo bagenzi be (kuzirengera) gutahana iminyago, kwibasira abanzi…

### 7. Inanga zivuga iby'ibwami

Mu buvanganzo nyabami, inanga zaherekezwaga n'indirimbo z'ingabo zigahishura uko abakurambere batekerezaga, akari kabari ku mutima n'uko bari bameranye mu mibanire yabo. Inanga tuzisangamo uturango tw'ubusizi nyarwanda (isubirajwi, imibangikanyo, injyana...) Zahimbirwaga kurata no gusingiza abami. Zacurangirwaga mu bitaramo binyuranye.

### 8. Indirimbo z'ingabo

Ni indirimbo zaririmbwaga mu bitaramo by'imyiyereko ingabo zitabarutse ku rugamba. Izo ndirimbo zafatiraga ku bantu babayeho (abami, ab'ibwami n'abatware cyangwa ibikorwa byabayeho bizwi nk'ibigwi, ibirindiro...)

## Imyitozo

**Kora imyitozo ikurikira:**

1. Ingeri z'ubuvanganzo nyemvugo nyabami zitandukaniye he n'ingeri z'ubuvanganzo nyemvugo bwo muri rubanda ?
2. Ni akahe kamaro ko kwiga ubuvanganzo nyemvugo nyabami muri iki gihe ?

## I.3. Raporo

**Igikorwa 1.3**

Iyo umuntu agiye mu butumwa ahantu runaka agamije kwereka uwamutumye ko icyo yagiye gukora yagikoze, amukorera raporo. Kora ubushakashatsi utahure inshoza ya raporo, uko ikorwa n'imiterere yayo.

### I.3.1. Inshoza ya raporo

Raporo ikorwa n'umuntu wahawe ubutumwa ubu n'ubu. Iba ifite intego igamije, ikajyamo ibitekerezo bwite bya nyiri ukuyikora, kandi ikarangira atanga ibitekerezo ku myanzuro igomba gufatwa. Raporo iba igenewe umuyobozi ugomba gufata ibyemezo ku bitekerezo byamugejejweho.

### I.3.2. Imbata ya raporo

Raporo, igira imbata nk'iy'umwandiko usanzwe. Ni ukuvuga umutwe, intangiriro, igihimba n'umusozo.

1. **Umutwe :** Umutwe wa raporo uba ari nk'inshamake y'ibikubiye muri raporo.
2. **Intangiriro:** Muri iki gice, ukora raporo yandikamo icyo agiye gukorera raporo n'impamvu ayikora ndetse n'agaciro iyo raporo ifite.
3. **Igihimba:** Muri iki gice ukora raporo agaragaza ku buryo burambuye uko abona ibyo akorera raporo; abivuga abitondekanya nk'ugambiriye kubisobanura mu buryo bw'inyurabwenge. Ukora raporo agomba gutanga ibisobanuro biza gutuma uwo aha raporo adashidikanya ku myanzuro aza kumugezaho. Ibyo kandi ukora raporo abikora atabogamye.
4. **Umusozo:** Muri iki gice ukora raporo atangamo ibitekerezo by'uburyo ikibazo k'ibyo yakoreye raporo abona cyakemuka. Mbere yo gutangira kwandika raporo uba wabanje gutekereza ku byo uvuga mu myanzuro. Raporo nziza igomba gutuma uwo yandikiwe yemera ibitekerezo biyikubiyemo, agafata ibyemezo ku myanzuro yagejejweho, ariko ntigomba kubogama.

### I.3.3. Uko raporo ikorwa

Ukora raporo agomba kwita kuri ibi bikurikira:

- Gukoresha imvugo itunganye kandi yumvikana neza.
- Kugaragaza ibyerekeye icyo uvuga muri raporo yawe: itariki, isaha, igihe, abari bahari n'abo ari bo, ingingo zizweho cyangwa ikindi gikorwa cyari cyajyanye ukora raporo, ibyemezo byafashwe…
- Kugaragaza ibitekerezo by'ingenzi kugira ngo uyisoma abone vuba ibyo uwakoze raporo aha agaciro kanini.
- Gushyiraho amazina n'umukono by'uwakoze raporo.

## Imyitozo

**Subiza ibibazo bikurikira:**

a) Raporo ni iki?

b) Sobanura ibyo wagenderaho ukora raporo.

## Umukoro

Umucungamutungo wa koperative Twitezimbere yoherejwe gukurikirana amahugurwa yo gucunga neza imikoreshereze y'umutungo w'abanyamuryango. Ishyire mu kigwi cy'uwo mucungamutungo maze ukore raporo washyikiriza umuyobozi wa koperative wakohereje kuyakurikirana.

## I.4. Impapuro zagenewe kuzuzwa

### Igikorwa 1.4

Ushingiye ku byo usanzwe uzi cyangwa ubona, garagaza impapuro zuzuzwa, uko zuzuzwa n' ibyuzuzwaho.

### I.4.1 Impapuro zo mu nzego z'ubuyobozi bwite bwa Leta

Mu nzego z'ubuyobozi bwite bwa Leta hari impapuro zagenewe kuzuzwa zitumanyirazo ahabwa serivisi runaka. Zimwe muri izo mpapuro ni izi zikurikira:

- Ikemezo cy'amavuko;
- Ikemezo gisimbura ikarita ndangamuntu by'agateganyo;
- Icyangombwa cyo gushyingirwa;
- Icyangombwa cy'ubupfakazi;
- Ikemezo cy'ubugaragu;
- (…)

Mu buryo bwo gutanga serivisi inoze impapuro zimwe na zimwe zuzuzwa hifashishijwe ikoranabuhanga. Ni muri urwo rwego zimwe muri izi mpapuro zisabwa hifashishijwe urubuga ***"www.irembo.gov.rw"***


## 1. Imikorere y'urubuga Irembo

Uru rubuga rukora nk'uburyo bw'ikoranabuhanga butunganya ibikorwa bigamije gutanga serivisi hagati y'Ibigo bya Leta n'abaturage. Imikoreshereze n'imitunganyirize y'urwo rubuga ikaba igengwa n'Ihuriro ry'Imirongo Nyarwanda (Rwanda Online Platform Ltd).

Ukeneye impapuro z'ubuyobozi, ajya ku rubuga *www.irembo.gov.rw* agakurikiza amabwiriza bitewe n'urupapuro akeneye, agahabwa inomero yishuriraho. Kwishyura serivisi ku rubuga Irembo bishobora gukorwa mu buryo bukurikira: terefoni ngendanwa, ikarita yo kubitsa no kubikuza n'andi makarita akoreshwa mu mabanki bakorana n'ubundi. Usabye serivisi agomba kumenya ko umwirondoro we winjijwe neza.

## 2. Uko basaba ikemezo bakoresheje Irembo

Kugira ngo ubone ikemezo bisaba kuba ufite mudasobwa cyangwa terefoni irimo murandasi. Wifashisha inshakisho (browser) hanyuma ukandika ahabugenewe *"www.irembo.gov.rw."*, hagahita haza ibi bikurikira:



Ushakisha ahanditse inzego z'ibanze, ugahitamo ikemezo uzashaka, hanyuma ukanyura mu ntambwe zikurikira:

**a) Intambwe ya mbere: Gusaba**

– Gukoresha Irembo: Niba utariyandikishije ku rubuga Irembo, kanda ahanditse "Kwiyandikisha" hejuru iburyo maze wiyandikishe ukoresheje indangamuntu yawe na nomero ya terefoni igendanwa ibaruye ku ndangamuntu yawe.

– Gusaba ukoresheje terefoni igendanwa (USSD): Kanda *909# ukurikize amabwiriza, cyangwa ushobora no kwegera uhagarariye Irembo akabigufashamo.

Nyuma yo kohereza dosiye isaba, wohererezwa ubutumwa bugufi kuri terefoni cyangwa imeri (Email) yawe byemeza ko dosiye yoherejwe kandi ugahabwa kode yo kwishyuriraho.

**b) Intambwe ya kabiri: Kwishyura**

– Ushobora guhita wishyura unyuze ku rubuga Irembo ugakoresha amakarita (VISA cyangwa MasterCard), cyangwa se ugahitamo kwishyura ukoresheje terefoni, mobikashi (Mobicash), cyangwa ukajya ku ishami rya Banki ikorana n'irembo ukishyurira yo hifashishijwe kodi wahawe.

– Nyuma yo kwishyura, wohererezwa ubutumwa bugufi kuri terefoni cyangwa kuri imeri (Email) bwemeza ko wishyuye. Nutabona ubutumwa bugufi kuri terefoni cyangwa imeri mu gihe k'iminota 30, wahamagara kuri 9099 umukozi w'Irembo akagufasha.

**c) Intambwe ya gatatu: Igihe cyo kujya gufata ikemezo**

Iyo umukozi ubishinzwe abonye dosiye yawe, arayisuzuma akayemeza cyangwa akayihakana hanyuma ukohererezwa ubutumwa bugufi kuri terefoni cyangwa imeri (Email) bukumenyesha ko dosiye yawe yemewe cyangwa yanzwe.Iyo utabonye ubutumwa bugufi nyuma y'iminsi itatu y'akazi wohereje dosiye isaba, uhamagara ku biro by'abashinzwe serivisi wasabye.

**d) Intambwe ya kane: Kujya gufata icyangombwa**

Iyo ubunye ubutumwa bukubwirako dosiye yawe isaba yemejwe, ujya ku rubuga rw'Irembo ugakuraho icyangombwa cyawe wifashishije kode wishyuriyeho.

**Urugero rw'ikemezo wahabwa umaze gukoresha Irembo:**

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**IBIRO BY'IRANGAMIMERERE**

**IKEMEZO CY'AMAVUKO**

---

Inomero: D214563TKRB

Gewe........................................Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa ........................................ Nemeje koKanaka (Nyirakanaka) ........................................Mwene ........................................na ........................................Wo mu karere ka ........................ yavukiye ........................................Ku wa ........................................Gitangiwe ........................................ ku wa ........................................

Umunyamabanga Nshingwabikorwa ........................................

Igiciro | 500 FRW |

Iki kemezo kemejwe hakurikijwe nomero D214563TKRB
kandi gishyizweho umukono na
........................................
Gifite agaciro kugeza ku wa
.................

## I.4.2 Sheki

Sheki ni urupapuro rwuzuzwa muri banki kugira ngo nyira rwo cyangwa uwo aruhaye abikuze amafaranga kuri konti. Iby'ingenzi byuzuzwa kuri sheki ni ibi bikurikira:

– Umazina y'uri bubikuze akoresheje iyo sheki.
– Umubare w'amafaranga abikuzwa.
– Itariki sheki itangiweho.
– Umukono wa nyiri konti.

Urugero rwa sheki




### Imyitozo

Ishyire mu mwanyaw'ushaka icyangombwa gisimbura irangamuntu cyangwa ikindi cyangombwa maze uge kurubuga irembo wuzuze ibisabwa kugira ngo ugihabwe.

## I.5. Isuzuma risoza umutwe wa mbere

### Umwandiko: Ruganzu Bwimba na mushiki we Robwa

Ruganzu I Bwimba yima ingoma, mu burasirazuba bwa Gasabo hari ingoma ikomeye y'i Gisaka, yari iyobowe na Kimenyi I Musaya. Kimenyi uwo yize ubucakura bwo kurongora mushiki wa Ruganzu witwaga Nyiramateke Robwa, mu rwego rwo kwiyenza ku Rwanda ngo azarwigarurire.Uwo mugambi akaba yari yarawutangiye ku ngoma ya Nsoro I Samukondo se wa Bwimba na Robwa. Nsoro I Samukondo yari atuye i Gasabo hakuno ya Muhazi mu Murenge wa Rutunga, akagira urundi rugo hakurya yayo ahitwa i Tanda na Rusizi, ubu ni mu Murenge wa Giti mu Karere ka Gicumbi.

Mu gihe Kimenyi umwami w'i Gisaka yari agishakisha uko yagera ku mugambi wo kurongora Robwa, abajyanama be bamugiriye inama yo gushaka ubushuti kuriNkorokombe musaza wa Nyakanga umugore wa Nsoro.Ubushuti bumaze gukomera Kimenyi atuma kuri Nkorokombe ati: “Ndashaka gusaba muramu wawe umugeni, none uzahambere nk'inshuti.” Nkorokombe aramusubiza ati: “Uzaze, umugeni ntuzamubura rwose.”Kimenyi rero yaje gusaba Robwa kwa Nsoro ariko baramumwima.

waratanze akamudusaba tuzamumwima tutaramubyaye?” Nsoro arababwira ati: “Nimumpamagarire abana bange.” Ni uko abana baraza bahageze, abwira Robwa ati: “Nushaka gushyingirwa kwa Kimenyi, uzagende ariko uzabe uzi ko uri umutabazi w’u Rwanda, ntuzagende wibwira ko uri umugeni. Uramenye Kalinga ntuzayigurane Rukurura.”Hanyuma yihanangiriza Bwimba wagombaga kumuzungura ku ngoma ko atazashyingira umwami w’i Gisaka.

Nsoro amaze gutanga, mu iyima rya Bwimba, Kimenyi Musaya yasubukuye umugambi we wari warapfubye wo gushaka mu Banyiginya. Umwami Ruganzu Bwimba n’abajyanama be barabirwanyije cyane, ariko Umugabekazi Nyakanga na musaza we Nkurukumbi barawushyigikira cyane. Ngo kunywana n’i Gisaka byari gutuma kitazabatera kuko cyabarushaga amaboko. Ibyo gutera igisaka babitera utwatsi. Ubwo Bwimba yumvikana na mushiki we Robwa kutazabyarana n’umwami w’i Gisaka umwana w’umuhungu kugira ngo atazatera u Rwanda. Robwa yemeza ko nasama inda ya Kimenyi aziyahura.Ubwo Robwa yashyingiwe mu Gisaka, asama inda ya Kimenyi umwami w’i Gisaka, ntiyabihisha musaza we.

Ni uko Bwimba na we yihutira gushaka umutabazi w’Umucengeri uzapfa mbere ya Robwa.  Indagu zerera Nkurukumbi, musaza w’Umugabekazi Nyakanga. Kubera ubwoba, Nkurukumbi yarabyanze mazeyihadika amatugunguru mu kibuno avuga ko arwaye ngo ko yazanye amagara, adashobora gutabarira Igihugu kuko afite imiziro.Indagu za kabiri zereyeumwami Bwimba we ubwe.

Mbere yo gutabara, Bwimba yabwiye nyina ati: “Imyaka agahumbi Abasinga mudasubira ku ngoma”. Nyina wakomokaga mu Basinga niwe wari ugambaniye u Rwanda abuza bwimba gutera i Gisaka, agashyingira Robwa mu Gisaka, akanoshya musaza we Nkurukumbi kwanga kuba umutabazi.

Ubwo Ruganzu Bwimba yahise atabarira u Rwanda. Nyina utarashakaga ko ajyayo yatambitse umweko mu marembo agira ngo amubuze gutabara, undi aranga arawurenga, aravuga ati: “Umusindi yarenze akarwa, nimusigarane amagara yanyu, ayange nyajyanye mu Gisaka.”Nuko Bwimba ashoza urugamba, ingabo z’i Gisaka zimutsinda i Nkungu na Munyaga (Rutonde muri Kibungo) ubu ni mu Karere ka Rwamagana.

Ubwo Ruganzu I Bwimba yatangaga aguye mu Gisaka atabaye nk’umucengeri, Kimenyi yaje guhoza Robwa ngo amumare agahinda ka musaza we wari umaze gupfa maze aramubwira ati: “Rukurura ni iyawe, i Gisaka ni icyawe.” Robwa yasubije Kimenyi amucyurira ati: “Mbabajwe n’uwakwise Kimenyi, iyo uza kuba Kimenyi koko, wari kumenya icyanzanye ino aha.”Robwa wari unatwite inda y’imvutsi y’umuhungu, arikusanya n’imbaraga ze zose, yitera hejuru maze agiye kugwa hasi, bamutega ingoma, ayigwa ku rutsike apfana n’umwana yari atwitwe.

Romba apfa nk'umutabazi nka musaza we Bwimba.

Urupfu rwa Robwa rwamugize ikirangirire mu bakobwa n'abagore bose babayeho

mu mateka y'u Rwanda kuko atatinye kumenera Igihugu ke amaraso. Amaraso ya Bwimba na mushiki we yari amaze kumenekera mu Gisaka, yashushanyaga insinzi y'iteka ryose u Rwanda rwagomba guhorana mu mugambi wo kwagura Igihugu.

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

1. **Ni ubuhe buryo Kimenyi I Musaya umwami w'i Gisaka yakoresheje kugira ngo bamushyingire Robwa?**

Kimenyi I Musaya umwami w'i Gisaka yakoze uko ashoboye agirana umubano na Nkorokombe muramu wa Nsoro kugira ngo azabe ariwe acaho asaba ko bamushyingira Robwa.

2. **Kubera iki Bwimba yategetse ko Abasinga batagombaga gusubira ku ngoma imyaka agahumbi?**

Bwimba yategetse ko Abasinga batagombaga gusubira ku ngoma imyaka agahumbi kubera ko Nyina wakomokaga mu Basinga ari we wari waragambaniye u Rwanda abuza bwimba gutera i Gisaka, agashyingira Robwa mu Gisaka, akanoshya Nkurukumbi kwanga kuba umutabazi.

3. **Kubera iki umugabekazi Nyakanga na musaza we Nkorokombe bashyigikiye umugambi wo gushyingira Robwa mu Gisaka?**

Ngo kunywana n'i Gisaka byari gutuma kitazabatera kuko cyabarushaga amaboko.

4. **Uhereye kuri Robwa na Ruganzu Bwimba, gira icyo uvuga ku buryo abana bafataga umurage basigiwe n'ababyeyi babo wifashishije ingero.**
5. **Ibyo Robwa na Bwimba bakoze mu gihe cyabo byabagize intwari kandi bibaha indangagaciro yo gukunda Igihugu. Ni iki wowe wakora kugira ngo ugaragarweho n'idangagaciro yo gukunda Igihugu muri iki gihe?**

**II. Inyunguramagambo**

**1. Sobanura amagambo akurikira**

a) Umucengeri

– Umucengeri ni igikomangoma wabaga yerewe n'indagu y'i bwami akajya mu gihugu bashaka gutera, akagenda atarwana ariko yiyenza, akagwayo, bikaba uburyo bwo kukigarurira.

– Umutabazi: umuntu wabaga werejwe n'indagu y'ibwami akitanga ku rugamba rwaremeye ishyanga, amaraso ye agatsindira urwanda igihugu aguyemo, yabaga ari umugabo wo munda y'ingoma cg ukomoka mu batsobe.

b) Kuberana

c) Muramu (w'umuntu)

d) Rukurura

**Koresha mu nteruro amagambo akurikira:**

a) Umugabekazi

b) Indagu

c) Umweko

d) Imiziro

**III. Ibibazo kuri raporo no ku mpapuro zuzuzwa**

1. Ni ubuhe buryo bukoreshwa mu kubikura amafaranga kuri banki?
2. Ni ayahe makuru yingenzi yuzuzwa kuri sheki?
3. Usibye sheki n'ikemezo cy'amavuko ni izihe mpapuro zindi muzi buzuza? Tanga nibura ingero eshanu.
4. Kubera iki umuntu yandika raporo?

# UMUTWE II KUBUNGABUNGA UBUZIMA

## Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura ikinamico agaragaza ingingo ziyikubiyemo n'uturango twayo.
- Guhanga ikinamico ku nsanganyamatsiko yahawe no kuyikina.
- Gukoresha neza ibinyazina mu nteruro.

### Igikorwa cy'umwinjizo

**Ushingiye ku bumenyi ufite:**

- Sobanura uko wabungabunga ubuzima kugira ngo ubeho neza.
- Ni iki washingiraho kugira ngo uhange ikinamico?
- Sobanura impamvu ituma mu Kinyarwanda habamo amoko menshi y'ibinyazina.

## II.1 Gusoma no gusesengura umwandiko: Mpana uwange yananira nti: "Ugira Imana agira umugira inama"

### Igikorwa 2.1

Soma umwandiko ukurikira, ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranyamagambo kandi usubize n'ibibazo byawubajijweho.

## II. 1.1 Gusoma umwandiko

*Soma umwandiko ukurikira:*

**Mpana uwange yananira nti: “Ugira Imana agira umugira inama”**



**Abanyarubuga:**

1. **Rubundakumazi:** Umugabo wa Nyinawumuntu. Ni igikwerere kandi ni umusinzi.
2. **Nyinawumuntu:** Umugore wa Rubundakumazi, acisha make kandi akita ku bana be.
3. **Bihame:** Ashinzwe umutekano mu Murenge wa Gorora Rubundakumazi atuyemo.
4. **Bigora:** Umuzimyamuriro wa Rubundakumazi akaba n’umuvandimwe we.
5. **Nyiragitariro:** Umuturanyi wa Rubundakumazi, bakunda gusangira urwagwa.

**Umusogongero**

*Umugabo Rubundakumazi ni umusinzi, yajujubije umugore n’abana akaba n’imfizi y’akarere. Ntakozwa ibyo kuboneza urubyaro, kandi abo yabyaye nta cyo abamariye. Umugore we Nyina w’umuntu ni we wita ku bana aca inshuro.*

*Ese iherezo rya Rubundakumazi ni irihe? Reka dusome ikinamico.*

**Umuseruko wa I**

*(Rubundakumazi atahe akesheje avuye mu kabari, aze aririmba, yitonganya, asange abana n'umugore baryamye, nagera ku irembo ahamagare umugore we.)*

**Rubundakumazi:** *(Aririmba)* Yego mama Rubibi yaraje, yego shenge Rubibi yaraje, Rubibi yaje… *(Yitonganye)* Asyi! Nabyara ibyangwe nabyara ibyangwe, mbure n'intwari n'imwe y'indwanyi yumva ko naje ngo inyakire! *(Ahamagare)* Nyinyawumuntu! Nyinyawumuntu! Wiriwe, waramutse!

**Nyinawumuntu:** *(Yikirize)* Mwaramutsedatabuja mugabo mwiza!

**Rubundakumazi:** Umva mbese, ibyo wongeraho ni ibiki ma! Kingura vubavuba, ntumenya ko ntashye mu rugo rwange!

**Nyinawumuntu:** *(Abanze akomangire abana ngo babe maso kuko uko abibona ijuru atari ryeru, se yasinze maze abongorere.)*Bana, murabe maso! *(Yegere umuryago wo ku irembo akingure yivugisha).* Mugabo mwiza ko utinjira, ntubonako nakinguye?

**Rubundakumazi:** Niko, urivugisha ubusa, wagize ngo ndabwumva. urandaza hanze, iyi nzu warayubatse? Ubu nshatse twabonana kweri!

**Nyinawumuntu:** Ko uyu munsi wakabije imikizi byakugendekeye bite?

Wahinduye imvugo urakabya. Ikindi kuva twashakana bibaye ubugira kabiri utaha bukeye.

**Rubundakumazi:** *(Yinjire adandabirana kandi yivugisha)* Barakubeshye sha!

Nge mba ndi hamwe n'urungano dutera imbozi, wibuke wowe ko umaze kuba urujyon'igikomomo. Ubu se wowe wiyibagije amateka yange aka kanya kangana no guhumbya.

Ntundebe ngo ayi! Sindasaza nkawe sha! Urarata iyo mishumi ngo naaa...! Ngaburira, unkarabye! Si cyo nagushaki ye se?

**Nyinawumuntu:** *(Yitonze)* Yewe ibyawe byakomeye kugeza ubwo uvuga amacuri. Databuja, nzi ko ushaje asigaho, none niba ugisimbuka akatsi komereza aho; nagira ngo yenda uba uri hamwe n'abandi bagabo mujya inama!Ariko Nyinawumuntunange naruha koko! Gusa urugiye kera ruhinyuza intwari. Rubundakumazi nkubwire, agakungu wongeye kubura uzagakuramo imbwa yiruka! Umaze kunshajisha, usigaye wirebera inkumi. Narakubyariye ndenza no kubyara, nabyaye imfura, ndaheta, ndahetura, nasa iminani nkomereza kuri Nyabyenda, Nyiranaribumbye na Nyiramisago. Wanshatse mfite inzobe inyoye, umusatsi ari umusereko, umubiri wose ntemba itoto, none ngo… Babivuze ukuri koko ngo inkanda ishaje ibyara

imisuzi! Hm! Ubonye ntakoma!

**Rubundakumazi:** Kabone ishano, imisuzi nyine, ibyo uvuga simbyumva. *(Abaze impamvu abana baruciye bakarumira kandi bumva basakuza)* Mbese bya bibwegera byawe ko bidakoma byasinziye iteka ryose!

**Nyinawumuntu:** Abo wita ibibwegera ni ba nde?

**Rubundakumazi:** *(Ahamagare abana mu mazina yabo abatuka)* Ndaribumbye wo kabumba akabindi we! *(Umwana ati: "Ce!"),* yewe Nyabyenda we! Nge mvuga muryamye, sha ntimuzi ko mugaramye mu nzu yange.

**Nyinawumuntu:** Abana wabaretse koko! Ntibari kurara bicaye ngo ni wowe bategereje kandi bafite akamenyero ko ari ge wugurura igihe cyose uziye. Nk'ubu baba biriwe bamfasha imirimo, duca inshuro ngo tubone icyo dushyira mu nda. Baba rero baguye agacuho, bibasaba kuruhuka ngo ejo bazongere gushakisha imibereho baruhutse neza. Kandi dore burakeye. *(Nyinawumuntu akebuke ibirenge by'umugabo abone atambaye inkweto atangare)* Dore re! Ukagaba n'inkweto?

**Rubundakumazi:** Usigaye unjondora utyo! *(Ase naho inzoga zimushizemo arekure urushyi arukubite umugore ngo pya! Yivugishe.)*Ako gasuzuguro uge ukajyana hirya sha!

**Nyinawumuntu:** *(Atabaze n'ijwi rirenga)* Rubanda rw'umwami muramvuneee! Umugabo aranyishe bana bange nimuntabare!

**Abana:** *(Babyuke batakamba barimo Nyabyenda, Nyirandaribumbye na, Nyiramisago na Mpinganzima)* dawe tubabarire!dawe tubabarire! *(Rubundakumazi akizurungutana n'umugore,umuzimyamuriro Bigora ngo: « Ba! » Arabakiza.)*

**Nyinawumuntu:** *(N'impumu nyinshi)* N'ubundi narabivuze ko azanyica.Umuntu utaha mu nkoko se koko nzabigenze nte?

**Rubundakumazi:** Umva bwa bwenge bw'abagore, umuntu ataha mu nkoko se habuze imodoka?

**Bigora:** Mureke gushyogoranya burakeye, mutuze, muruhuke, turabisubiramo mu kanya bumaze gutandukana, abantu bafite umwanya. Wowe Nyinawumuntu ngwino tujyane hatagira uwongera kwatsamo rukambikana. *(Abana basubirekuryama, nyina ajyane na Bigora bikubure bajyanebategereze bukeye).*

**Rubundakumazi:** *(Yivugisha)* Iyo ka Bigora kadahinguka, mba nkuyeho amaheru! Akagore kamfuhira gasanzwe kanyobewe? Umugoye ubyara indahekana, umugore utaracuriyeigihe nk'abandi bagore, wamukeka kuba ikimashini gicura abantu. Ariko koko uriya mugore ni ikimashini! Agire kubyara indahekana, guca inshuro buri munsi...Ese mama iyo nza kuba ngenyine, bariya bana mba narabashoboye? None ndi kwimugariza agakecuru ngo

ni igikomomo, uwambaye ikiyezi ntamenya ko kera koko! *(Atararekanya ijambo, yumva umuriri w'abantubaje bagana iwe, ategereza ko basuhuza. Yivugishe)* Aba bantu barazindutse pe!

**Umuseruko wa II**

*(Ni mu gitondo cya kare, Rubundakumazi, Nyinawumuntu, Bigora, Nyiragitariro na Bihame bicaye mu ruganiriro kwa Rubundakumazi. Bagiye gusubira mu byabaye)*

**Bihame:** Mubyeyi rero turakugendereye.Nabwiwe ko mwaraye mutera rwaserera. Ni mpamvu nazindutse iya marumba ngo ngere hano nsobanuze ibyanyu neza. Dusobanure neza impamvu igutera guhungabanya umutekano.

**Bigora:** *(Atanguranwe)* Umva rwose Muyobozi, Rubundakumazi uyu twarabyirukanye, yatekerezaga inyama akarara azibonye, yakenera inkumi zabuze umutima akazibona, amajigijayarajishaga, ahakinze agatera gatarina. Twaramuhannye, yewe no kumuraguriza twari tugiye kubikora, Imana iradufasha mu gihe gito aba ashinze akavumu. Umusore, inkumi itamuzi mu gihe cyacu ntiyaba yaravukiye i Gorora! Uyu, udutego twa rugondihene, gukirana…nta we bajyaga imbizi n'amahane rugeretse. Ntureba iki gishyundu hejuru y'ijisho, ni intosho yanteye turagiranye kera.

**Rubundakumazi:** Shahu Bigora mwene Birekeraho, uragorwa n'ubusha nka bwa bundi bwaritse ku nzira, umuyaga ukabwarurira! Niba ushaka ko bambamba mufatanye. Umunnyi azira undi koko! Wowe wabaga he icyo gihe uvuga. Ca urwa mbehe wenda uzagabana mug!

**Nyiragitariro:** Mwunve nkome! Nkomye nakomeretsa umuntu. Twese ntawutamuzi. Nshaka inaha muri za mirongo …, nasanze bamwirahira. Aka gasozi kacu kabuze amahoro kubera umuntu umwe witwa Rubundakumazi mwene Maruhe na Mukarunyana.

**Rubundakumazi :** Unyikorere azanture. Icyabazanye cyabananiye? Zita abafashi zigasingiza ababaji. Mwagombye kubaja nyiramama wange iyo yaraye mu mihana! Mwazanywe no gusubira mu y'inzuki cyangwa hari abazimu babanterereje!

**Bihame:** Mureke dusubire ku cyatuzanye. Nyinawumuntu, wapfuye iki n'umugabo wawe? Tuguhaye rugari.

**Nyinawumuntu:** Uyu mugabo, yatashye bugiye gucya, atangira kuntuka, anshiraho, ankubita inshyi, amena umusaya. Namwe nimundebere.*(Abereke umusaya yapfutse, ataka, yihengetse cyane bigaragara ko yamubabaje)*

**Nyiragitariro:** *(Yirahire)* Ego mwana w'abazigaba! Yewe yamubabaje cyane. Nimugoroba nari nikanjiye amazi, igihe nagatabariye nagize ngo ni umugabo wihungurira umugore we imikungugu!

**Bigora:** Nk'uko bisanzwe nimugoroba naje kubakiza.Rubundakumazi yaramereye nabi nyinawumuntu. Mu guhosha amakimbirane, Nyinawumuntu nagiye kumucumbikira iwange ngo tubisubiremo bukeye. Muyobozi rero rwose Rubundakumazi uyu yaratuyobeye. Twamugiriye inama yo kureka inzoga kuko ariyo imutera gukora amabi yose ariko na n'ubu ntarumva.

**Bihame:** Umusaza, hari icyo wiregura?

**Rubundakumazi:** Ntacyo, ni uko byagenze. Sinarushya ntera umugeri.

**Bihame:** Rubundakuma, have sigaho guhora usinda, reka izo nzoga zigutera guhohotera abana n'umugore wawe, inzoga zigushora mu ngeso mbi. Uzi ko amategeko ahana umuntu wese uhohotera abana, umugore we cyangwa mugenzi we?Rubundakumazi, ufite amateka maremare. Wabyirukanye amahane none urashaka kuyasazana? Wariyandaritse, ujya mu nzoga kandi ibyo byose ntibifite umwanya mu muryango nyarwanda. Mu makuru mfite, mu ndahekana zanyu hafi ya zose ntawutararwaye bwaki, ikindi kandi ntukozwa ibyiza byo kuboneza urubyaro, iby'ubuzima bw'imyororokere, ntushobora kubitoza abagukomokaho kuko nawe byakwihishe. Ubu koko ejo nibakora nk'ibyo ukora bizagushimisha? Ubwo urabona ari urugero rwiza uha abo wabyaye? Rubundakuma, mpa umwanzuro.

**Rubundakumazi:***(Rubundakumazi wateze amatwi ushinzwe umutekano mu murenge, agaragara nk'uwatsinzwe n'ibyo bamubwiye maze avuge acishije make)* Muyobozi namwe mwese muteraniye aha nimumbabarire. Nakoze amabi menshi nyatewe n'inzoga. Kuva uyu munsi sinzongera kunywa inzoga. Ndaziretse! Ndaziretse! Ndaziretse! Nange rwose ndakabije. Urareba uko nimugarije agakecuru koko! Dore n'abana bange, iyo ninjiye mu rugo barampunga.Mugore wange rwose ejo uzamperekeze tuge kugisha inama uko twaboneza urubyaro kwa muganga. Nubwo twabyaye Ndaribumbye na Nyiramisago, nta rirarenga.

**Nyinawumuntu:** Urwo ni urwiyerurutso, ndakuzi!

**Rubundakumazi:** Mbarahiye Imana yo mu ijuru, sinzongera kunywa inzoga. Ngiye kwisubiraho muri byose. *(Apfukame imbere y'umugore we, hanyuma akomeze.)* Mugore wange mbabarira, sinzongera kukubabaza. Nsabye imbabazi n'abana bange mpora ndaza rwantambi kandi nkabicisha inzara niririwa mu nzoga, aho kubacira inshuro.Mugore mwiza, niba umpaye imbabazi haguruka umpobere.

**Bihame:** Nyinawumu, niba wemera gutanga imbabazi, haguruka uhobere umugabo wawe. Hamagara n'abana baze bahobere se.

**Nyinawumuntu:** *(Amagambo ya Rubundakumazi akore ku mutima Nyinawumuntu, hanyuma ahaguruke ahobere umugabo we, amarira y'ibyishimo amutembe mu maso. Ahamagare abana bose maze na bo baze bahobere se. Abari aho bose babahe amashyi n'impundu.)*

### II.1.2 Gusobanura amagambo

**Sobanura amagambo cyangwa amatsinda y'amagambo akurikira:**

1. Gushinga akavumu
2. Imikizi
3. Kuzinduka iya marumba
4. Kurara rwa ntambi

### II.1.3 Kumva no gusesengura umwandiko

**Subiza ibibazo bikurikira:**

1. Rubundakumazi ava mu kabari yatashye gihe ki ?
2. Ni iki cyatumye Rubundakumazi akubita Nyinawumuntu ?
3. Ni izihe mpanuro Bahame yahaye Rubunda ku mazi ?
4. Gereranya imyitwarire ya Rubundakumazi, iya Nyinawumuntu n'ubuzima busanzwe bw'Abanyarwanda.
5. Wavuga iki ku myumvire ya Rubundakumazi ku bijyanye no kuboneza urubyaro ?
6. Garagaza ingaruka ziterwa no kubyara indahekana ku buzima bw'umuryango n'ubw'igihugu muri rusange.

**Imyitozo**

1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro ziboneye:
   a) Imikizi
   b) Indaheka
   c) Kuboneza urubyaro
   d) Bwaki
2. Ni ngombwa kuganira n'urubyiruko ku buzima bw'imyorokere? Vuga icyo utekereza kuri iyi ngingo.

## II. 2. Ikinamico

**Igikorwa 2.2**

Uhereye kubumenyi ufite, sobanura inshoza y'ikinamico kandi ugaragaze uturango twayo.

### II.2.1. Inshoza y'ikinamico

Ikinamico ni umukino ushingiye ku gikorwa abantu berekanira imbere y'abandi, abantu bihindura ukundi, bagerageza gusa na bo cyangwa ibyo bakina haba mu mvugo, mu mico no migirire kandi bagamije gushimisha abababona rimwe na rimwe bagaherwamo inyigisho zishobora kuba intandaro yo gukira bimwe mu bikomere by'umutima umuntu agendana buri munsi cyangwa gukemura bimwe mu bibazo bihora biziritse bagenzi bacu mu miryango natwe ubwacu tutiretse.

Mu ikinamico, abakinnyi bashobora gutebya, gusakuza, guca imigani, kuririmba, guhoza abageni n'abana, kuvugira inka, yewe n'abahigi bashobora kuzitura intozo zabo, nyuma amahigi bakayaroha. Ikinamico ni akayobera iravura; ikuramo abantu ububabare baba bafite, ikagerageza na none gukemura bimwe mu bibazo baba bafite ku mutima.

### II.2.2.Uturango tw'ikinamico

Ikinamico ihimbye neza, igomba kuba igaragaramo uturango dukurikira:

**Umutwe w'ikinamico:** umutwe w'ikinamico ugomba kuba ari mugufi kandi uteye amatsiko.Insanganyamatsiko rusange igomba kuba ifitanye isano n'umutwe. Biba byiza iyo usomye umutwe adahita yumva neza ibikubiye mu ikinamico.

**Umwinjizo:** ni amagambo atangira umukino, aba asa n'akebura abagiye gukurikira ikinamico, ndetse abakururira gukurikira neza umukino.

**Abanyarubuga:** ni abantu cyangwa inyamaswa bakora ibikorwa mu ikinamico cyangwa bakabikorerwaho. Bagaragaza imyifatire itandukanye igenda yumvikana kandi igaragara mu mukino. Mu ikinamico si byiza ko amazina y'abanyarubuga ahita agaragaza imyitwarire yabo, n'ubwo ahenshi mu ikinamico nyarwandausanga ariko bimeze.Umunyarubuga atandukanye umukinnyi kuko umukinnyi we ari umuntu uzwi ukina yigana umunyarubuga uvugwa mu ikinamico.

**Urugero:**

Bushombe uvugwa mu Runana ni umunyarubuga. Nyamara Ayirwanda Jean Claude ukina yigana Bushombe ni umukinnyi.

**Ibice by'umukino:** ni umukino wose uba ugabanyijemo ibice bitandukanye, bitewe n'uko umuhanzi yabigennye.

**Agakino:** igice cy'umukino, gishobora kugira imiseruko itandukanye, bitewe n'igitekerezo gikubiye mu gice cy'umukino.

**Urukiniro/akabugankuru:** ni aho agakino cyangwa igice cy'umukino kiba kiri bukinirwe. Urukiniro baruha umuteguro, bakarutaka cyangwa bakaruha imirimbishirize, bitewe n'ibyifuzo by'umuhanzi cyangwa umutoza.

**Umuseruko:** tuvuga umuseruko, iyo hari umukinnyi mushya winjiye mu rukiniro cyangwa igihe hari usohotse mu rukiniro. Mu makinamico avugirwa kuri televiziyo cyangwa kuri radiyo, si ngombwa ko urukiniro rurangiriraho igice cyose cy'umukino kuko ho biba byoroshye kubikora. Mu mikino yerekanwa, ntabwo washobora kwerekana abantu bari mu Kiriziya, ngo mu kanya wongere uberekane baryamye imbere y'imbaga ibarebera kandi ari mu gice kimwe. Aha ngaha byagusaba kubanza gufunga umwenda, ugategura akandi kabugankuru. Amategeko y'ikinamico avuga ko bafunga umwenda gusa iyo igice cy'umukino kirangiye.

**Inyobozi:** ni ibisobanuro bigaragara mu ikinamico, biyobora abanyarubuga uko bari bwitware mu mukino. Bikunze gushyirwa mu dukubo.

**Imvugo nkana:** ni amagambo umunyarubuga ashobora kuvuga mu gihe ari kugirana ikiganiro na mugenzi we, ariko mugenzi we akigiza nkana ko atayumvise.

**Imvugano:** ni ikiganiro kiba hagati y'abanyarubuga igihe bahererekanya amagambo.

**Inyishyu:** ni amagambo umunyarubuga runaka asubiza mugenzi we mu ikinamico.


**Umwivugisho:** ni amagambo avugwa n'umunyarubuga igihe ari wenyine yivugisha.

**Ururondogoro:** ni imvugo itinze y'umunyarubuga runaka.

**Iherezo:** ikinamico igira iherezo. Iherezo ry'ikinamico rishobora kumara amatsiko abayikurikiye, cyangwa rigasiga abayikurikiye mu gihirahiro bibaza uko byagenze cyangwa uko bizagenda

## II.2.3. Ishushanyabikorwa mu ikinamico

Ibikorwa bigaragara mu ikinamico bishingira ku bakinnyi cyanecyane ab'imena. Abakinnyi b'imena bafatanyije n'abungirije bayobora imigendekere y'ibikorwa mu ikinamico kugeza ku ndunduro y'ikinamico. Bityo rero nk'uko bimeze mu nkuru ngufi cyangwa ndende, umusesenguzi ashobora gushushanya ibikorwa yifashishije igishushanyo giteye gitya:



**Nyiri ubwite:** ni bo ikinamico iba ishingiyeho. Aba bashobora kugera ku ntego bagamije cyangwa ntibayigereho.

**Ugenerwa:** ni umuntu wese waba afite inyungu ukurikije ikivugwa mu ikinamico.

**Abafasha:** ni abakinamico cyangwa ibindi bintu bishobora gutuma nyir'ubwite cyangwa ba nyir'ubwite mu ikinamico bagera ku kigamijwe cyangwa ntibakigereho ariko byagaragaye ko ba nyir'ubwite bari bashyigikiwe.

**Ugenera:** ni umuntu cyangwa ikintu gituma nyir'ubwite agira intego runaka mu ikinamico.

**Ikigamijwe:** ni intego abakinamico b'ingenzi baba bahawe n'umuhimbyi w'ikinamico.

**Imbogamizi:** ni abakinamico cyangwa ibintu bishobora kubangamira umukinnyi cyangwa abakinnyi b'imena kugera ku ntego cyangwa ku kigamijwe.

**Impugukirwa:**

Mu ikinamico birashoboka ko ibikorwa byagenda bikurikiranye nk'uko byagiye bibamu njyabihe yabyo. Ibi si ihame. Bitewe n'ubuhanga bw'umuhanzi w'ikinamico, hariubwo usanga ibikorwa bidakurikiranye uko byagiye biba mu mateka yabyo.

### Imyitozo

1. Gereranya ikinamico n'inkuru?
2. Umunyarubuga atandukaniye he n'umukinnyi?

### Umukoro

Muhange ikinamico ku nsanganyamatsiko ivuga ku buzima bw'imyororokere hanyuma muyitoze, muyikinire mu ruhame.

## II.3 Ibinyazina

### Igikorwa 2.3

Soma interuro zikurikira, usobanure imiterere y'amagambo y'umukara tsiri kugira ngo ubashe gutanga inshoza n'uturango by'ikinyazina.

1) Yewe **ibyawe** byakomeye ubwo usigaye uvuga amacuri.
2) Nagira ngo yenda uba uri hamwe n'**abandi** bagabo mujya inama!
3) Nyinawumuntu yabyaye **ba** Nyabyenda, **ba** Nyiramabumba, **ba** Nyiramisago na **ba**…

## II.3.1. Inshoza y'ibinyazina

Ikinyazina ni ijambo risobanura izina. Gishobora kugaragira izina cyangwa kikarisimbura.Ibinyazina birimo amoko menshi bitewe n'ingingo bibumbatiye ndetse n'imikoreshereze yabyo mu nteruro.

## II.3.2 Amoko y'ibinyazina n'uturango twabyo

Hakurikijwe uko ibinyazina bikoreshwa mu nteruro n'ingingo bibumbatiye, ibinyazina bifite amoko atandukanye. Hari ibishobora kubanziriza izina cyangwa inshinga, hakaba ibijya hagati y'amazina abiri afitanye isano, hakaba n'ibishobora gukurikira izina.

1. **Ikinyazina nyereka**

Ikinyazina nyereka ni ijambo ryerekana irindi jambo rigaragiye. Ikinyazina nyereka kibanziriza ijambo kigaragiye, kikarisimbura cyangwa kikariherekeza. Ikinyazina nyereka kerekana cyangwa kibutsa ijambo giherekeje kikaba gishobora kujya imbere cyangwa inyuma yaryo. Iyo kigiye imbere y'izina, iryo zina ritakaza indomo, naho inyuma y'izina kerekana icyo uvuga yerekana.

**Ingero:**

- **Abo** baturanyi ba Rubundakumazi barumirwa.
- **Ziriya** nama zo kuboneza urubyaro ni nziza cyane.
- Nyinawumuntu **uwo** yari yaragowe.
- Rubundakumazi yashimye **uwo** wamugiriye inama.

Ibinyazina nyereka bishobora gushyirwa mu matsinda hashingiwe ku uwerekana, ikerekanwa n'uwerekwa.

| nt | KZN kerekana ikegereye uwerekana | | KZN kerekana ikegereye uwerekwa | KZN kerekana ikitaruye uwerakana n'uwerekwa | KZN kibutsa icyo uwerekana n'uwerekwa baziranyeho | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | uyu | uno | uwo | uriya | Urya | wa |
| 2 | aba | bano | abo | bariya | Barya | ba |
| 3 | uyu | uno | uwo | uriya | Urya | wa |
| 4 | iyi | ino | iyo | iriya | Irya | ya |
| 5 | iri | rino | iryo | ririya | Rirya | rya |
| 6 | aya | ano | ayo | ariya | Arya | ya |
| 7 | iki | kino | icyo | kiriya | Kirya | cya |
| 8 | ibi | bino | ibyo | biriya | Birya | bya |
| 9 | iyi | ino | iyo | iriya | Irya | ya |

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 10 | izi | zino | izo | ziriya | Zirya | za |
| 11 | uru | runo | urwo | ririya | Rurya | rwa |
| 12 | aka | kano | ako | kariya | Karya | ka |
| 13 | utu | tuno | utwo | turiya | Turya | twa |
| 14 | ubu | buno | ubwo | buriya | Burya | bwa |
| 15 | uku | kuno | uko | kuriya | Kurya | kwa |
| 16 | aha | hano | aho | hariya | Harya | ha |
| 17 | - | - | - | - | - | - |
| 18 | umu | muno | umwo | muriya | Murya | - |
| 19 | iyi | ino | iyo | iriya | Irya | - |

**Ikitoderwa**

Ikinyazina nyereka gishobora kubanzirizwa n'akajambo **"ng-"** imbere yacyo mu gihe gitangiwe n'inyajwi cyangwa se **"nga-"** mu gihe gitangiwe n'ingombajwi kakacyongerera inyito yo gutsindagira.

**Ingero:**

1. Nguriya
2. Ngiyo
3. Ngakariya

**2. Ikinyazina mbanziriza**

Ikinyazina mbanziriza ni ikinyazina gisimbura izina ribanjirije inshinga itondaguye mu buryo bw'insano ni ukuvuga inshinga isobanura izina ikurikiye. Kitwa mbanziriza kuko buri gihe gihora kibanjirije inshinga.

**Ingero:**

- **Umwana** dukunda ararwaye. **Uwô** nkunda ararwaye.
- Mwibuke ko **ibintu** twavugiye mu nama bigomba kubahirizwa. Mwibuke ko **ibyô** twavugiye mu nama bikwiye kubahirizwa.

**Imbonerahamwe y'ikinyazina mbanziriza**

| Inteko | Ikinyazina |
|---|---|
| 1 | uwo |
| 2 | abo |
| 3 | uwo |
| 4 | iyo |
| 5 | iryo |
| 6 | ayo |
| 7 | icyo |

| | |
|---|---|
| 8 | ibyo |
| 9 | iyo |
| 10 | izo |
| 11 | urwo |
| 12 | ako |
| 13 | utwo |
| 14 | ubwo |
| 15 | uko |
| 16 | aho |

**Ikitonderwa**

Ikinyazina mbanziriza mu nyandiko isanzwe gisa n'ikinyazina nyereka gifite igicumbi /-o ndetse n'ikinyazi ngenera gifite igicumbi /-o. Aho bitandukaniye ni uko mu mvugo no mu nyandiko yubahirije ubutinde n'amasaku, ikinyazina nyereka kigira isaku nyesi naho ikinyazina mbanziriza kigahorana isaku nyejuru. Ikinyazina ngenera n'ikinyazina mbanziriza bitandukanywa n'uko ikinyazina mbanziriza kibanziriza inshinga itondaguye naho ikinyazina ngenera kikabanziriza inshinga idatondaguye.

**Ingero:**

- **Iyo** ndwara iterwa n'umwanda nabaganirijeho ni impiswi. (**Iyo** iterwa n'umwanda.) **"Iyo"** ni ikinyazina **nyereka**
- **Iyo**nabaganirijeho iterwa n'umwanda ni impiswi. (**Indwara** nabagejejeho…) **"Iyo"** ni ikinyazina **mbanziriza.**
- **Iyo** guteka bayibitse. (**Imyumbati yo** guteka…). **"Iyo"** ni ikinyazina ngenera.

3. **Ikinyazina ngenera**

Ikinyazina ngenera ni ikinyazina gihuza ijambo n'irindi ririkurikira. Kibumbatiye ingingo yo kugira, guteganyiriza no kugenera, kugaragaza ubwoko cyangwa inkomoko. Gikurikira izina cyangwa kiarisimbura.

**Ingero:**

- Urugo **rwa** Kagabo rurakomeye.**Urwa**Kagabo rurakomeye.
- Amazi **yo** kunywa arakonje. **Ayo** kunywa arakonje.
- Umuceri **w'**umutanzaniya urahenda.
- Imipira **y'**umuhondo yarabuze.

**Imbonerahamwe y'ikinyazina ngenera**

| Inteko | Ikinyazina ngenera kijyana n'izina | | Ikinyazina ngenera gisimbura izina | |
|---|---|---|---|---|
| nt.1 | wa | wo | uwa | uwo |
| nt.2 | ba | bo | aba | abo |
| nt.3 | wa | wo | uwa | uwo |
| nt.4 | ya | yo | iya | iyo |
| nt.5 | rya | ryo | irya | iryo |
| nt.6 | ya | yo | aya | ayo |
| nt.7 | cya | cyo | icya | icyo |
| nt.8 | bya | byo | ibya | ibyo |
| nt.9 | ya | yo | iya | iyo |
| nt.10 | za | zo | iza | izo |
| nt.11 | rwa | rwo | urwa | urwo |
| nt.12 | ka | ko | aka | ako |
| nt.13 | twa | two | utwa | utwo |
| nt.14 | bwa | bwo | ubwa | ubwo |
| nt.15 | kwa | ko | ukwa | ako |
| nt.16 | ha | ho | aha | aho |
| nt.17 | kwa | - | - | - |
| nt.18 | mwa | - | - | - |
| nt.19 | - | - | - | - |

### 4. Ikinyazina ngenga

Ikinyazina ngenga gihagararira uvuga, ubwirwa n'ikivugwa.Ni cyo kinyazina cyonyine kiboneka muri ngenga zose uko ari eshatu. Muri ngenga ya mbere mu bumwe no mu bwinshi, kerekana uvuga. Muri ngenga ya kabiri mu bumwe no mu bwinshi kerekana ubwirwa naho muri ngenga ya gatatu mu nteko zose kikerekana uvugwa cyangwa ikivugwa. Ikinyazina ngenga kandi gishobora gufata umusuma (**-mbi, -se, -nyine, -bwe** na **-we**) kandi cyandikwa gifatanye n'ibyungo **"na"** na **"nka"** muri ngenga ya mbere y'iya kabiri.

**Ingero:**

– **Nge** ndaza mukanya
– **Mwe** muzaza ejo mu gitondo
– Uyu **we** azaze mu kwezi gutaha.
– Iki giti **cyo** azakibungabunge.
– **Mwebwe** mwige.

– Ukore **nkange.**

**Imbonerahamwe y'ikinyazina ngenga**

| Ngenga/ Inteko | Ikinyazina ngenga | Na cyangwa nka +ikinyazina ngenga | | Ikinyazina ngenga + umusuma | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | na | nka | -we,<br>-bwe | -nyine | -mbi | -se |
| Ng. 1bu | nge | nange | nkange | ngewe | ngenyine | - | - |
| Ng.1bw | twe | natwe | nkatwe | twebwe | twenyine | twembi | twese |
| Ng.2bu | we | nawe | nkawe | wowe | wenyine | - | - |
| Ng.2bw | mwe | namwe | nkamwe | mwebwe | mwenyine | mwembi | mwese |
| nt.1 | we | na we | nka we | - | wenyine | - | wese |
| nt.2 | bo | na bo | nka bo | - | bonyine | bombi | bose |
| nt.3 | wo | na wo | nka wo | - | wonyine | - | wose |
| nt.4 | yo | na yo | nka yo | - | yonyine | yombi | yose |
| nt.5 | ryo | na ryo | nka ryo | - | ryonyine | - | ryose |
| nt.6 | yo | na yo | nka yo | - | yonyine | yombi | yose |
| nt.7 | cyo | na cyo | nka cyo | - | cyonyine | - | cyose |
| nt.8 | byo | na byo | nka byo | - | byonyine | byombi | byose |
| nt.9 | yo | na yo | nka yo | - | yonyine | - | yose |
| nt.10 | zo | na zo | nka zo | - | zonyine | zombi | zose |
| nt.11 | rwo | na rwo | nka rwo | - | rwonyine | - | rwose |
| nt.12 | ko | na ko | nka ko | - | konyine | - | kose |
| nt.13 | two | na two | nka two | - | twonyie | twombi | twose |
| nt.14 | bwo | na bwo | nka bwo | - | bwonyine | bwombi | bwose |
| nt.15 | ko | na ko | nka ko | - | konyine | - | kose |
| nt.16 | ho | na ho | nka ho | - | honyine | hombi | hose |
| nt.17 | ko | na ko | nka ko | - | honyine | hombi | hose |
| nt.18 | mo | na mo | nka mo | - | honyine | hombi | hose |
| nt.19 | yo | na yo | nka yo | - | honyine | hombi | hose |

### 5. Ikinyazina ngenera ngenga

Ikinyazina ngenera ngenga ni ikinyazina ngenera kiyunze n'ikinyazina ngenga. Kerekana nyiri ikintu n'icyo atunze. Iki kinyazina gikurikira izina ariko gishobora no kurisimbura. Ibinyazina ngenera ngenga ni byinshi cyane kubera ko buri ngenga iba ishobora kwiyunga n'izindi zose kandi mu nteko zose.

**Ingero:**

Inka **yabo** yarabyaye.→**Iyabo** yarabyaye.

Inka **zabo** zirarisha. →**Izabo** zirarisha.

**Imbonerahamwe y'ibinyazina ngenera ngenga**

| Inteko | Ng.1(bu) | Ng.1(bw) | Ng.2(bu) | Ng.2(bw) | Ng.3(bu) | Ng.3(bw) |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Nt. 1 | wange (uwange) | wacu (uwacu) | wawe (uwawe) | wanyu (uwanyu) | we (uwe) | wabo (uwabo) |
| Nt. 2 | bange | bacu | bawe | banyu | be | babo |
| Nt. 3 | wange | wawe | wawe | wanyu | we | wabo |
| Nt. 4 | yange | yacu | yawe | yanyu | ye | yabo |
| Nt. 5 | ryange | ryacu | ryawe | ryanyu | rye | ryabo |
| Nt. 6 | yange | yacu | yawe | yanyu | ye | yabo |
| Nt. 7 | cyange | cyacu | cyawe | cyanyu | ke | cyabo |
| Nt. 8 | byange | byacu | byawe | byanyu | bye | byabo |
| Nt. 9 | yange | yacu | yawe | yanyu | ye | yabo |
| Nt. 10 | zange | zacu | zawe | zanyu | ze | zabo |
| Nt. 11 | rwange | rwacu | rwawe | rwanyu | rwe | rwabo |
| Nt. 12 | kange | kacu | kawe | kanyu | ke | kabo |
| Nt. 13 | twange | twacu | twawe | twanyu | twe | twabo |
| Nt. 14 | bwange | bwacu | bwawe | bwanyu | bwe | bwabo |
| Nt. 15 | kwange | kwacu | kwawe | kwanyu | kwe | kwabo |
| Nt. 16 | hange | hacu | hawe | hanyu | he | habo |

### 6. Ikinyazina ndafutura /ndasigura

Ikinyazina ndafutura ni ijambo rijyana n'izina rikarisobanura ku buryo bwutumvikanisha neza uvugwa cyangwa ikivugwa. Ikinyazina ndafutura kirimo ikigufi n'ikirekire. Ikinyazina ndafutura gishobora kubanziriza izina, kurikurikira cyangwa kurisimbura kandi gishobora no gukoreshwa kisubiyemo.

**Ingero:**

- **Undi** muntu naze.
- **Indi** misozi irera.
- Amata **yandi** bayajyanye.
- **Uwundi** mugabo yaratashye.
- **Abandi** bana barakina.

- **Iyindi**bayiziritse.
- **Uwundi**wundiyabasekeje.

**Imbonerahamwe y'ikinyazina ndafutura**

| Inteko | Ikinyazina ndafutura | | Ikinyazina ndafutura gifite igicumbi kisubiyemo | |
|---|---|---|---|---|
| | Ikigufi | Ikirekire | Ikigufi | Ikirekire |
| 1 | undi | uwundi | undiwundi | uwundiwundi |
| 2 | - | abandi | - | abandibandi |
| 3 | undi | uwundi | undiwundi | uwundiwundi |
| 4 | indi | iyindi | indiyindi | iyindiyindi |
| 5 | - | irindi | - | irindirindi |
| 6 | andi | ayandi | andiyandi | ayandiyandi |
| 7 | - | ikindi | - | ikindikindi |
| 8 | - | ibindi | - | ibindibindi |
| 9 | - | iyindi | - | iyindiyindi |
| 10 | - | izindi | - | izindizindi |
| 11 | - | urundi | - | urundirundi |
| 12 | - | akandi | - | akandikandi |
| 13 | - | utundi | - | utunditundi |
| 14 | - | ubundi | - | ubundibundi |
| 15 | - | ukundi | - | ukundikundi |
| 16 | - | ahandi | - | ahandihandi |

### 7. Ikinyazina kibaza / mbaza

Ikinyazina kibaza ni ijambo rigaragira izina, ririherekeza, riribanziriza cyangwa rikarisimbura rikagira icyo riribazaho. Iki kinyazina kandi kiba kibumbatiye ingingo yo gushaka kumenya ibisobanuro, inkomoko, ingano, umubare cyangwa akarere ikivugwakirimo.

**Ingero:**

- Mwana **wuhe** mwahuye?
- Ni **abahe** bantu bitabiriye inama?
- Mwahuye n'abantu **bangahe**?
- Ese baguze imyenda **ingahe**?
- Ni i Kigali hagana **he**? Hagana Kacyiru.

**Imbonerahamwe y'ikinyazina kibaza (mbaza)**

| Inteko | Ikinyazina kibaza amakuru ku ngingo zitandukanye | | Kibaza ahantu gusa | Ikinyazina kibaza umubare |
|---|---|---|---|---|
| | Kigufi | Kirekire | | |
| Nt.1 | wuhe? | uwuhe? | - | - |
| Nt.2 | bahe? | abahe? | - | bangahe? |
| Nt.3 | wuhe? | uwuhe? | - | - |
| Nt.4 | yihe? | iyihe? | - | ingahe? |
| Nt.5 | rihe? | irihe? | - | - |
| Nt.6 | yahe? | ayahe? | - | angahe? |
| Nt.7 | kihe? | ikihe? | - | - |
| Nt.8 | bihe? | ibihe? | - | bingahe? |
| Nt.9 | yihe? | iyihe? | - | - |
| Nt.10 | zihe? | izihe? | - | zingahe? |
| Nt.11 | ruhe? | uruhe? | - | - |
| Nt.12 | kahe? | akahe? | - | kangahe? |
| Nt.13 | tuhe? | utuhe? | - | tungahe? |
| Nt.14 | buhe? | ubuhe? | - | bungahe? |
| Nt.15 | kuhe? | ukuhe? | - | - |
| Nt.16 | hahe? | ahahe? | *he? /hehe?* | hangahe? |

## 8. Ikinyazina nyamubaro

Ikinyazina nyamubaro ni ijambo riherekeza izina cyangwa rikarisimbura rigaragaza umubare w'ikivugwa ku buryo bufutuye. Kigabanyijemo amatsinda arindwi. Gihera ku mubare rimwe kugeza kuri karindwi. Ikinyazina nyamubaro gishobora gusimbura izina kandi gishoborakwisubiramo. Ibinyazina nyamubaro bikomoka ku mubare rimwe bikoreshwa mu nteko z'ubumwe gusa naho ibikomoka kuva kuri kabiri kugeza kuri karindwi bikoreshwa mu nteko z'ubwinshi gusa.

**Ingero:**

- Abantu **babiri** bavuye mu nama.
- Abana **batandatu** bagiye kuvoma.
- Inka **eshatu** zahutse.
- **Ababiri** bashyize hamwe baruta umunani urasana.
- Bwira abo bana hinjire **umwumwe**
- Muzane ihene **eshateshatu**

Ikinyazina nyamubaro gikurikiye izina ribara kuva ku icumi, gisanishwa n'ijambo rivuga ibibarwa.

**Ingero:**

Abana cumi na **batatu** (**batatu** ni ikinyazinna nyamubaro).

Ibiti ijana na **birindwi** (**birindwi** ni ikinyazina nyamubaro).

**Ikitonderwa**

a) Imibare y'inyuma ya karindwi si ibinyazina nyamubaro ahubwo ni amazina nyamubaro kuko adashobora kwisanisha n'izina ryerekezwaho igisobanuro.

b) Inteko ya cumi na gatanu ni inteko y'ubumwe ariko ibinyazina by'ubwinshi biyisanishamo ku ijambo ***"ukuntu"*** ryonyine.

**Ingero:**

- Rubundakumazi yabyaye abana barenga **umunani.** (izinanyamubaro)
- Yatemye ibiti**ikenda** mu ishyamba ryange. (izina nyamubaro)
- Babikoze ukuntu **kubiri** gutandukanye. (ikinyazina nyamubaro)

Imbonerahamwe y'ibinyazinanyamubaro

| **Imibare**<br><br>**Inteko** | **Ibinyazina nyamubaro** | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | **rimwe** | **kabiri** | **gatatu** | **kane** | **gatanu** | **gatandatu** | **karindwi** |
| 2 | Umwe | - | - | - | - | - | - |
| | - | babiri | batatu | bane | batanu | Batandatu | barindwi |
| 3 | umwe | - | - | - | - | | - |
| 4 | - | ibiri | itatu | ine | itanu | Itandatu | irindwi |
| 5 | rimwe | - | - | - | - | - | - |
| 6 | - | abiri | atatu | ane | atanu | Atandatu | arindwi |
| 7 | kimwe | - | - | - | - | - | - |
| 8 | - | bibiri | bitatu | bine | bitanu | Bitandatu | birindwi |
| 9 | imwe | - | - | - | - | - | - |
| 10 | - | ebyiri | eshatu | enye | eshanu | Esheshatu | zirindwi |
| 11 | rumwe | - | - | - | - | - | - |
| 12 | kamwe | - | - | - | - | - | - |
| 13 | - | tubiri | dutatu | tune | dutanu | Dutandatu | urindwi |
| 14 | bumwe | bubiri | butatu | bune | butanu | Butandatu | burindwi |
| 15 | kumwe | kubiri | gutatu | kune | gutanu | gutandatu | kurindwi |
| 16 | hamwe | habiri | hatatu | hane | hatanu | Hatandatu | harindwi |

### 9. Ikinyazina mboneranteko / ndanganteko

Ikinyazina mboneranteko ni ijambo rikora imbere y'amazina rusange adafite indomo cyangwa adafite indomo n'indandanganteko n'imbere y'amazina bwite, rikerekana ubwinshi bwayo, rigatubura cyangwa rigatubya.Iki kinyazina kiboneka mu nteko ya 2; 7; 8; 10; 11; 12; 13 na 14 ku bayikoresha batubya. -

**Imbonerahamwe y'ikinyazina mboneranteko**

| Inteko | Ubwinshi | Gupfobya/ gutubya | Gutubura/ Gukuza |
|---|---|---|---|
| 2 | ba Habimana | - | - |
| 7 | - | - | cya Muhoza |
| 8 | - | - | bya Mugeni |
| 10 | za dodo | - | - |
| 11 | - | - | Rwa Kalisa |
| 12 | - | Ka Rukundo | - |
| 13 | - | twa Buregeya | - |
| 14 | - | bwa Manzi | - |

### 10. Ikinyazina mpamagazi

Ikinyazina mpamagazi ni ijambo rituma uhamagarwa yumva ko bashaka ko aza cyangwa ko bashaka ko atega amatwi kugira ngo bamubwire. Ikinyazina mpamagazi kibanziriza izina ry'igihamagawe. Iryo zina kandi rikurikirwa buri gihe n'ikinyazina ngenga bityo kikagira inyito ishimangira. Ikinyazina mpamagazi kiba muri ngenga ya kabiri gusa. Gifata ubumwe cyangwa ubwinshi bitewe n'ijambo gisobanura.

**Ingero:**

– **Wa**mugabo **we**, watashye ko bwije!

– **Mwa**bana **mwe**, ntimugasibe ishuri.

**Ikitonderwa:**

Ikinyazina mpamagazi buri gihe gikurikirwa n'izina kigaragiye hagakurikiraho ikinyazina ngenga.Akenshi na kenhi kibanzirizwa n'akajambo gahamagara "yewe/ yemwe".

**Ingero:**

– **Yewe wa** mwana **we**, urajya he?

- **Wa** mwana **we**, watashye ko bwije!
- **Yemwe mwa** banyeshuri **mwe,** ntimugasibe ishuri.

**Imyitozo**

**Subiza ibibazo bikurikira:**

3) Ikinyazina ni iki?
4) Vuga nibura uturango tubiri tw'ibinyazina.
5) Tanga amoko ane y'ibinyazina kandi ukore interuro imwe kuri buri bwo.

## II.4. Gusoma no gusesengura umwandiko: Mpogazi na magaramake

**Igikorwa 2.4**

Soma umwandiko ukurikira, ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranyamagambo kandi usubize n'ibibazo byawubajijweho.

### II.4.1 Gusoma umwandiko

*Soma umuvugo ukurikira:*

**Mpogazi na magaramake**



Ngwino Mpogazi wange
Na Sheja na Sangwa
Gukunda ibirayi
Bitogosheje neza
N'izo pinari
Dusoromye mu wacu.

Aka kanya nkubwira
Dore na karoti
Bavanye mu kibaya
Ziteye umuneza
Magara make araje
Yitwaje ikibando
Ngo adatemba agahwera
Kubera ubusinzi.
Ati: "Mbega abazungu
Mwitereka izo ntekwa
Ukagira ngo ni byeri!"
Nti: "Ngwino ku meza.
Guteka ibikwiye
Ntibigomba ubuzungu
Iyo byeri utubwira
Uyinyoye utariye
Iguhuta uyireba".
Ngizo na puwaro
Zigira impumuro nziza
Iyo zitamye mu cyungo
Dutoze ibibondo
Barumuna bawe:
Kirezi na Bwiza
Nitwegeka ibondo
Twariye ibyo byiza
Tukaryama n'aheza
Biturinda uburwayi.

Ati: "Nge nanga ibiribwa
Nk'uko umwana mutoya
Yanga kinini".
Nti : "None se mbwira
Ko ureba udashinga,
Abana wabyaye,
Bazarerwa na nde"?
Iyo ukomatanyije izo ntekwa
Ukirinda gusinda
Urengera amagara
Uzi ko aseseka ntayorwe.
Ati :"Iyo nama ni nziza,
Na Gihozo tubana
Ahora antota iyo ngingo
Nkanga ngatsemba.
Ubu ngiye gutaha
Mbwire madamu
Angaburire mpage
Iyo ndyo yuzuye neza

Ni zo ziryoshya potaje.
Uyikorane ubuhanga
Maze n'uwo mugati
Ubihuze mu kanya
Tubyite mahwane
Biryohe dushime.

Wari uzi n'ikindi
Nzanye isake kabombo
Uyiteke n'uwera
Maze nibihura n'isupu rwatsi,
Byubake umubiri.
N'izo mbaraga dukeneye
Tuzunguke bwangu.

Mu mafunguro yacu
Hari imbuto nyinshi
Ngire imbaraga nk'abandi,
Nkorere umuryango
Wunguke byinshi
N'ejo hazaza
Hazabe umutako
Turatira abandi ;
N'iri zina bampimbye
Rizabe amateka"

### II.4.2 Gusobanura amagambo

*Sobanura amagambo akurikira uhereye ku nyito afite mu muvugo:*

a) Mpogazi

b) Ibibondo

c) Isheja

d) Ikirezi

e) Guhuta

### II.4.3 Kumva no gusesengura umwandiko

*Subiza ibibazo bikurikira:*

1. Ni bande bavugwa muri uyu muvugo?
2. Mpogazi yakundaga iki?
3. Magaramake atandukaniye he na Mpogazi?
4. Ni nde wahinduye imyitwarire? Yabitewe n'iki?
5. Uhereye ku nsanganyamatsiko nyamukuru, tahura ingingo z'ingenzi uyu muvugo ubumbatiye.
6. Ni irihe somo uyu muvugo ugusigiye?

#### Imyitozo

**Subiza ikibazo gikukira:**

1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro ebyiri ku buryo adahuza inyito:

**a) Gutota**

**b) Guseseka**

**c) Umuryango.**

2. Andika ku gafishi ibiribwa n'ibinyobwa wategura mu ndyo yuzuye ugakora ifunguro rya mu gitondo, irya saa sita n'irya nimugoroba.

#### Umukoro

Fata umuvugo "Mpogazi na magaramake" mu mutwe maze uwuvugire imbere ya bagenzi bawe ugaragaza isesekaza.

## II.5. Isuzuma risoza umutwe wa kabiri

*Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibizo byawubajijweho*

### Umwandiko:Kurya neza

Munana n'umugore we Mukankusi bari bararahiye kunywa amazi. Kunywa inzoga bari barabigize itetu, ngo ikizaba bazanywa umuti. Bavuga ko amazi ari ayo gukaraba no kumesa. Ku bijyanye n'imirire, bikundiraga ifiriti, inyama zikaranze cyangwa zokeje. Umugore wa Munana iyo yasibaga inzoga, yinyweraga amata, byongeye kandi akikundira n'ibiyakomokaho byose. Imbuto ntiyazikozwaga ngo ntakiri uruhinja, ngo azinywera imitobe yo mu ruganda, ngo ni yo imugwa neza.

We n'umugabo we baje guhozagara birenze urugero, ndetse bakurizamo no kurwara. Bagiye kwa muganga, bababaza imibereho yabo cyanecyane ku bijyanye n'imirire. Muganga yabagiriye inama yo kujya barya neza. Bati: "Ese kurya neza ni iki ko ntawuturusha kurya neza aho dutuye?"

**Muganga ati:** "Kurya neza ni ukwihata ibiryo binyuranye, bifite intungamubiri zose kandi nturenze igipimo ku ndyo imwe. Amafunguro yanyu ya buri munsi agomba kuba arimo imboga n'imbuto zinyuranye, ibinyampeke, ibinyamafufu, inyama, amafi, amagi ndetse n'ibinyamisogwe. Mu byo munywa muge munywa amazi menshi."

**Munana:** Amazi y'umugezi atera inzoka!

**Muganga:** Muge muyanywa atetse.

**Mukankusi:** Nge nikundira inyama sinzajya kuzironga ngo ndanywa amazi.

**Muganga:** Mada, urashaka kuba nka ba bandi bavuga ngo amazi anyobwa n'inka gusa. Mugomba kumenya ko amaraso yacu agizwe na bibiri bya gatatu by'amazi. Ni byo, inyama ni nziza ariko uriye nyinshi zigutera uburwayi. Dore nk'ubu wowe n'umugabo wawe murwaye indwara mwatewe no kurya inyama nyinshi zirenze urugero. Wowe by'umwihariko urwaye n'izindi ndwara zatewe no kunywa amata menshi no kurya ibiyakomokaho byinshi akarenza urugero. Aha kandi ndongeraho ko urwaye n'indwara ziterwa n'isukari nyinshi.

**Munana:** None se twabigenza gute kugira ngo dukire izi ndwara ko mbona tubaye imbata zazo?

**Muganga:** Mugomba kwivuza kenshi, mukarya neza kandi mugakora n'imyitozo ngororamubiri. Nimudakurikiza izi nama mbagiriye, izi ndwara zizaba twibanire. Mugomba kuringaniza ubwoko bw'ibiribwa, mukirinda gukabya ku ndyo imwe mwitwaje ngo murayikunda. Kurya neza si iby'umunsi umwe ahubwo ni iby'ubuzima bwanyu bwose.

Ubu ngiye kubandikira imiti ariko nimudahindura imyitwarire mu byo murya n'ibyo munywa, imiti nta cyo izabamarira. Mu by'ukuri, nta biryo cyangwa ibinyobwa bibujijwe, nta n'ibyo twavuga ngo ni agatangaza, icya ngombwa ni ugufata amafunguro yubaka umubiri, awutera imbaraga, n'awurinda indwara. Amafunguro agomba kuba ahagije, anyuranye, kandi akungahaye mu ntungamubiri ku buryo bw'indinganire. Murabyumvise?

**Munana:** Ni byo rwose, n'ubundi ngo "Agapfa kaburiwe ni impongo". Ubu tugiye kubungabunga ubuzima bwacu, tubishishikarize n'abandi kuko amagara yacu ari bwo bukungu kandi ari nk'amazi aseseka ntayorwe.

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

1. Ni ikihe kibazo kivugwa muri uyu mwandiko? Cyatewe n'iki?
2. Cyaje gukemuka se? Sobanura igisubizo cyawe.
3. Hari amafunguro abujijwe cyangwa se ay'agatangaza? Sobanura igisubizo cyawe.
4. Tanga ingero ebyiri z'ibiribwa bikomoka ku mata.
5. Tanga ingero ebyiri z'indwara Mukankusi na Munana bashobora kuba barwaye usobanure n'impamvu.
6. Ni irihe somo uyu mwandiko ukwigishije?

**II. Inyunguramagambo**

1. Koresha mu nteruro amagambo cyangwa amatsinda y'amagambo akurikira:

a) Itetu

b) Guhozagara

c) Imbata

d) Indwara za "twibanire"

2. Sobanura imvugo zikurikira uzihuza n'umwandiko:

a) Ikizaba nzanywa umuti.

b) Agapfa kaburiwe ni impongo.

c) Amagara ni nk'amazi araseseka ntayorwe.

### III. Ibibazo ku binyazina

Tahura mu ibinyazina munteruro zikurikira maze uvuge ubwoko bwabyo

1. Ubu tugiye kubungabunga ubuzima bwacu, tubishishikarize n'abandi.
2. Nge nikundira inyama.
3. Mu byo munywa muge munywa amazi menshi.
4. Bagiye kwa muganga.

### IV. Ibibazo ku ikinamico

1. Tandukanya umunyarubuga n'umukinnyi mu ikinamico.
2. Mu mwandiko w'ikinamico ni iki gifasha umuntu ushaka kwitoza kuyikina ku buryo abikora nk'uko umwanditsi yabyifuje?
3. sobanura aya magambo akoreshwa mu bugeni bw'ikinamico:

a) Imvugano

b) Ururondogoro

# UMUTWE III UMUCO WO KUZIGAMA

## Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura inkuru ngufi hagaragazwa ingingo z'ingenzi ziyikubiyemo n'uturango twayo.
- Guhanga inkuru ngufi yubahiriza uturango twayo.

**Igikorwa cy'umwinjizo**

Ushingiye ku bumenyi ufite tanga inshoza y'inkuru ngufi kandi ugaragaze n'ibiranga inkuru ngufi.

## III.1. Gusoma no gusesengura umwandiko: Ubwenge burarahurwa

**Igikorwa 3.1**

Soma umwandiko **"Ubwenge burarahurwa",** ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko, usubize n'ibibazo byawubajijweho.

### III.1.1 Gusoma umwandiko

*Soma umwandiko ukurikira:*

**Ubwenge burarahurwa**



Hashize igihe gito nimukiye aho ntuye. Kuva nkihagera, numvaga amakuru menshi avugwa ku bakire bahatuye. Muri abo bakire bose natangajwe n'umuryango wa Bugingo n'umugore we Nyiramucyo. Ubwo ntekereza gusura uwo muryango kugira ngo ngire icyo nawigiraho nange mbashe kwiteza imbere.

Umunsi umwe ku cyumweru nyuma ya saa sita, nasuye umuryango wa Bugingo na Nyiramucyo. Narahageze banyakirana urugwiro, baranzimanira, tugirana ikiganiro kirambuye biranyura. Nababajije uko biteje imbere. Bambereye imfura maze baransobanurira. Bugingo yatangiye aseka.

– Rwose harakabaho ubuyobozi bwiza.

– Ese kuki?

– Bwadushyiriyeho gahunda nyinshi zidufasha mu iterambere n'imibereho myiza.

Yabaye akirangiza kuvuga atyo, nshaka kongera kumubaza ikindi kibazo ariko Nyiramucyo antanga kuvuga.

– Muri izo gahunda zose, twashimishijwe cyane n'iyo kudutoza kuzigama no gukorana n'ibigo by'imari iciriritse n'amabanki."

– Mwabigenje mute?"

– Ceceka utege amatwi ubyumve.

Ndaceceka hanyuma arakomeza.

– Mbere ntitwabikozwaga nge n'umugabo wange. Twumvaga ari uburyo bashakaga kutwambura amafaranga yacu twabaga twaruhiye hanyuma duhitamo kujya tuyibikira mu rugo. Nyamara burya ni byo "Intamenya irira ku muziro". Ibyo twakoraga twumva ko ari ubwenge cyangwa amakenga, byari ukwibeshya tutabizi. Nyuma yaho abajura baraduteye baraducucura dusigara iheruheru."

Nyuma y'ayo magambo Bugingo yabaye nk'uweguwe n'agahinda, mbona akambije agahanga nk'umuntu ushavuye cyane, nshaka kumwurura ngo mwereke ko nifatanyije na we mu kababaro.

– Mbega akaga mwagize!"

Bugingo asa n'ugarutse mu kiganiro maze akomeza kumbarira.

– Wahora ni iki! Utaribwa ntamenya kurinda koko! Twahise tubona ko twibeshye, dutangira kuyoboka amabanki n'ibigo by'imari. Twatangiye kujyanayo amafaranga makemake twabonaga, turayazigama. Twateguye umushinga wo kuzagura imodoka, tukazajya turangura imyaka tukayizana mu isoko.

Yageze aha numva biranshimishije kuko nashakaga kumenya ukuntu baje kwikura mu bukene. Numvise ngize amashyushyu yo kuvuga. Mu gihe ngitangira guterura ijambo aba yabibonye.

– Ihangane nkurangirize iyi nkuru natangiye. Twajyanye umushinga wacu kuri banki, banki idusaba kongera ubwizigame twari tugejejeho kugora ngo tuzahabwe inguzanyo twifuzaga. Twakomeje gukora neza, amafaranga turayagwiza, inguzanyo turayihabwa, dutumiza imodoka itwara imizigo.

Naratangaye cyane, mbabaza niba baraguze imodoka bakanabona amafaranga yo kujya baranguza imyaka. Nyiramucyo yahise ansubiza.

– Umugabo wange yabitsaga muri banki naho nge nkabitsa mu Murenge SACCO wacu.

– Ubwo se amafaranga mwari mufiteho ntimwayongeye ku yo mwaguze imodoka?

– Oya! Ayo yari afite n'inguzanyo baduhaye yari ahagije. Ahubwo nange nafashe inguzanyo mu Murenge SACCO ngo tubone igishoro cyo kuranguza.

– Mukaguza mwembi mu gihe kimwe? Ubwo ntibyateje ikibazo mu micungire y'urugo mu kwishyura izo nguzanyo?

Bugingo yahise amara impungenge.

– Natwe twatangiye dutinya ariko ubu tugeze kure. Za nguzanyo zombi twarangije kuzishyura. Ubu twongeye kuguza andi maze twagura ibikorwa byacu. Dufite abakozi makumyabiri dukoresha. Mu myaka mike turateganya kuzashinga uruganda."

– Urakoze unteye imbaraga! Nange menye ko umuco wo kuzigama ari mwiza ngiye gutangira kubikora. Numvaga ko bisaba kuba wifite none nungutse inama ko n'amafaranga make wayazigama akazagwira kandi akakubera igishoro cyangwa akaguhesha inguzanyo.

Nyuma y'ibi biganiro bishimishije, nabonye ibyo uyu muryango wakoze birenze kure ibyo bawuvugagaho. Nabigiyeho byinshi mbona ko nange nshobora kugera ku nzozi zange. Mfata umugambi wo gukorana n'ibigo by'imari kugira ngo nange ntangire imishinga iciriritse. Narasezeye ndataha, baramperekeza. Mbere yo gutandukana, banyijeje inkunga iyo ari yo yose nzabakeneraho mu rwego rwo gutangira kuba rwiyemezamirimo.

### III.1.2 Gusobanura amagambo

*Shaka mu mwandiko amagambo udasobanukiwe, uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko.*

### III.1.3 Kumva no gusesengura umwandiko

*Subiza ibibazo bikurikira:*

1. Ni izihe gahunda zitandukanye Leta yashyizeho mu rwego rwo guteza imbere abaturage?
2. Ni iki umubarankuru yigiye ku muryango wa Bugingo na Nyiramucyo?

3. Gukorana n'amabanki bimarira iki umuntu?
4. Sobanura bimwe mu bigize iterambere bigaragara mu mwandiko.
5. Vuga ingamba umuntu yafata kugira ngo abashe kuzigama.
6. Ni bande bagerwaho n'ibyiza byo kwihangira umurimo?

**Imyitozo**

*Ongera usome umwandiko maze ukore imyitozo ikurikira:*

1. Huza amagambo yo mu ruhushya A n'ayo mu ruhushya B ku buryo abyara interuro mbonezamvugo.

| A | B |
|---|---|
| a) Umuryango | bituma tudakorana n'amabanki. |
| b) Kubika | abitse mu rugo arangirika. |
| c) Gutinya | witeza imbere ubera abandi ikitegererezo. |
| d) Amafaranga | byinshi si ko kuzigama. |
| e) Gutunga | makemake bikugeza ku gishoro. |

2. Ese gahunda yo kuzigama abanyeshuri na bo irabareba? Sobanura.

## III.2. Inkuru ngufi

**Igikorwa 3.2**

Iteregereze imiterere y'umwandiko **"ubwenge burarahurwa",** ukore ubushakashatsi maze utahure inshoza y'inkuru n'uturango twayo.

### I.2.1 Inshoza y'inkuru ngufi

Inkuru ni igihangano kigufi cyanditse mu buryo bw'umudandure, gifite abanyarubuga bashushanya cyangwa bigana abantu babaho mu buzima busanzwe, bakorera ibikorwa byabo ahantu runaka, kikagaragaza imyifarire yabo, icyo bagamije n'ingorane bahura na zo mu buzima.

Inkuru ziri mu buvanganzo nyandiko. Inkuru ni inkuru iba ari ngufi, yandikwa ku mpapuro nke, ibarwa mu gihe gito igahita irangira, nta gatebe gatoki nyinshi ziba zirimo, iba igiye umujyo umwe. Inkuru ngufi ishobora kuvuga ibyabayeho cyangwa ikaba ari inkuru mpimbano ariko ariko bigaragara nk'ibishobora kubaho.

### III.2.2 Uturango tw' inkuru ngufi

Inkuru ngufi irangwa n'imiterere yayo, abanyarubuga, akabuga nkuru, ibarankuru, imvugo y'ibiganiro ndetse ishobora gukorerwa ishushanyabikorwa.

#### 1. Imiterere y'inkuru ngufi

Inkuru igira intango, ihindagurika, umwanzuro n'iherezo.

a) **Intango:** mu ntango ibintu biba ari ibisanze, ubuzima bumenyerewe, bwaba bwiza cyangwa bubi.

b) **Ihindagurika:** ritangirana na kidobya iza guhindura ibyari bimenyerewe hanyuma hakaza inkubiri y'ibikorwa, aho umunyarubuga mukuru atangira guhangana na kidobya, agashyigikirwa cyangwa akabangamirwa, akagera ku ntego cyanga ntayigereho.

c) **Umwanzuro:** ni igisubizo kiboneka ku kibazo cyari gihari.

d) **Iherezo:** ni uburyo ibintu bikomeza nyuma y'umwanzuro. Bishobora gusubira uko byahoze mbere cyangwa bigahindura isura ubuzima bugakomeza.

#### 2. Abanyarubuga

Inkuru ngufi irangwa no kuba ifite abanyarubuga bake, bashobora kuba abantu cyangwa inyamaswa. Mu banyarubuga haba harimo umunyarubuga mukuru umwe, akaba ari we pfundo n'ihuriro ry'ibikorwa. Ni we intego y'inkuru n'insanganyamatsiko rusange biba bishingiyeho.

Mu nkuru ngufi kandi habamo abanyarubuga bungirije. Ni bo bafasha umunyarubuga mukuru kugera ku ntego cyangwa bakamubera imbogamizi. Aba banyarubuga ni na bo insanganyamatsiko zungirije ziba zishingiyeho. Umunyarubuga mukuru n'abanyarubuga bungirije bashinzwe kuyobora imigendekere y'ibikorwa byo mu nkuru kugeza ku mpera yayo.

Mu nkuru ngufi kandi ushobora gusangamo abanyarubuga ntagombwa cyangwa b'indorerezi, ku buryo kuba mu nkuru kwabo cyangwa kutayibamo nta cyo byahindura ku kivugwa mu nkuru kuko nta nsanganyamatsiko iba ibashingiyeho.

#### 3. Akabuga nkuru

Akabuga nkuru ni ahantu inkuru ibera cyangwa ibarirwa. Hashobora kuba hazwi neza cyangwa se hatazwi. Ni ukuvuga ko mu nkuru umuhanzi ashobora gukoresha akabuga nkuru k'ahantu habayeho cyangwa akabuga nkuru gahimbano.

### c) Imvugo y'ibiganiro

Inkuru ngufi irangwa na none n'imvugo y'ibiganiro aho usanga hakoreshwa cyane ibinyazina ngenga bigaragaza uvuga n'ubwirwa (ngenga ya mbere n'iya kabiri mu bumwe cyangwa mu byinshi) amagambo agaragaza igihe n'ahantu: hano, none, ejo, mu minsi ibiri iri imbere, mu mwaka utaha, … amagambo agaragaza ibitekerezo by'uvuga n'uruhande abogamiyemo, n'ibindi.

## 4. Ibarankuru

Ibarankuru ni kimwe mu biranga inkuru. Ibarankuru mu nkuru ngufi rigenda umujyo umwe, umuhanzi ntavangavanga ingingo, ibikorwa byose bikurikirana neza mu njyabihe. Ibarankuru rishobora gukorwa ku buryo bune:

a) Umubarankuru ashobora kubara inkuru na we ubwe akinamo. Ni muri urwo rwego usanga akoresha ngenga ya kabiri cyangwa iya mbere.

b) Umubarankuru ashobora kubara inkuru ari hanze yayo. Aha usanga akoresha ngenga ya gatatu asa n'uvuga ibintu yareberaga iruhande mu gihe byabaga.

c) Umubarankuru ashobora kubara inkuru ye ubwe. Ni muri urwo rwego usanga akoresha ngenga ya mbere kuko ibyo avuga aba abivuga kuri we.

d) Umubarankuru ubona byose nk'Imana. Usanga azi byinshi kurusha abanyarubuga, amenya ibyo abanyarubuga batekereza, uko biyumva, aba azi ibyabaye n'ibizaba, ndetse akamenya n'ibiri kubera ahantu hatandukanye.

**Ikitonderwa:** Umubarankuru atandukanye n'umwanditsi w'inkuru. Umwanditsi w'inkuru ni umuhanzi wanditse inkuru ibarwa mu gitabo ke. Muri uko kwandika inkuru ye agena uburyo ibarwa. Muri ubwo buryo ibarwamo haba hari umuntu ugenda uyibara, uwo akaba ari we mubarankuru. Cyakora hari igihe umwanditsi ashobora kuba ari na we mubarankuru igihe abara inkuru y'ubuzima bwe.

## 5. Ishushanyabikorwa mu nkuru ngufi

Inkuru iyo ari yo yose irangwa no kuba ishobora gukorerwa ishushanyabikorwa rishingira ku bintu bikurikira:

a) **Nyiri ubwite/ruhamwa:** ni we munyarubuga mukuru inkuru iba ishingiyeho, aba afite intego agamije kugeraho muri iyo nkuru. Aba ashobora kuyigeraho

cyangwa ntayigereho.

b) **Ikigamijwe/intego:** ni icyo umunyarubuga mukuru aba agamije kugeraho mu nkuru.


c) **Ugenera/nyakugaba:** ni igituma umunyarubuga mukuru agera ku ntego ye. Ashobora kuba undi munyarubuga cyangwa ikindi kintu gishobora gutuma agera ku ntego.

d) **Ugenerwa/nyiri inyungu:** ni uwo ari we wese mu nkuru wagira icyo yunguka mu gihe umunyarubuga mukuru ageze ku cyo yari agamije.

e) **Abafasha/inyunganizi:** ni abanyarubuga cyangwa ikindi kintu gishobora gutuma umunyarubuga mukuru agera ku cyo yari agamije, cyangwa ikigerageza kumushyigikira mu rugendo rwe rwose, kabone n'iyo atagera ku ntego ye.

f) **Imbogamizi:** ni abanyarubuga cyangwa ikindi kintu gishobora, gutuma umunyarubuga mukuru atagera ku cyo yari agamije, cyangwa ikigerageza kumubangamira mu rugendo rwe rwose, kimubuza amahirwe kabone nubwo yagera ku cyo yari agamije mu irangira ry'inkuru, ariko kikaba cyamubangamiraga.

**Dore uko ishushanyabikorwa ry'abakinankuru riteye ku gishushanyo**




## Umwitozo

**Kora uyu mwitozo**

Jya mu isomero ry'ikigo, usome inkuru ngufi wihitiyemo hanyuma uyisengure ugaragaza imiterere yayo, imyubakire yayo n'ishushanyabikorwa ryayo.

## III.3. Ihangamwandiko

### Igikorwa 3.3

Kora ubushakashatsi maze utahure inshoza y'ihangamwandiko, imbata yawo kandi ugaragaze intambwe zo gukora umwandiko uboneye.

### III.3.1. Inshoza y'ihangamwandiko

Guhanga umwandiko ni uburyo bwo kubaka ibitekerezo bishingiye ku nsangamatsiko runaka, ukayirambura ku buryo bw'umudandure ugenda ukurikiranya ibitekerezo byubakiye ku gitekerezo k'ingenzi mu buryo bw' inyurabwenge.

Uhanga umwandiko agomba kubanza kubaka ibitekerezo cyangwa kubishushanya mu bwenge nyuma akabishyira mu nyandiko.

### III.3.2 Imbata y'umwandiko

Imbata y'umwandiko igizwe n'ibice bine by'ingenzi ari byo umutwe, intangiriro, igihimba n'umusozo (umwanzuro).

**a) Umutwe**

Mbere yo kwandika uhitamo umutwe ushingiye ku nsanganyamatsiko ushaka kwandikaho. Umutwe ugomba kuba mugufi kandi ujyanye n'insanganyamatsiko. Ugomba kuba witaruye ibindi bice by'umwandiko kandi wanditse mu buryo butandukanye na byo.

**b) Intangiriro**

Muri iki gice, werekana ko wumva insanganyamatsiko wahawe, maze ugatera amatsiko ku byo ugiye kwandika. Ni ukuvuga ko intangiriro igomba kuba iteye amatsiko ku buryo uyisoma agira amatsiko yo gusoma ibikurikiyeho. Urondora muri make ingingo ziri buvugwe utazisobanuye. Si byiza guhita ugaragaza ibitekerezo byawe ukiri mu ntangiriro. Igice k'intangiriro kigomba kuba kigufi ugereranyije n'ibindi bice by'umwandiko.

**c) Igihimba**

Igihimba ni igice utangamo ibitekerezo bisobanuye cyangwa biherekejwe n'ingero. Muri iki gice ni ho uvuga yisanzura agasobanura ibyo yamenyesheje mu ntangiriro. Yirinda kuvangavanga ibitekerezo ashyiramo ibyo atavuze mu ntangiriro. Mu gihimba utanga ibitekerezo gusa ukirinda kugaragaza umwanzuro. Mu gutanga ibitekerezo muri rusange, ibyiza ni uguhera ku gitekerezo wowe ubwawe uha agaciro gato ugasoreza ku gitekerezo kiremereye kurusha ibindi.

Mu gihimba, biba byiza buri ngingo igize igika kihariye kandi ikavugwaho mu

buryo butarondogoye. Iyo urangije kuvuga ku ngingo imwe, uvuga ku yindi. Mu rwego rwo gukurikiranya ingingo mu buryo bw'inyurabwenge, hari amagambo yabugenewe ugomba gukoresha wunga ibitekerezo cyangwa ibika. Twavuga nka: **byongeye kandi…, nakongeraho ko…, nta n'uwakwirengagiza ko…, nta n'uwakwibagirwa ko…, ikindi kandi…** n'andi menshi.

**d) Umusozo**

Umusozo ni igice kigaragaramo inshamake y'ibyavuzwe mu gihimba. Muri iki gice ni ho utanga igisubizo k'ikibazo umusomyi aba yibajije mu ntangiriro cyangwa se umumara amatsiko yari afite atangira gusoma. Mu gusoza, uwandika avuga muri make ibyavuzwe mu gihimba agaragaza ko ari ko byagombaga kurangira cyangwa se agatanga inama igihe ari ngombwa. Iyo ari umwandiko usaba kugaragaza aho umwanditsi abogamiye, ni muri iki gice agaragarizamo umwanzuro we.

### III.3.3 Uko umwandiko uhangwa

Kugira ngo umwandiko ukorwe neza, ni byiza gukurikiza itambwe zikurikira:

**a) Guhitamo insanganyamatsiko.**

Mbere yo kwandika ubanza gutekereza ku nsanganyamatsiko ushaka kwandikaho.

**b) Guhitamo ubwoko bw'umwandiko**

Mbere yo kwandika ugomba gihitamo ubwoko bw'umwandiko kugira ngo ugene imisusire yawo kuko imyandiko itaba iteye kimwe.

**c) Gusesengura no kumva neza insanganyamatsiko.**

Kuyisoma witonze, ukayisesengura, ushaka inyito z'amagambo ayigize. Impamvu ni uko ijambo rimwe rishobora kugira inyito nyinshi. Gushakamo kandi ijambo cyangwa amagambo fatizo yaguha inzira n'imbibi by'insanganyamatsiko. Iyi ntambwe ni ingenzi kuko ntushobora kubona ibitekerezo utanga ku bintu nawe ubwawe utumva neza.

**d) Gukusanya ibitekerezo ku nsanganyamatsiko.**

Iyo umaze kumva neza insanganyamatsiko, utangira kwandika ku rupapuro rwo guteguriraho ibitekerezo. Ukusanya ingero, amagambo meza yavuzwe n'abandi, ibyawe ubwawe waba uzi, n'ibindi. Biba byiza iyo insanganyamatsiko wandikaho uyiziho byinshi, kandi ugashingira ku bintu bifatika.

**e) Guhitamo ibitekerezo by'ingenzi.**

Iyi ntambwe igufasha guhitamo ibitekerezo by'ingenzi, ukegeranya ibihuye, ukabikurikinya mu buryo bwuzuzanya kandi hitawe ku njyabihe y'ibikorwa.

**f) Gukora imbata y'umwandiko.**

Iyi ntambwe igufasha kumenya uko ukurikiranya ibitekerezo byawe mu gihe

wandika.

**g) Kwandika**

Mu kwandika uwandika yubahiriza insanganyamatsiko, imbata yateguye n'amategeko y'imyandikire. Ni ukuvuga: imvugo ikwiye kandi iboneye, kutavangavanga indimi, kudasubira mu magambo, isanisha ry'amagambo, kubahiriza ikibonezamvugo n'ibindi. Yandika kandi akurikiranya ibitekerezo mu buryo bw'inyurabwenge kandi yubahiriza indeshyo y'umwandiko.

Kwandika bishobora gukorwa ntibirangire ako kanya bitewe n'insanganyamatsiko wandikaho, ubwoko bw'umwandiko wandika cyangwa uburebure bw'umwandiko ushaka kwandika. Kwandika rero bishobora gufata igihe kirekire kugira ngo ushobore kunoza umwandiko wawe. Ibyo bituma ubona umwanya uhagije wo gusubira mu byo wanditse, ugakuramo ibitari ngombwa, ibyisubiramo, ndetse ukongeramo ibyaba bibuzemo. Muri iki gice kandi, ni ho ushakisha amagambo yabugenewe kandi aryoshye ndetse ukaba washyiramo ibitekerezo n'ingero zishimishije, izisekeje, ariko byose bigusha ku ngingo ugambiriye kuvugaho.

**Umukoro**

Hangainkuru mbarankuru kuri imwe mu nsanganyamatsiko zikurikira:

h) Ibyiza bitatse u Rwanda.

i) Nasuye Pariki y'Akagera.

## III.4. Isuzuma risoza umutwe wa gatatu

**Umwandiko:Bahaboneye isomo**

Kamana na Gasana bari batuye mu Mudugudu umwe. Imiryango yabo yari ifite imikorere inyuranye, bityo n'iterambere rya buri muryango ryari ritandukanye bitewe n'imikorere yabo. Umuryango warangwaga no gukunda umurimo, ugakoresha neza ibyo utunze kandi ukamenya kuzigama. Naho umuryango wa Gasana wo warangwaga n'ubunebwe no gusesagura.

Umunsi umwe, kubera gusesagura, umuryango wo kwa Gasana wahuye n'iminsi mibi y'inzara. Ibyo bejeje byari byashize, kubera ko igihe kinini bakimaraga bidamarariye. Inzara ibamereye nabi, Gasana arahaguruka, araboneza no ku muturanyi we Kamana ngo ba! Agezeyo, asanga bari kuvana imyaka mu kigega. Aravunyisha nuko bamuha ikaze. Ntiwareba uko yasaga, yari ananutse kubera inzara. Kamana amuha umwanya wo kuvuga ikimugenza. Nuko Gasana araterura ati: "Muvandimwe wange kandi nshuti, nje hano ngo umfashe, umpe ku byo kurya, ndebe ko iminsi mibi y'inzara yarangira.

Abana bange inzara irabugarije, bamerewe nabi cyane. Rwose ntumpakanire, ni wowe nagira." za kenshi, mukarya neza kandi mugakora n'imyitozo ngororamubiri. Nimudakurikiza izi nama mbagiriye, izi ndwara zizaba twibanire. Mugomba kuringaniza ubwoko bw'ibiribwa, mukirinda gukabya ku ndyo imwe mwitwaje ngo murayikunda. Kurya neza si iby'umunsi umwe ahubwo ni iby'ubuzima bwanyu bwose. Kamana ariyumvira yibuka ukuntu yahuraga n'abo kwa Gasana bazerera, badakora, mu gihe abe babaga biyushye akuya bakorera urugo rwabo. Yibuka kandi ukuntu kwa Gasana basesaguraga ibyo bejeje, badashobora kuzigamira iminsi mibi. Kamana amureba asa n'umurenza ingohe, aricecekera, amwima amatwi. Gasana arongera avuga mu ijwi riranguruye kandi riteye imbabazi.

– Muvandimwe, gerageza kunyumva, umfashe.
– Ko nzi ko mwari mwarejeje byabagendekeye bite?
– Twarabigurishije ibindi turabirya turabimara.
– Ntimwibuka ko habaho iminsi mibi ngo mwizigamire?
– Ngirira impuhwe umfungurire umpe n'imbuto yo guhinga, isomo nararibonye.

Gasana arakomeza aramwinginga nuko amusezeranya ko mu minsi mike azaba yejeje ko atazongera gusesagura kandi ko azamwishyura ibyo amugurije. Kamana agera aho agira impuhwe aca inkoni izamba amuha ibyo guteka. Amugira n'inama yo kuza mu rugo akamuha akazi we n'abe kugira ngo bazabone n'imbuto yoguhinga. Abo kwa Gasana batangira ubwo guca inshuro, Kamana akabaha ibyo bakoreye. Bagakuraho ibyo bateka, bakazigama n'ibyo bazatera. Ibyo birabasindagiza kugeza iminsi mibi irangiye.

Gukora kwa Kamana byatumye abana ba Gasana bahumuka, bakira ubunebwe, batangira gukora batikoresheje, bariharika, borora amatungo magufi, ibyo bejeje bagasagurira amasoko. Bitabiriye gukorana n'ibigo by'imari, banahabwa amahugurwa ku bijyanye n'ubuhinzi n'ubworozi. Amahugurwa bahahwe yabafashije gushinga ikigo kita ku buhinzi n'ubworozi.

Ubu umuryango wa Gasana biteje imbere kubera gukunda umurimo no gukorana neza n'ibigo by'imari. Bashimira umuturanyi wabo Kamana wanze kubaha ifi ahubwo akabigisha kuyiroba.

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

1. Iterambere ryo mu muryango wa Kamana rikomoka ku ki?
2. Ni izihe ndangagaciro nyanyarwanda dusanga muri uyu mwandiko?

3. Sobanura ibyiza byo kuzigama bivugwa mu mwandiko.
4. Vuga ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko.
5. Ushingiye ku mwandiko, ni izihe ngamba wafata kugira ngo uzarusheho kwiteza imbere?
6 Gereranya imyitwarire y'abanyarubuga n'ubuzima busanzwe bw'aho utuye.

**II. Inyunguramagambo**

1. Sobanura amagambo cyangwa amatsinda y'amagambo akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko.
   a) Kwiyuha akuya
   b) Ikigega
   c) Kugarizwa n'inzara
   d) Guca inkoni izamba
2. Huza ijambo riri mu ruhushya A n'igisobanuro cyaryo kiri mu ruhushya B.

| A | B |
|---|---|
| a) Guca inshuro | Kwerekeza ahantu runaka. |
| b) Kudamarara | Guhingira ibiribwa |
| c) Kuboneza | Gutuza, ukishimisha,ntihagire ikindi kintu ukora. |

**III. Ibibazo ku nkuru ngufi**

1. Sobanura imiterere y'inkuru ngufi.
2. Abanyarubuga mu nkuru bashobora gushyirwa mu matsina atatu. Yavuge.
3. Ibarankuru ry'umubarankuru ufite uruhare mu nkuru n'umubarankuru udafite uruhare mu nkuru ritandukanira he?
4. Garagaza igishushanyo cy'ishushanyabikorwa ry'inkuru.

# UMUTWE IV KUBAKA UMUCO W'A MAHORO

## Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura imyandiko ijyanye n'umuco w'amahoro agaragaza ingingo z'ingenzi ziyigize.
- Gukoresha mu mvugo no mu nyandiko amazina y'urusobe no kuyasesengura agaragaza ibiyaranga.
- Kwandika ibaruwa mbonezamubano.

### Igikorwa cy'umwinjizo

Uhereye ku bumenyi usanzwe ufite kora ubushakashatsi ugaragaze ingaruka za jenoside, uko yakumirwa, ubwoko bw'ihohoterwa rikorwa mu muryango n'uburyo ryakumirwa.

## IV.1. Gusoma no gusesengura umwandiko: Gukumira no kurwanya jenoside

### Igikorwa 4.1

Soma umwandiko ukurikira, ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko kandi usubize n'ibibazo byawubajijweho.

### IV.1.1 Gusoma umwandiko

*Soma umwandiko ukurikira:*

**Gukumira no kurwanya jenoside**

(Ishusho y'urwibutso)

Iri jambo "jenoside" ryakoreshejwe bwa mbere mu 1944, igihe habaga ubwicanyi bwibasiye Abayahudi i Burayi. Jenoside ni ubwicanyi bwibasira inyoko muntu, bugamije kurimbura imbaga y'abantu bafite icyo bahuriyeho, gishobora kuba: ubwoko, idini, akarere, isura, ibara ry'uruhu, igitsina, ubwenegihugu, inkomoko, ururimi, ibitekerezo bya poritiki n'ibindi, hashyirwa mu bikorwa umugambi uba warateguwe wo kurimbura abantu bazira icyo bari cyo. Jenoside ni cyaha gitandukanywa n'ibindi byaha by'ubwicanyi, cyashyizwe mu mategeko mpuzamahanga mu 1948 nk'icyaha

kidasaza, gihanirwa aho ari ho hose ku isi. Jenoside itegurwa na Leta kuko ari yo yonyine ifite uburyo n'ubushobozi bwo gufata ikemezo cyo kurimbura itsinda ry'abantu. Umuntu yakwibaza ati: "Jenoside ishoboka ite? Ni izihe ngamba zafatwa mu kuyikumira no kuyirwanya?"

Hari abashakashatsi banyuranye banditse kuri jenoside, ariko hano turavuga ku mushakashatsi Geregori Sintato (Gregory Stanton) ukomoka muri Amerika. Ni umushakashatsi ku bumenyi bwa jenoside n'uburyo bwo kuyirwanya. Mu gitabo ke yise "Jenoside ni iki?"yashyize ahagaragara intambwe zinyuranye jenoside inyuzwamo kugira ngo ishoboke. Ni ngombwa kumenya ibiranga buri ntambwe kugira ngo umenye uko wayikumira n'uko wayirwanya.

Mu ntangiriro, abategura jenoside batandukanya abaturage, babacamo íbice bibiri «Twe» na «Bo» bagendeye ku bwenegihugu, ubwoko, inkomoko cyangwa imyemerere. Muri iki gikorwa, abategura jenoside bagerageza kumvisha abaturage ko kubacamo ibice nta cyo bitwaye kandi ko nta ngaruka bifite ariko mu by'ukuri bo bazi impamvu yabyo n'icyo bashaka kuzageraho.

Nyuma yo gucamo abaturage ibice, buri tsinda rihabwa izina ryihariye, rikagenderwaho babatandukanya n'abandi badahuje itsinda. Hakurikiraho kubiba urwango hatangwa inyigisho zirushaho gutandukanya amatsinda yombi, kugeza ubwo itsinda ryibasiwe rifatwa nk'umwanzi mu muryango ribarizwamo.

Nyuma yo kubiba urwango, itsinda ryibasiwe ritangira kwamburwa ubumuntu, rigatotezwa, abarigize bakagereranywa n'ibikoko. Muri icyo gihe, abategura jenoside bategura abazayikora, bakigishwa kandi hagashakwa ibikoresho bizifashishwa. Nyuma y'ibyo, batangira kwibasira abatagira aho babogamiye, batabyumva kimwe na bo kugira ngo batazababuza gushyira mu bikorwa umugambi wabo. Hakurikiraho kugaragaza abagomba kwicwa, hagakorwa urutonde rwabo. Nyuma hakurikiraho kubica hagamijwe kubamaraho.

Iyo jenoside irangiye, abayikoze ntibaba bemera ibyaha bakoze. Usanga barangwa no guhakana ibyabaye, bagahisha ukuri, bakibasira abatangabuhamya n'ibindi. Baba bagamije kuburizamo ibimenyetso bituma uburyo umugambi wabo wateguwe n'uburyo washyizwe mu bikorwa bumenyekana.

Kugira urukundo rwa mugenzi wawe no kumva ko abantu ari ibiremwa by'Imana ni yo ntwaro ya mbere yo kwirinda no gukumira jenoside. Ni ngombwa kwamagana ubuyobozi bucamo abaturage ibice, bubumvisha ko atari bamwe. Mu mategeko ahana ya buri gihugu, hakwiye gushyirwamo itegeko rihana umuntu wambura mugenzi we ubumuntu amwitiranya n'inyamaswa cyangwa amuha andi mazina agamije kumutesha agaciro. Abayobozi b'ibihugu n'ab'imiryango mpuzamahanga bakwiye kwamagana no guhana ababiba inzangano n'amacakubiri babicishije mu biganiro mbwirwaruhame no mu bundi buryo bunyuranye bw'isakazamakuru.

Mu kurwanya jenoside, Umuryango w'Abibumbye ugomba gukumira igurwa ry'intwaro ku bihugu no ku baturage bagaragaweho umugambi mubisha wa jenoside, bakanafatirwa ibihano mpuzamahanga. Ni ngombwa kandi gutangaza ibihugu byagaragaweho itegurwa rya jenoside no gushyiraho ingabo mpuzamahanga zo gutabara mu maguru mashya abibasiwe na jenoside.

Muri make, uruhare rwa buri muntu mu gukumira no kurwanya jenoside ni ukwamagana abafite ingengabitekerezo yayo, abayihakana n'abayipfobya. Birakwiye kandi guca umuco wo kudahana, abakoze jenoside bagacirwa imanza aho baba bahererereye hose. Ni byiza kurangwa n'imitekerereze, imyumvire, imikorere n'imyitwarire izira ivangura iryo ari ryo ryose. Ni ngombwa gutoza abakiri bato kubahiriza uburenganzira bwa muntu no kwirinda ivangura n'amacakubiri aho biva bikagera.

## IV.1.2 Gusobanura amagambo

*Sobanura amagambo cyangwa amatsinda y'amagambo akurikira, wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko.*

Kwibasira, ubumuntu, gutesha agaciro, umugambi mubisha, mu maguru mashya.

## IV.1.3 Kumva no gusesengura umwandiko

*Subiza ibibazo bikurikira:*

1. Kuki jenoside itandukanye n'ubundi bwicanyi?
2. Kuvuga ko jenoside ari icyaha kidasaza bishatse kuvuga iki?
3. Garagaza intambwe jenoside inyuramo kugira ngo igerweho kandi ugaragaze icyo wakora kuri buri ntambwe kugira ngo ikumirwe?
   - ***Gutandukanya abaturage, babacamo íbice bibiri «Twe» na «Bo»;***
   - ***Guha buri tsinda izina ryihariye;***
   - ***Kubiba urwango hagati y'ayo matsinda hatanga inyigisho zirushaho gutandukanya amatsinda yombi;***
   - ***kwambura ubumuntu itsinda ryibasiriwe;***
   - ***Gutegura abazayira mu bikorwa jenoside no gushaka ibikoresho bizifashishwa.***
   - ***Kwibasira abatagira aho babogamiye,***
   - ***Kugaragaza abagomba kwicwa no gukora urutonde rwabo;***
   - ***Kwica abashyizwe itsinda ryibasiwe***
4. Sobanura uburyo bushobora gukoreshwa mu gukumira jenoside.
5. Garagaza ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko.
6. Ni iyhe myitwarire igenda igaragara ku bateguye n'abakoze Jenoside

Yakorewe Abatutsi mu wa 1994 mu Rwanda?

**Imyitozo**

**Kora imyitozo ikurikira:**

7. Koresha aya magambo  cyangwa itsinda ry'amagambo, ukore interuro ukurikije inyito afite mu mwandiko:

a) Ubumuntu

b) Kwibasira

c) Agaciro

2. Garagaza ingaruka Jenoside Yakorewe Abatutsi mu Rwanda mu wa 1994 yagize ku buzima bw'Igihugu.

## IV.2. Amazina y'urusobe

**Igikorwa 4.2**

Soma interuro zikurikira witegereza amagambo aciyeho umurongo maze utahure inshoza, uturango n'ubwoko by'amazina y'urusobe.

d) Jenoside ishobora kwibasira abantu bahuriye ku **ubwenegihugu**

e) Iyo jenoside irangiye, abayikoze bakunze kwibasira **abatangabuhamya**

f) Ababiba inzangano bakoresheje ubury bw'**isakazamakuru** bagomba kubihanirwa.

**g)** **Abanyarwandakazi** bafite uruhare runini mu kwimakaza umuco w'amahoro.

**h)** **Nyirasenge** wa **Semuhanuka** yari atuye i **Nyamure.**

### IV.2.1 Inshoza n'uturango by'amazina y'urusobe

Izina ry'urusobe ni izina rifite uturemajambo turenze dutatu tw'ibanze tw'amazina mbonera. Izina ry'urusobe akenshi riba rigizwe n'izina risanzwe ryiyongeyeho akandi karemajambo cyangwa rikiyunga n'ubundi bwoko bw'ijambo.

### IV.2.2 Ubwoko bw'amazina y'urusobe

Amazina y'urusobe tuyasangamo amoko atandukanye:

– Amazina y'inyunge

- Amazina y'urujyanonshinga
- Amazina y'akabimbura
- Amazina y'umusuma
- Amazina agaragaza amasano

**1. Amazina y'urujyanonshinga**

Aya mazina y'urujyanonshinga aba ashingiye ku nshinga yiyunze n'icyuzuzo cyayo, gishobora kuba izina, inshinga, ikinyazina, umugereka, bigakora izina rimwe.

**Ingero:**

- Umucamanza (guca imanza)
- Ikirirahabiri (kurumira habiri)
- imberabyombi(kubera byombi)
- Umurwanashyaka (kurwana ishyaka)
- Inshamake (guca make)
- Inyigaguhuma (kwiga guhuma)
- Umugiraneza (kugira neza)

**2. Amazina y'akabimbura**

Amazina y'akabimbura ni amazina y'urusobe afite akaremajambo(akabimbura) kihagika imbere y'izina risanzwe. Akabimbura gashobora gutangira izina cyangwa kakabanzirizwa n'utundi turemajambo.

**Ingero:**

- Ikinyamateka,
- Umunyeshuri
- Nyirumuringa
- Nyiramana
- Semahoro
- Samusure
- Benimana
- Umwenegihugu
- Mukamacumu
- Kamanzi
- Rwamagana

**3. Amazina y'imisuma**

Amazina y'umusuma ni amazina y'urusobe agizwe n'izina risanzwe ryiyongeraho akandi karemajambo (umusuma).

**Ingero:**

- Inkokokazi,
- Umurundikazi,

– Umugabekazi

**4. Amazina y'urusobe afatiye ku masano**

Amazina y'urusobe afatiye ku masano ni amazina agizwe n'amazina agaragaza amasano yiyongeraho andi mazina cyangwa ubundi bwoko bw'amagambo.

**Ingero:**

– Databukwe
– Nyirabukwe
– Mabuja
– Sogokuru
– Nyirarume
– Nyogosenge
– Nyirakuruza
– Sekuru

**5. Amazina y'impindurarwego**

Amazina y'impindurarwego ni amazina y'urusobe yongeweho andi moko y'amagambo. Ashobora kandi kuba agizwe n'andi moko y'amagambo yabaye amazina.

**Ingero:**

– Mwanankundi
– Mugabonake
– Sinamenye
– Kwizera
– Uzamukunda
– Mutimukeye
– Uwimpuhwe
– Manirakiza

**Imyitozo**

**Kora imyitozo ikurikira:**

6. Tanga urugero rw'izina
   a) ry'urujyanonshinga
   b) ry'akabimbura
   c) ry'umusuma
   d) ry'impindurarwego
2. Vuga ubwoko bw'amazina akurikira:
   a) Munyakazi
   b) Umutegarugori
   c) Rwandekwe
   d) Nsanzubuhoro

## IV.3 Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko: Rubundakumazi

**Igikorwa 4.3**

Soma umwandiko ukurikira, ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko, usubize n'ibibazo byawubajijweho.

### IV.3.1 Gusoma umwandiko

*Soma umwandiko ukurikira:*

**Rubundakumazi**



Rubundakumazi
Iyo ahembwe aragenda
Utubari akatubunga
Amakashi ayatanga
Agataha bukeye.

Ab'iwe agahonda
Agahindura intere
Bagacika bahunga
Bagataha ibigunda
Ngo badasongwa bashonje.

Abana yabyaye
Ntibigeze ishuri
Bashotse ibishanga
bashaka ibiribwa
Barirera ubwabo.

Nge nazanye urwagwa
Rwo kumara inyota
Mwe muteke kayote
Murenzeho amazi
Muryame burije".

Urubyaro wabyaye
Ntirwigeze ishuri
Urataha uruhonda
Rugahinduka intere
Ngo utabaza uramwica.

N'ifaranga bacyuye
Aribaka abahonda
Anabita ibirumbo
Bitigeze ubwenge
Bitazi guhaha.

Nyiramama uko abyumva
Agashengurwa cyane
Agatinya gukopfora
Ngo atotswa igitutu
Agatimburwa ashonje.

Yamubwira guhaha
Ngo agaburire abana
Agahatwa inshyi nyinshi
Ati: "Ibirumbo wabyaye
Ntibyazanye inoti?

Agisoza ayo ngayo
Haba haje gitifu
Umwe utwara ubwo bwatsi
Amubwira amutwama
Ati: "Ibyo uvuga urabizi?

Uyu munsi wa none

Uraryozwa abo wica

Ubacira uburumbo

Wabateye ubabyara

Ngo bazirera ubwabo."

Ubwo irondo ry'umwuga

Rimuta muri yombi

Rimutwara ubwo ngubwo

Rimutuza imabuso

Ngo akanirwe urumukwiye.

### IV.1.2 Gusobanura amagambo

*Shaka mu mwandiko amagambo udasobanukiwe, uyasobanure wifashishije inkoranya cyangwa inyito afite mu mwandiko.*

### IV.1.3 Kumva no gusesengura umwandiko

*Subiza ibibazo bikurikira:*

1. Nyiramama uvugwa uvugwa mu mwandiko ni nde?
2. Ihohoterwa rivugwa mu mwandiko riterwa n'iki?
3. Abahohoterwa ni ba nde?
4. Ni uruhe ruhare rw'ubuyobozi mu gukemura amakimbirane yo mu muryango rugaragara mu mwandiko?
5. Ni ubuhe bwoko bw'ihohoterwa bugaragara mu Gihugu cyacu?
6. Ni izihe ngamba zafatwa kugira ngo abantu birinde ihohoterwa iryo ari ryo ryose?

#### Imyitozo

*Ongera usome umwandiko maze ukore imyitozo ikurikira:*

1. Simbuza amagambo atsindagiye amwe muri aya magambo akurikira: (aho ngaho, abo uhohotera, indembe, badahuhurwa, abana, agahinda, ugakubita, uyobora)

- Urataha **ugahonda.**
- Ugahindura **intere**.
- Ngo badasongwa bashonje.
- Urubyaro wabyaye.

2. Sobanura ihohoterwa rigaragara mu muryango nyarwanda n'ingaruka zaryo.

## IV.4. Ibaruwa mbonezamubano

### Igikorwa 4.4

Soma inyandiko ikurikira maze utahure inshoza n'uturango by'ibaruwa mbonezamubano.

MUHIRWA Imena Daniel
Umudugudu wa Nyakiriba
Akagari ka Rusasa
Umurenge wa Nyegamo
Akarere ka Musange
Ter: 0788.........

Nyakiriba, ku wa 02 Nzeri 2019

Kuri mubyara wange nkunda,

Uraho neza? Nejejwe no kukwandikira ngira ngo nkubaze amakuru yawe n'ayo mu rugo. Ubu iwacu turaho nta kibazo ndetse n'imyaka yeze neza.

Ndagira ngo nkumenyeshe ko ubu dusigaye dutuye neza kandi heza. Ya nzu yacu yo mu mudugudu twarayitashye. Ibikorwa remezo byaratwegereye, imihanda ni nk'imiharuro, amazi yo ni urubogobogo kandi aratwegereye. Uzi ko barumuna bange biga muri metero magana atatu uvuye mu rugo? Naho twe uribuka ko twakoraga ibirometero n'ibirometero tujya kwiga. Ubuzima bwaroroshye pe! Yewe "ararekwa ntashira", reka nkureke nudusura uzibonera uburyo iterambere ryatugezeho.

Ngaho rero unsuhurize masenge na babyara bange bandi uti: "Mutahe cyane, arabakumbuye rwose". Si nge uzabona mbonye akanya nkaza kubasura. Imana ibarinde.

Yari mubyara wawe

MUHIRWA Imena Daniel

### IV.5.1 Inshoza y'ibaruwa mbonezamubano

Ibaruwa mbonezamubano, ibaruwa isanzwe cyangwa ibaruwa ya gicuti, ni ibaruwa umuntu yandikira umubyeyi, umuvandimwe we, inshuti n'abandi, agamije kumubwira cyangwa kumubaza amakuru. Kubera ko urupapuro ruba ari ruto, umuntu wandika ibaruwa agomba kuvuga iby'ingenzi, akirinda kurondogora.

### IV.5.2 Ibiranga ibaruwa mbonezamubano

Ibaruwa mbonezamubano irangwa n'ibi bikurikira:

1. **Aderesi y'uwanditse:** amazina y'uwanditse n'aho abarizwa.
2. **Ahantu yandikiwe n'itariki:** uwandika agaragaza aho yanditse ari n'itariki.
3. **Uwandikiwe:** Uwandika agaragaza isano afitanye n'uwo yandikiye cyangwa agashyiraho amazina y'uwandikiwe.
4. **Indamutso:** Uwanditse asuhuza uwo yandikiye.
5. **Ubutumwa bw'ibaruwa:** Buba bukubiyemo ibyo uwandika ashaka kugeza ku wo yandikiye.
6. **Umusozo:** Ugaragaramo gusezera n'intashyo.
7. **Izina ry'uwanditse n'umukono we:** Uwanditse ibaruwa mbonezamubano asoza yandika amazina ye agashyiraho n'umukono.

#### Imyitozo

*Wifashishije ibaruwa iri mu gikorwa gitangira garagaza ibi ibikurikira:*

1. Aderesi y'uwanditse
2. Ahantu n'igihe ibaruwa yandikiwe
3. Ubutumwa bukubiye mu gihimba k'ibaruwa.

#### Umukoro

Andika ibaruwa mbonezamubano, uyandikire umuntu wihitiyemo mu bavandimwe bawe cyangwa inshuti wubahirizaamabwiriza y'imyandikire y'Ikinyarwanda.

## IV.5. Isuzuma risoza umutwe wa kane

### Umwandiko: Ingaruka za jenoside

Nk'uko buri gikorwa cyose cyaba kiza cyangwa kibi kigira inkurikizi, aho jenoside yagiye iba hose ku isi, hagiye hagaragara ingaruka nyinshi kandi zikomeye. Muri zo, zirimo gutakaza abantu benshi kandi b'ingeri zose. Hari ukwangirikak'umuryango n'ihungabana ry'abayirokotse. Hagaragara kandi izahara rikomeye ry'ubukungu ku gihugu no ku benegihugu. Ku ruhande rw'abakoze jenoside na ho, usanga bafite ipfunwe n'ikimwaro. Iryo pfunwe rikaba intandaro y'ihakana n'ipfobya ryayo. Mu Rwanda, jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yagize ingaruka zitabarika ku bukungu, ku mutekano, ku mibanire y'Abanyarwanda n'imibereho ndetse no ku rwego rwa poritiki.

Mu rwego rw'ubukungu, u Rwanda rwarasenyutse ku buryo bukomeye. Miriyoni irenga y'Abanyarwanda bahasize ubuzima mu gihe kitarenze amezi atatu gusa; ubwo imbaraga z'Igihugu zirahatikirira. Igipimo cy'ubukungu cyaraguye cyane, ibikorwa remezo birangirika, amashuri, amavuriro n'inganda birasenyuka. Amabanki yarasahuwe cyane ku buryo Banki Nkuru y'u Rwanda yari irimo inote z'ijana gusa, Jenoside Yakorewe Abatutsi muri Mata 1994 ikirangira.

Mu rwego rw'umutekano, nyuma ya Jenoside Yakorewe Abatutsi mu 1994, umutekano w'Igihugu wakomeje guhungabana. Abenshi bakoze jenoside barahunze, bajyana n'umubare munini w'abaturage, babafata bugwate maze bakomeza kugaruka guhungabanya umutekano w'Igihugu. Bibasiraga abarokotse Jenoside kugira ngo basibanganye ibimenyetso.

Mu rwego rw'imibanire y'Abanyarwanda n'imibereho myiza y'abaturage, Jenoside yasize abapfakazi benshi, imfubyi, inshike, izimya imiryango ku buryo nta n'uwo kubara inkuru warokotse. Jenoside yasize urwikekwe mu Banyarwanda. Nyuma ya Jenoside Yakorewe Abatutsi mu 1994, hari ikibazo gikomeye cyo gufasha abarokotse, basigaye iheruheru kongera kwiyubaka ndetse hari n'ikibazo cyo gutunga umubare munini w'imfungwa n'abagororwa. Ubwo kandi ni na ko Leta y'u Rwanda yitaga no ku bandi Banyarwanda batishoboye.

Mu rwego rwa poritiki, mu ruhando mpuzamahanga u Rwanda rwagize ipfunwe. Igihugu cyabayemo jenoside gisigarana ipfunwe mu rwego mpuzamahanga ku buryo bukomeye ndetse rimwe na rimwe abagikomokamo bagahabwa akato kuko baba bareberwa mu ndorerwamo y'ubwicanyi. Ni ko byagendekeye Abanyarwanda hirya no hino ku isi, bigatuma badahabwa ibyo bakeneye nk'uko bikwiye.

Nubwo jenoside yagize ingaruka nyinshi cyane ku muryango nyarwanda no ku Gihugu muri rusange, Leta yashyize imbaraga nyinshi mu gukumira amacakubiri kugira ngo yubake ubumwe bw' Abanyarwanda. Ni muri urwo rwego hashyizweho Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge na Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu bihabwa inshingano zo kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda no kubaka umuturage ufite indangagaciro nyarwanda.

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

1. Rondora ingaruka za Jenoside Yakorewe Abatutsi ku Gihugu cy'u Rwanda zivugwa mu mwandiko.
2. Vuga ibintu by'ingenzi Leta y'u Rwanda yakoze ngo igarure ubumwe n'amahoro mu Banyarwanda?
3. Wifashishije umwandiko ubona ari izihe mpamvu abakoze jenoside bahakana bakanapfobya jenoside?
4. Tanga izindi ngaruka za Jenoside Yakorewe mu Abatutsi mu 1994 zitavuzwe mu mwandiko.
5. Ubona ari izihe ngamba zafatwa mu rwego mpuzamahanga kugira ngo ntihazongere kuba jenoside ku isi?
6. Iterambere ryihuse u Rwanda rugenda rugeraho nyuma ya Jenoside Yakorewe Abatutsi mu 1994, ubona rikomoka kuki? Ni iki cyakorwa ngo risigasirwe?

**II. Ibibazo by'inyunguramagambo**

1. Sobanura amagambo cyangwa amatsinda y'amagambo akurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko:

a) Ihungabana

b) Ipfobya

c) Inshike

d) Kuzima k'umuryango

**2. Garagaza amagambo ari mu mwandiko ahuje inyito n'aya akurikira:**

a) Kwishishanya, umwe yumva ko undi yamugirira nabi.

b) Kwisanga nta kintu ugifite bitewe n'icyago runaka cyaguteye.

c) Gukumirwa kubera ko wanzwe.

d) Nyinshi ku buryo bukabije.

**3. Garagaza imbusane z'aya magambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:**

a) Ipfunwe

b) Rwarasenyutse

**4. Uzuza interuro zikurikira wifashishije amagambo yakoreshejwe mu mwandiko.**

a) Kana yariye umwenda w'abandi none agira .................... ryo kujya mu bandi.

b) Icyaha cya .................... kiri mu byaha byibasira inyoko muntu.

c) Leta y'u Rwanda yashyizeho amategeko ahana abagaragayeho .................... yajenoside.

d) Komisiyo y'Igihugu y' .................... n' .................... yagize uruhare rukomeye mu kunga Abanyarwanda.

**III. Ibibazo ku mazina y'urusobe**

1. Tahura ubwoko bw'amazina y'urusobe akurikira:

a) Nyogokuru

b) Nyirinkwaya

c) Nyirabizeyimana

d) Rwankubebe

e) Nzamukosha

f) Ikoranabuhanga

2. Tahura amazina y'urusobe mu gika cya mbere cy'umwandiko "Ingaruka za jenoside".

**IV. Ihangamwandiko**

Andikira inshuti yawe ibaruwa umubwira ibyo wungukiye mu mahugurwa wakoze ku bijyanye no kwimakaza umuco w'amahoro.

# UMUTWE V INGARUKA Z'IBIYOBYABWENGE

## Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura inkuru ishushanyije agaragaza ingingo z'ingenzi ziyikubiyemo.
- Guhanga inkuru ishushanyije ku nsanganyamatsiko zitandukanye.
- Gukoresha inshoberamahanga mu mvugo no mu nyandiko.

**Igikorwa cy'umwinjizo**

- Ushingiye ku byo ubona, ni zihe ngaruka z' ibiyobyabwenge ku buzima bw'umuntu. Ese wakumira ute ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge?
- Ushingiye ku bumenyi bwawe, gira icyo uvuga ku kamaro k'ubuvanganzo bw'inkuru ishushanyije no ku nshoberamahanga.

## V.1 Gusoma no gusesengura umwandiko: Ingaruka z'ibiyobyabwenge

**Igikorwa 5.1**

Soma umwandiko ukurikira, ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranyamagambo cyangwa inyito afite mu mwandiko kandi usubize n'ibibazo byawubajijweho.

### V. 1.1 Gusoma umwandiko

*Soma umwandiko ukurikira:*

**Ingaruka z'ibiyobyabwenge**

***Reba inkuru ishushanyije mu gitabo cya LE&ECLPE YEAR I kuri paji ya 193-201***

### V.1.2 Gusobanura amagambo

Shaka amagambo udasobanukiwe mu mwandiko "Ingaruka z' ibiyobyabwenge", hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranyamagambo cyangwa inyito afite mu mwandiko.

### V.1.3 Kumva no gusesengura umwandiko

*Subiza ibibazo bikurikira:*

1. Ni izihe mpamvu zitera urubyiruko kwishora mu biyobyabwenge zivugwa mu mwandiko?
2. Ni izihe ngaruka zo kunywa ibiyobyabwenge zivugwa mu mwandiko?
3. Garagaza icyo ababyeyi basabwa gukora kugira ngo abana babo bareke kwishora mu biyobyambwenge?
4. Nk'umufasha w'abaforomo, wafasha ute umuntu uje akugana kandi yarabaswe n'ibiyobyabwenge?
5. Sobanura uko icuruzwa n'inyobwa ry'ibiyobyabwenge bishobora kudindiza iterambere.
6. Ibiyobyabwenge biba bitujuje ubuziranenge. Hakorwa iki kugira ngo ubinywa asobanukirwe n'ububi bwo gukoresha ibintu bitujuje ubuziranenge?

**Imyitozo**

7. Kora interuro wifashishije amagambo akurikira icyo asobanura.
   a) Kwihunza
   b) Uburoko
   c) Icyaka
   d) Gushoberwa
   e) Gukeka
   f) Icyomanzi

2. Ibiyobyabwenge ni ikibazo cyugarije urubyiruko rw'Igihugu cyacu. Nk'umufasha w'umuforomo wakora iki kugira ngo ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge ricike?

## V.2 Inkuru ishushanyije

**Igikorwa5.2**

Shingira ku miterere y'inkuru "Ingaruka z'ibiyobyabwenge" maze utahure inshoza n'uturango by'inkuru ishushanyije.

### V. 2.1 Inshoza y'inkuru ishushanyije

Inkuru ishushanyije ni inkuru iteye nk'ikiganiro aho abantu babiri cyangwa benshi baganira. Bene izi nkuru zishushanyije, zibangikanya amagambo n'amashusho y'abanyarubuga. Inkuru ishushanyije itera amatsiko ashingiye ku ibangikana ry'amagambo n'amashusho.

### V. 2.2 Uturango tw'inkuru ishushanyije

Inkuru ishushanyije irangwa n'ibi bikurikira:

- **Umurambararo:** uruhererekane rutambitse rw'amashusho.
- **Igipande:** urupapuro rwose rugizwe n'imirambararo.
- **Urukiramende:** umwanya wanditsemo ibisobanuro bitangwa n'umubarankuru. Ibyo bisobanuro byitwa imvugo ngobe.
- **Agatoki:** ni agashushanyo k'akaziga gasongoye gahuza amagambo n'uyavuga.
- **Akazu:** ni umwanya w'ishusho utangiwe n'idirishya.
- **Idirishya:** imbibi z'ishusho cyangwa z'akazu.
- **Uruvugiro:** ni umwanya urimo ikiganiro cy'abanyarubuga.
- **Akarangandoto:** ni agashushanyo k'akaziga kariho akarongo kagizwe n'utudomo kerekera ku muntu kagaragaza ibyo arota cyangwa atekereza.
- **Imvugondoto:** ni amagambo umuntu ashobora gusoma ku gipande aranga icyo umunyarubuga atekereza cyangwa se aranga umwivugisho w'umunyarubuga.
- **Agakino:** ni uruhererekane rw'amashusho ari mu muteguro umwe. Ni ukuvuga abanyarubuga bamwe hatagize usohokamo cyangwa undi winjiramo.
- **Abanyarubuga:** ni umuntu, ikintu cyangwa inyamaswa bifite icyo bikora mu nkuru.

Muri rusange inkuru ishushanyije irangwa n'uko amagambo avugwa n'abanyarubuga ashyirwa mu tuziga dufite uturizo dufite ikerekezo cy'aho umunyarubuga uyavuga ahererey e (uruvugiro n'agatoki.) Inkuru ishushanyije Kandi ntishyirwa mu bika ahubwo amashusho y'abakinankuru n'amagambo bavuga bishyirwa mu tudirishya tugenda dutondekwa bahereye ibumoso bajya iburyo. Umukinankuru iyo agaragaza imbamutima ze, amashusho arabigaragaza.

**Umwitozo**

Tahura uturango tw'inkuru ishushanyije dukurikira: agatoki, akarangandoto, urukiramende, uruvugiro, wifashishije inkuru ishushanyije "Ingaruka z'ibiyobyabwenge".

## Umukoro

Wifashishije uturango tw'inkuru ishushanyije, hanga inkuru ishushanyije ku nsanganyamatsiko wihitiyemo.

## V.3 Inshoberamahanga

### Igikorwa5.3

Kora ubushakashatsi, utahure inshoza n'uturango by'inshoberamahanga kandi utange n'ingero zazo.

### V.3.1 Inshoza y'inshoberamahanga

Inshoberamahanga ni imvugo umuntu utarakenetse ururimi adahita yumva igisobanuro cyayo iyo bayivuze. Akenshi na kenshi abumva bene izo mvugo ntibazisobanukirwe ni abanyamahanga kuko baba batazi umuco cyangwa amateka y'u Rwanda kandi inshoberamahanga ari byo zishingiyeho. Aho ni na ho haturutse kwita bene izo mvugo "Inshoberamahanga".

### V.3.2 Uturango tw'inshoberamahanga

Inshoberamahanga irangwa no kuba igizwe n'inshinga n'icyuzuzo cyayo. Irangwa kandi no gukoresha imvugo shusho itandukanye n'ibisobanuro by'amagambo ayigize.

### V.3.3 Ingero z'inshoberamahanga

Inshoberamahanga zifatira ku nshinga zinyuranye: guca, gufata, kugwa, kurya guha...

**Ingero z'inshoberamahanga**

Guca igihugu umugongo
Guca igikuba
Kugwa mu mutego
Gufata nk'amata y'abashyitsi
Gufata undi mu mugongo
Gufatana urunana

Guca imihini migufi
Guca inkeramucyamo
Gucisha mu misoto
Gufatirwa mu cyuho
Kugwa gitumo
Kugwa isari
Kugwa ivutu

Guca iryera
Gufatwa mpiri
Guca i Kibungo
Kugwa miswi
Kugwa mu matsa
Kugwa mu ntege
Kugwa ruhabo

Gufata iry'iburyo

Kugwa mu mazi abira

Kurya akara

Guha undi intera

Guhabwa akato

Gukama ikimasa

Gukanga Rutenderi

Gukanja amanwa

Gukizwa n'amaguru

Kumesa kamwe

Kumira bunguri

Kuryamira amajanja

Kuvomera mu rutete

Kugwa ku nzoka

Kurya indimi

Gukura ubwatsi

Gukurayo amaso

Gupfa undi agasoni

Guseta ibirenge

Gushya amaboko

Guta muri yombi

Kuziba icyuho

Kwesa umuhigo

Kwivamo nk'inopfu

Kwizirika umukanda

Kugwa mu kantu

Gutaba mu nama

Gutega zivamo

Gutera isekuru

Guterērayo utwatsi

Kugenda runono

Kotsa igitutu

Gucurangira abahetsi

Gukora umuntu mu nda

**Umwitozo**

Koresha izi nshoberamahanga iteruro ziboneye:

a) Kwizirika umukanda
b) Kwirya ukimara
c) Guhabwa akato
d) Guca mu rihumye
e) Guca iryera

## V.4 Isuzuma risoza umutwe wa gatanu

**Soma umwandiko ukurikira maze usubize ibibazo byawubajijweho.**

### Umwandiko: Na we ashobora guhinduka

Muvara ni umwana w'umuhungu uri mu kigero k'imyaka cumi n'itandatu. Afite amaso yatukuye, agenda yivugisha mu nzira ahekenya amenyo. Umunsi umwe, twahuriye mu kayira kitaruye ikigo k'ishuri cya Mabimba, atumagura itabi rizingiye mu rupapuro rw'ikayi. Yari yambaye impuzankano, bigaragara ko ari umunyeshuri. Ndamwegera, ndamusuhuza.

– Uraho yewe mwa?
– Ndi aha nyine. Ntundeba se? Eee! Bite meri wange? Ubu nge mba ndi mu maswingi wana, ntabwo nshaka amagambo menshi.

Akimara kunsubiza atyo, nahise menya ko ari umwana wokamwe n'ibiyobyabwenge. Ntangira kumuganiriza ntuje kandi nkomeza kwihanganira imvugo nyandagazi yakoreshaga kuko yabiterwa no kubatwa n'ibiyobyabwenge.

– Wiga mu wa kanga he?
– Niga mu mwaka wa mbere w'amashuri yisumbuye mani.

Nakomeje kumuganiriza. Nifuzaga kumenya ibiyobyabwenge urubyiruko rw'abanyeshuri rukoresha, igihe rubinywera, aho rubikura n'igituma rubyiyahuza.

Mu kiganiro cyange na we, nasobanukiwe ko ibiyobyabwenge bikunze gukoreshwa n'urubyiruko rw'abanyeshuri ari urumogi, kanyanga n'indi nzoga ntamenye neza yitaga suruduwire. Nasobanuriwe kandi ko babikura mu bacuruzi babizana hafi y'uruzitiro rw'ikigo bakabigura no mu banyeshuri babyinjirana mu ishuri baje kwiga. Namenye ko ku ishuri, babinywa mu kiruhuko cya saa yine, icya saa sita cyangwa icya saa kenda.

Uko twakomezaga kuganira, yagendaga acururuka akarushaho kunyiyumvamo. Twakomeje ikiganiro, duhuza urugwiro maze mubaza ibibazo byinshi kugira ngo nsobanukirwe neza.

– Amafaranga yo kugura ibiyobyabwenge muyakura he?
– Tubeshya ababyeyi ko hari ibikoresho badutumye maze bakayaduha. Hari n'igihe tugurisha ibikoresho baduhaye maze tukababeshya ko babitwibye. Ikindi kandi tujya gusura bene wacu maze amafaranga baduhaye tukayayongobereza mu biyobyabwenge."
– Mu biruhuko se mubigenza mute?
– Mu biruhuko, tubeshya ababyeyi bacu, tukabafata ku maso ko tugiye gusobanurirana amasomo atandukanye, ubundi tukigira mu biyobyabwenge.
– Ni iki cyaguteye kwishora mu biyobyabwenge?
– Abajama twigana bambwiraga ko bituma umuntu atinyuka, agasubiza mu ishuri ashize amanga kandi ko ngo binatera akanyabugabo.

Nkimara kumva ibyo byose, nigiriye inama yo kumufasha kureka ibiyobyabwenge. Twakomeje kuganira, musobanurira ingaruka z'ibiyobyabwenge. Namubwiye ko bituma umunyeshuri atiga neza, bigatuma atsindwa, bityo agahora asibira. Namubwiye kandi bigira ingaruka ku buzima bw'ubikoresha nko gutukura amaso, kudatekereza neza, kutagira ikinyabupfura, kudasinzira n'ibindi.

Yakomeje gutega amatwi yitonze, nange bimpa imbaraga zo gukomeza kumwigisha. Namubwiye ko ibiyobyabwenge bigira ingaruka ku iterambere ry'Igihugu kuko ubikoresha bimusabika bigatuma adakora.

Hashize umwanya tuganira, yaraturitse ararira maze aravuga ati: "Yooo! Barambeshye! Bambwiraga ko nzashira ubwoba nkajya nsubiza neza mu ishuri none maze imyaka ine mu wa mbere. Ni byo koko bituma nsindwa mu ishuri, mpora mbeshya ababyeyi mbiba n'amafaranga. Ubwo se wa mugani bimariye iki? None se nakora iki ko numva ari bibi cyane?"

Icyo kibazo cyatumye numva ko ikiganiro twagiranye cyagize umumaro maze ndamubwira nti: "Wareka kunywa ibiyobyabwenge kandi ukagaragaza bagenzi bawe babinywa ndetse ukanavuga n'aho babikura." Yahise ambwira ati: "Urakoze kuba ungiriye inama nziza, ngiye kubireka kandi ngire inama abanyeshuri bangenzi bange ndetse n'urundi rubyiruko duturanye rutiga, bareke ibiyobyabwenge twiyubakire Igihugu. Ndabiretse! Ahubwo n'ibi nari nsigaranye, reka mbijugunye. Ikindi kandi nzarangira inzego zibishinzwe ababigurisha, babahane bye gukomeza kwangiza urubyiruko." Akimbwira atyo, namukoze mu ntoki, ndamushimira. Mubwira ko nzajya musura kenshi, tukaganira, nuko aranyemerera, ansezeraho arataha.

Nyuma y'iki kiganiro nagiranye na Muvara, namenye ko umwana wabaswe n'ibiyobyabwenge yitaweho, akaganirizwa ashobora guhinduka akabireka. Namenye kandi ko gukurikirana imyigire n'imyitwarire by'abanyeshuri ari ibya buri wese. Ababyeyi bakwiye kugenzura ko amafaranga baha abana aba afite impamvu yumvikana. Abarezi bakwiye kugenzura ibyo abanyeshuri binjirana mu ishuri, gushishikariza abanyeshuri kwirinda ibiyobyabwenge no kugaragaza ababikoresha kugira ngo bagirwe inama. Bagomba kandi gukorana n'ababyeyi mu kugenzura imyitwarire y'abanyeshuri. Ubuyobozi bwa Leta bufatanyije n'abaturage, bugomba gushyira imbaraga mu gahashya icuruzwa ry'ibiyobyabwenge.

**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwadiko**

1. Ni ubuhe ububi bwo kunywa ibiyobyabwenge buvugwa mu mwandiko?
2. Sobanura ibyiza byo kwirinda gukoresha ibiyobyabwenge uhereye ku mwandiko.
3. Ni izihe ngamba zo kurwanya ibiyobyabwenge mu rubyiruko?
4. Tahura ingingo z'ingenzi z'umwandiko.
5. Mu buzima busanzwe, ubona ari iyihe mpamvu ituma urubyiruko rwishora mu biyobyabwenge?

6. Ni iki wakora kugira ngo umwana wamaze kubatwa n'ibiyobyabwenge ahinduke, abireke?

**II. Ibibazo by'inyunguramagambo**

1. Sobanura amagambo akurikira ukurikije umwandiko.
   a) Impuzankano
   b) Kubatwa n'ikintu
   c) Imvugo nyandagazi
   d) Gucururuka
   e) Guhuza urugwiro
2. Ubaka interuro zawe bwite ukoresheje amagambo akurikira.
   a) Imvugo nyandagazi
   b) Gucururuka
   c) Guhuza urugwiro
   d) Kubatwa n'ikintu

**III. Ibibazo ku nkuru ishushanyije no ku nshoberamahanga**

1. Ushingiye ku kamaro katwo, tandukanya akarangandoto n'agatoki.

*Akarangandoto kerekana umunyarubuga uri gutekereza cyangwa uri kurota ibintu na ho agatoki kakerekana uri kuvuga ibintu.*

2. Inkuru ishushanyije irangwa n'iki muri rusange?

*Muri rusange inkuru ishushanyije irangwa n'uko amagambo avugwa n'abanyarubuga ashyirwa mu tuziga dufite uturizo dufite ikerekezo cy'aho umunyarubuga uyavuga aherereye (uruvugiro n'agatoki.) Irangwa kandi no kutagira ibika ahubwo amashusho y'abakinankuru n'amagambo bavuga bigashyirwa mu tudirishya tugenda dutondekwa bahereye ibumoso bajya iburyo.*

3. Tahura inshoberamahanga zakoreshejwe mu mwandiko "Na we ashobora guhinduka"
4. Sobanura inshoberamahanga zikurikira kandi uzikoreshe mu nteruro.
   a) Gukora umuntu mu nda
   b) Gufata nk'amata y'abashyitsi
   c) Kugwa isari
   d) Guca igikuba

# UMUTWE VI GUKUNDA IGIHUGU

## Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura umwandiko uvuga ku nsanganyamatsiko yo gukunda Igihugu agaragaza ingingo z'ingenzi.
- Gutegura, kuyobora inama no kuyikora inyandiko mvugo.
- Gukoresha amagambo yabugenewe mu mvugo no mu nyandiko.
- Kwandika amagambo n'interuro agaragaza ubutinde n'amasaku.

## Igikorwa cy'umwinjizo

- Sobanura uko ibikorwa ukora ari ibikorwa byo gukunda Igihugu cyawe.
- Sobanura uburyo wategura inama n'uko wayikorera inyandiko mvugo.

## VI.1 Gusoma no gusesengura umwandiko: Umurenge wa Rebero

### Igikorwa 6.1

Soma umwandiko ukurikira, ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranyamagambo cyangwa inyito afite mu mwandikokandi usubize n'ibibazo byawubajijweho.

### VI. 1.1 Gusoma umwandiko

*Soma umwandiko ukurikira:*

**Umurenge wa Rebero**

Mu minsi ishize, Umuyobozi w'Akarere ka Bwiza yasuye Umurenge wa Rebero, ngo arebe aho ugeze ushyira mu bikorwa gahunda za Leta zirimo umuganda, ubudehe, kubungabunga ibikorwa remezo n'ibindi.

Ageze mu Murenge wa Rebero, yasanze abaturage bakataje mu bikorwa byo kwiteza imbere, ibyo bamaze kugeraho bishamaje. Ikinjira muri uwo murenge, yakiriwe n'uruyange rw'ibishyimbo bya mushingiriro, ibirayi by'imishishe bihinze mu mirima migari kubera gahunda yo guhuza ubutaka, imboga n'imbuto zinyuranye nk'amashu, karoti, inanasi, amapapayi n'ibindi. Yigiye imbere yakiriwe n'ibikorwa by'amakoperative y'ubworozi bw'inka za kijyambere n'andi matungo ndetse

n'ubuhinzi.

Umuyobozi w'Akarere yiboneye uburyo ibikorwa by'umuganda bimaze gushinga imizi no kugeza abaturage ba Rebero ku bukungu n'imibereho myiza. Abaturage bagize uruhare rufatika mu guhanga imihanda ibafasha kugenderana no kugeza umusaruro wabo ku masoko ntakomyi. Bacukuye kandi ibirometero by'imiyoboro y'amazi n'amaterasi y'indinganire mu rwego rwo kurwanya isuri. Yasanze barateye amashyamba kandi bayafata neza. Bubatse ibyumba bihagije by'amashuri, bubaka amavuriro, amasoko, bubakira abatishoboye n'ibindi.

Ku byerekeye ubudehe, Umuyobozi w'Akarere yasanze iyo gahunda imaze kubageza ku ntambwe ishimishije kuko benshi muri bo yabakuye mu bukene ku buryo bugaragara.

Umuyobozi w'Umurenge wa Rebero yamenyesheje umuyobozi w'akarere ko abaturage bo mu murenge ayobora bitabira n'izindi gahunda zo gukunda Igihugu zirimo kwicungira umutekano, gutanga imisoro, gutanga ubwisungane mu kwivuza n'ibindi. Ibi bikaba byihutisha iterambere ry'umurenge ndetse n'iry'Igihugu muri rusange. Yamubwiye ko abaturage bakora ibyo byose mu bwisanzure nta gahato kandi ko buri wese ahabwa umwanya wo gutanga ibitekerezo ku ngamba zo guteza imbere Igihugu.

Umuyobozi w'akarere yashimiye umuyobozi w'umurenge maze ashimangira ko gahunda y'umuganda n'ubudehe bifite uruhare runini mu guteza imbere Umuryango nyarwanda n'Igihugu muri rusange. Yakomeje yemeza ko kwitabira izo gahunda nta kwiganda bifitiye buri wese akamaro.  Yashoje yibutsa ko kubaka u Rwanda ari ibya buri mwenegihugu kuko "Ak'imuhana kaza imvura ihise."

### VI.1.2 Gusobanura amagambo

*Shaka amagambo udasobanukiwe mu mwandiko "Umurenge wa Rebero", hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranyamagambo/ inyito afite mu mwandiko.*

### VI.1.3 Kumva no gusesengura umwandiko

**Subiza ibibazo bikurikira:**

1. Umuyobozi w' Akarere ka Bwiza asura Umurenge wa Rebero yari agamije iki?
2. Uretse umuganda n'ubudehe ni ibihe bikorwa bindi bigaragaza gukunda Igihugu byavuzwe mu mwandiko?
3. Ni iki Umuyobozi w'akarere yashoje yibutsa abenegigihugu?
4. Shaka ingingo z'ingenzi zigaragara mu mwandiko.
5. Kora ubushakashatsi ugereranye ibikorwa by'ubudehe byo hambere n'ibikorwa by'ubudehe by'iki gihe.

6. Ni bihe bikorwa n'indangagaciro bitavuzwe mu mwandiko bigaragaza ko umuturage akunda Igihugu ke.

**Imyitozo**

1. Huza ijambo riri mu rushya A n'igisobanuro cyaryo kiri mu ruhusa B ukoresheje akambi.

| Uruhushya A | Uruhushya B |
|---|---|
| a) Gusamaza | 1. kwimwa umwanya wo kuvuga |
| b) Inkomyi | 2. imbogamizi |
| c) Kuniganwa ijambo | 3. Gushimisha |
| d) Kwirozonga | 4. Ururabo |
| e) Uruyange | 5. gukora ibintu utabishaka |

2. Ubaka interuro iboneye ukoresheje amagambo akurikira:
   a) Ubudehe
   b) Gushinga imizi.
3. Tanga ibitekerezo ku kamaro k'umuganda n'ubudehe mu iterambere ry'Igihugu.

## VI.2 Inama

**Igikorwa 6.2**

Kora ubushakashatsi ku bijyanye n'inama maze utahure inshoza y'inama, uko itegurwa n'uko iyoborwa.

### VI.2.1. Inshoza y'inama

Inama ni ikoraniro ry'abantu bateraniye hamwe bafite ingingo bigaho. Hashobora kubaho inama idasanzwe, iba itateguwe bihambaye cyangwa inama isanzwe, iba yateguwe cyane kubera ko idatunguranye.

### VI.2 2. Uko inama itegurwa

Igihe umuntu ategura inama isanzwe, agomba kwita cyangwa gutekereza ku ntego zayo; icyo inama izaba igamije, icyo izageraho na gahunda y'ibizigirwamo. Ni yo mpamvu agomba gutegura ibikoresho bizamufasha kuyinoza. Bimwe mu bigomba kwitabwaho ni ibi bikurikira:

- Gutegura aho inama izabera mbere, hakurikijwe umubare w'abazayizamo.
- Gutegura icyumba k'inama (intebe, ameza ndetse no kuhagirira isuku) ukurikije aho abazaza mu nama bazicara nko mu ishuri, ku ruziga, ku gice cy'uruziga n'aho abayobozi bicara.
- Guteganya icyo kwandikaho niba ari ngombwa, ikibaho, amakaye cyangwa ikindi kintu cyose cyatuma abari mu nama bashobora gukurikira (nko kwitabaza ikoranabuhanga niba ari ngombwa).

Nyuma yo gutekereza no gutegura ibikoresho bikenewe, utegura inama akurikizaho gutegura inama nyirizina. Agomba kwibanda ku bintu bikurikira:

- Gutegura ibizigirwa mu nama, bikorwa n'umuyobozi cyangwa se bigakorwa n'akanama runaka yashyizeho.
- Mu gutegura ingingo z'ingenzi, ni byiza kuzitondekanya uhereye ku zifite agaciro kurusha izindi kuko iyo igihe kibaye gito, iby'ingezi biba byarangiye.
- Gutumiza inama no kohereza gahunda yayo mbere y'igihe (hari igihe abatumiwe batanga ibitekerezo cyangwa bakibutsa indi ngingo yagombaga kuzigirwamo.)
- Ni byiza ko hagati yo gutumiza inama n'inama ubwayo habonekamo igihe kugira ngo abantu babashe kuyitegura.

## VI.2 3. Uko inama iyoborwa

Kuyobora inama, ni umurimo ukorwa na nyiri ukuyitumiza cyangwa umubereye mu mwanya (umuyobozi mu rwego rwe). Buri muntu wese uba witabiriye inama aba afite icyo ashinzwemo: abayitumiwemo baba bafite inshingano zo kumva no gutanga ibitekerezo byabo. Umuyobozi w'inama atangiza inama kandi akanayiyobora.

Inama igira ibice by'ingenzi bigenda bikurikirana, kandi uyiyoboye akaba agomba gukurikirana neza ngo hatagira igisimbukwa, cyanecyane ko ari we ugomba kurangiza kimwe agatangiza ikindi.

Muri rusange ibice by'inama bikurikirana bitya:

- Gusuhuzanya no gutanga ikaze;
- Kuvuga igihe inama iza kumara no kuvuga urwego inama yatumiwemo;
- Kurebera hamwe ko umubare w'abayitumiwemo bahageze uhagije kugira ngo ibe yatangira byemewe n'amategeko (iyo bitatu bya kane by'abatumirwa bahari nta cyayibuza gutangira);
- Kumva impamvu z'abataje niba bahari;
- Gutangira inama nyirizina: kuganira ku mirongo mikuru no kubyemeranyaho. Abitabiriye inama bashobora no kongeraho izindingingo iyo bisabwe.
- Inama nyirizina irakomeza ari nako ikorerwa inyandikomvugo, byarangira gusuzumwa hakigwa ku ngingo imwe ku yindi.

- Uwatumije inama cyangwa umuhagarariye atanga inshamake y'ibyemezo byumvikanyweho mu nama.
- Inama isozwa n'uwayitumije cyangwa umuhagarariye igihe uwayitumije yabimuhereye uburenganzira: ashimira abayitabiriye akanabasezerera ndetse akabanza kubaha amatangazo iyo ahari.

**Ikitonderwa:**

1. Kugira ngo inama ishyirwe mu bikorwa, uyobora inama agomba kugira izi ndangagaciro:
   - Kwirinda kuba umunyagitugu
   - Kutagira uruhande abogamira
   - Kumva ibitekerezo by'abatumirwa akabijora kandi akabigorora igihe ari ngombwa;
   - Agomba kuba ari umuhanga mu byo avuga adahuzagurika icyo atazi agasaba ukizi mu batumirwa kugisobanura.
2. Imyanzuro y'inama ifatwa nk'aho ari ikemezo cya buri wese mu baje mu nama.
3. Inama igomba kurangwa n'ikinyabupfura, ubworoherane n'umusanzu wa buri wese mbega inama ntabwo ari igihe cy'amatangazo.

**Umwitozo**

Erekana uko wategura inama n'uko wayikoresha.

## VI.3 Inyandiko mvugo

**Igikorwa 6.3**

Kora ubushakashatsi bwimbitse ku bijyanye n'inyandiko mvugo maze utahure inshoza, ibice byayo n'uko ikorwa.

### VI.3.1 Inshoza y'inyandiko mvugo

Inyandiko mvugo ni umwandiko uvuga ibyakozwe, ibyabaye cyangwa ugasubira mu byo uwandika yabonye cyangwa se yanagizemo uruhare mu nama. Iyo urebye abo inyandiko mvugo igenewe, usanga hari uburyo bubiri ikorwamo:

Inyandiko mvugo ishobora kuba igenewe umuntu wari uhari igihe ibikorwaho inyandiko mvugo byabaga kugira ngo atibagirwa ibyabaye abone uko abyigaho neza cyangwa ashyire mu bikorwa ibyumvikanweho.

Inyandikomvugo igenewe umuntu utari uhari kugira ngo amenye ibyavugiwe cyangwa ibyakorewe aho atari ari.

### VI.3. 2 Ibice bigize inyandiko mvugo n'uko ikorwa

Inyandiko mvugo y'inama igaragaza ibice bine by'ingebikurikira:

1. **Umutwe**

Ugaragaramo iyo nama iyo ari yo n'igihe yabereye mu magambo make.

2. **Abari mu nama**

Muri iki gice, inyandiko mvugo igaragaramo urutonde rw'abitabiriye inama bose. Iyo atari benshi cyane, bagaragazwa mu ntagiriro y'inyandiko mvugo. Ariko iyo abitabiriye inama ari benshi cyane, bashyirwa ku mugereka w'inyandikomvugo y'iyo nama. Muri iki gice kandi hashobora no gushyirwamo abatarayitabiriye bafite impamvu cyangwa batayifite.

3. **Ibyari ku murongo w'ibyigwa**

Muri iki gice, ukora inyandiko mvugo, arondora ibyo inama yagombaga kwigaho byose nk'uko biba byavuzwe n'umuyobozi w'inama. Hagaragaramo kandi n'ibindi byifujwe n'abari mu nama ko byajya mu tuntu n'utundi.

4. **Uko inama yagenze**

Muri iki gice ukora inyandiko mvugo yandika muri make icyo bumvikanye kuri buri ngingo. Ntiyandika ibyo buri muntu yavuze, ahubwo yandika gusa umwanzuro wafashwe kuri buri ngingo yari ku murongo w'ibyigwa kandi bikandikwa ku buryo bwumvikana neza adashyiramo ibitekerezo bye.

**Ikitonderwa**

Ibindi bigomba kugaragara mu nyandiko mvugo ni aho inama yabereye, urwego inama yateranyemo, impamvu y'inama, igihe yatangiriye n'igihe yarangiriye.

Inyandikomvugo ntajyamo ibitekerezo bwite by'uyikora. Ni umwandiko uvuga ibyabaye utagize icyo uhindura.

**Imyitozo**

1) Inyandiko mvugo ni iki?
2) Garagaza ibice bigize inyandiko mvugo kandi usobanuro uko ikorwa Abanyeshuri baratanga ibisubizo bitandukanye kuri iki kibazo maze umwarimu abafashe kubinoza.

## VI.4. Amagambo yabugenewe

**Igikorwa 6.4**

Kora ubushakashatsi maze utahure amagambo yabugenewe akoreshwa ku nka, ku mata, ku ngoma, ku mwami, ku gisabo, ku isekuru no ku rusyo.

Ururimi rw' Ikinyarwanda rugira amagambo yabugenewe, akoreshwa ku ngingo runaka bitewe n'agaciro izo ngingo zihabwa mu muco nyarwanda. Amagambo yabugenewe akoreshwa, hagamijwe gukoresha imvugo inoze kandi yuje ikinyabupfura. Iyo habayeho gutandukira, hagakoreshwa ijambo ritanoze, ni ho bagira bati: "Ntibavuga…;bavuga..." Ibi bituma umuntu abasha gutandukanya imvugo ikoreshwa ku mwami, ku ngoma, ku nka, ku mata ku gisabo ku isekuru n'ibindi.

**Amagambo yabugenewe ku nka**

| Ntibavuga | Bavuga |
|---|---|
| Kurangiza gukama. | Guhumuza |
| Kurekera aho gukamwa. | Guteka |
| Gukomereka. | Gusarika |
| Gutoroka kw'inka. | Kumena |
| Kurya kw'inka mu rwuri. | Kurisha |
| Aho inka zirisha. | Urwuri |
| Kuzigarura mu rugo. | Kuzicyura |
| Guca umurizo. | Gukemura umurizo |
| Gukurura babyaza. | Kuvutira |
| Gukamisha yombi. | Kuvuruganya |
| Gushyira inka ho iyayo. | Kwinikiza |
| Gutwita kw'inka. | Guhaka |
| Kujya ku nda kwazo. | Kwerera |
| Kuziyobora, kuzishorera. | Kuzirongora |
| Kuzijyana ku kibumbiro. | Gushora |
| Kujyana inka ahari ubwatsi. | Kuzahura |
| Kujyana inka ahari ubwatsi mu gihe k'izuba | Kugisha |
| Ibyatsi bahanaguza inka. | Inkuyo |
| Kwiruka zigusiga. | Gutana |
| Guhanagura inka. | Kuzihonora |
| Guta umuziha kwazo. | Gufuma |
| Kuzivomera. | Kuzidahirira |

| | |
|---|---|
| Kurwara ibisebe ku mabere. | Gusarika |
| Ikiraro k'inyana. | Uruhongore |
| Aho bamena amase y'inka. | Icukiro |
| Aho inka zibyagira. | inama |
| Ikibumbiro/umwarozishokaho | ibuga |
| Utubere tudakamwa. | Indorerezi |

**Amagambo yabugenewe ku mata n'igisabo**

| **Ntibavuga** | **Bavuga** |
|---|---|
| Igicuma bacundamo amata. | Igisabo |
| Aho batereka amata. | Uruhimbi |
| Kuyasuka mu gisabo. | Kuyabuganiza |
| Kuyavanamo amavuta. | Gusobanura |
| Kurangiza koza igisabo | Guhumuza |
| Kumena amata ubishaka. | kuyabikira |
| Kumena amata utabishatse. | Kuyabogora |
| Kumena igisabo. | Kukibyarira |
| Uduta | Amata |
| Amata y'inka ikibyara. | Umuhondo |
| Amata y'inka yenda guteka. | Amagonera/Amanga/Amasunga |
| Amata y'inka yimye | Amasitu |
| Amata inyana yanze konka. | Amakaba |
| Amata yaraye ataravura. | Umubanji |
| Amata bavanze n'amazi. | Umwerera, umujago |
| Amata yiriwe. | Amirire |
| Amata amaze kuvura. | Ikivuguto |
| Amata y'abashumba. | Imyezo |
| Agati bavurugisha amata. | Umutozo |
| Gutunganya amata y'ikivuguto. | Kuyavuruga |
| Umuheha banywesha amata. | Umuceeri |

Amagambo yabugenewe ku ngoma

| **Ntibavuga** | **Bavuga** |
|---|---|
| Gutangira kuvuga | Gusuka |
| Kurangiza kuvuga | Gutungwa |
| Kugurwa | Gukoshwa |

| | |
|---|---|
| Kumanikwa | Kujishwa |
| Gushyushywa | Koswa |
| Gufashwa hasi | Kururutswa |
| Kubazwa | Kuramvurwa |
| Gushyirwaho impu | Kuremwa |
| Kwikorerwa | Kuremererwa |
| Gutoboka | Kubyara |
| Gusaduka | Kuribora/kurara/guseka |

**Amagambo yabugenewe ku isekuru, icyasi, igisabo, ingobyi n'umuheto**

| **Ntibavuga** | **Bavuga** |
|---|---|
| Ntibimanikwa | Birajishwa |
| Ntibiturwa | Birururutswa |
| Ntibimeswa | Birahanagurwa |
| Ntibisaza | Birakura |
| Ntibyikorerwa | Biraremererwa |
| Ntibigurwa | Birakoshwa |
| Ntibishyushywa | Biroswa |
| Ntibimeneka | Birabyara |
| Ntibibazwa | Biraramvurwa |

**Amagambo yabugenewe rikoreshwa ku mwami**

| **Ntibavuga** | **Bavuga** |
|---|---|
| Kujya ku ngoma | Kwima |
| Kurongora k'umwami | Gutarama |
| Umugore w'umwami | Umwamikazi |
| Umwana w'umwami | Igikomangoma |
| Nyina w'umwami | Umugabekazi |
| Inzu y'umwami | Ingoro |
| Inzu nkuru umwami araramo | Kambere |
| Kuryama k'umwami | Kwibambika |
| Kubyuka k'umwami | Kwibambura |
| Kurya k'umwami | Kurora |
| Kujya mu bwiherero | Gutwikira ibirenge |

| | |
|---|---|
| Umwambaro wa cyami batamirizaga ku mutwe | Ikamba, igisingo |
| Gutembera/kugenda k'umwami | Kurambagira |
| Gupfa k'umwami | Gutanga |
| Umurambo w'umwami | Umugogo |
| Gushyingura umwami | Kumutabariza |
| Imva y'umwami | Umusezero |
| Kwicara k'umwami | Guteka |
| Intebe y'umwami | Inteko |
| Uburiri | Igisasiro |
| Aho aramirizwa | Ijabiro |
| Kumuha ikuzo | Kumuramya |
| Aho umwami yabonaniraga n'abaturage | Ku karubanda |
| Gutanga itegeko | Guca iteka |
| Ingobyi bahekagamo umwami | Ikitabashwa |
| Guhunga k'umwami | Kubunda |

**Imyitozo**

1. Kosora iyi nteruro ikurikira:

Umwami Kigeri Rwabugiri amaze gupfa, yasimbuwe n'umwana we Rutarindwa. Rutarindwa yaje gupfa, asimburwa na Yuhi Musinga ategekana na nyina Kanjogera.

2. Himba ikiganiro kigufi ku muco nyarwanda n'ibikoresho gakondo ugaragazemo nibura amagambo atatu yabugenewe ku nka, ku mata, ku ngoma,ku mwami,ku gisabo no ku isekuru.

## VI.5. Ubutinde n'amasaku ku magambo no munteruro

**Igikorwa 6.5**

Shingira ku bumenyi ufite, ukore ubushakashtsi maze utahure inshoza y'ubutinde n'amasaku kandi ugaragaze uburyo bwo gushyira ubutinde n'amasaku ku magambo n'interuro by'Ikinyarwanda.

### VI.5.1 Inshoza y'ubutinde n'amasaku

Ubutinde n'amasaku mu Kinyarwanda ni indatana kandi bikagaragarizwa ku nyajwi igize umugemo. Ubutinde n'amasaku mu Kinyarwanda bifite agaciro gakomeye kimwe nk'inyajwi n'ingombajwi kuko iyo bihindutse mu ijambo bihita bihidura gitekerezo cyangwa bikagitakaza.

Mu butinde, dusangamo imigemo itinda n'ibanguka.  Iyo umugemo ubanguka, handikwa inyajwi imwe igize uwo mugemo naho umugemo utinda, ukandikishwa inyajwi ebyiri zisa zigize uwo mugemo.

Ku bijyanye n'amasaku, umugemo ubanguka ushobora kugira isaku nyesi cyangwa nyejuru naho ku mugemo utinda ukagira ushobora kugira imwe mu nyunge y'amasaku kurikira: **isaku nyesi nyesi, nyesi nyejuru, nyejuru nyejuru, nyejuru nyesi** cyangwa **nyesi nyejuru.**Mu kwandika aya masaku, inyajwi ivugirwa hejuru igira akamenyesto kameze nk'akagofero (^) gashyirwa hejuru yayo naho inyajwi ivugirwa hasi, ikandikwa uko yakabaye nta kamenyetso gashyizweho.

**Ingero:**

– Umutaka
– Akaguru
– Umugaati
– Kugeenda
– Umusôre
– Umugorê
– Umwaâmi
– Umwaâri
– Umwâana
– Abatââje barahombye
– Akatôônse

### VI.5.2 Ubutinde n'amasaku ku magambo

Kugira ngo imyigire y'ubutinde n'amasaku igende neza, ni byiza ko hifashishwa amagambo fatizo. Ayo magambo agenda agereranywa n'andi hashingiwe ku mivugirwe yayo.

**Amagambo fatizo n'ingero zayo**

| Amagambo fatizo | Ingero z'andi magambo bihuje amasaku |
|---|---|
| Umugabo | Umugayo, umugano, umutavu, ikigega, ibiheri… |

| | |
|---|---|
| Umugaanda | Umugaati, urugeendo, ubugiingo, umuhoondo… |
| Kwaagaaza | Kweegeera, kuuvuura,koondoora,… |
| **U**mugorê | Umukirê, ubugomê, urukizâ, umugerî, … |
| Umusôre | umukôro, uruhâre, igikênya, agasôre, umutôni, amatâma |
| Reerô | mbeesê, geewê, bwiizâ,saave |
| umwaâmi | umwaâse, umwaâri, ubwoône, urwiîri … |
| Umwâana | ubwâato, icyâaha, icyûuho, urwêego …. |
| Imbêehê | isâahâ, inêezâ, i Sâavê… |
| Indôgobê | isâbunê, ingâmiyâ, imôdokâ … |
| Isâhaâne | ikâraâyi, itâfaâri, ingûfuûri … |
| Guhîingiisha | gukôondoora, guhîinguura, gukôongoora, gusâandaaza… |
| Umwiîgiisha | icyoôkeere, isaânzuure, umpiîngiishe… |
| Uzâansuûre | uzâambwiîre, ibâambaâsi, uzâabyoôtse… |
| Mwaârabyîize | baârashâaje, byaârahîiye, kaârabâaye |
| gorê | isî, indâ, ugê, … |
| sê | kô, sô, hô mô yo, wê… |
| ngo | Ca, sya, gwa… |
| gabo | ifu, ino, icyo… |

## VI.5.3 Imiterere y'ubutinde n'amasaku mu nteruro

Mu nteruro, amagambo agenda ahindura amasaku kamere bitewe n'andi magambo biri kumwe. Aya masaku yitwa amasaku mboneezanteruro.

**Ingero:**

- **Ki**bûungo: Saavê ituuwe **nka Kî**buungo.
- Mut**ê**si: Umukôro **wa Mû**tesi.
- Umugabo: Umugorê **n'û**mugabo.
- Intwâari: Afatwa **nk'îintwâari.**
- Iki: Abatô bageendane **n'iîki** gihe.
- **Si**: Amasuunzu sî amasakâ.
- Saavê: Ntuye i **Sâavê**.
- Kigalî:Umujyî **wa Kîgalî** urasukuuye.
- **A**bakoôbwa: Abâana **b'â**bakoôbwa.
- **Intêbe**: Miniisîtiri **w'îintêbe** yasuuye.
- **Aba**: Yiitwaara **nk'aâba** babyêeyi bê.
- **Ni**: Uwô nshâakâ **nî** uwo.

## Imyitozo

1. Tanga amagambo atanu avugwa kimwe na:
   a) Umugaanda
   b) Umugabo
   c) Umwâana
   d) Imbêehê
   e) Gorê
2. Garagaza ubutinde n'amasaku ku magambo akurikira:
   a) Umuduri
   b) Amabati
   c) Umuganda
   d) Imyaka
   e) Ibyatsi
3. Soma neza kandi wandike izi nteruro ugaragaza ubutinde n'amasaku
   a) Gutera ibiti biranga umuturage w'ibikorwa by'impuhwe n'ineza.
   b) Iterambere rirambye turigezwaho no kurinda ikirere ibigihumanya.
   c) Ni ngombwa kugabanya ibyotsi biva mu modoka n'ikoreshwa ry'inkwi.

## VI.6. Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu

*Soma umwandiko ukurikira usubize ibibazo byawubajijweho.*

### Umwandiko:Umusanzu ubereye u Rwanda

Hariho umugabo w'umuhinzi wa kawa, akagira abana babiri barangije amashuri, Buhanga na Kaneza. uwo mugabo yarangwaga no gukunda umurimo, kubana neza n'abandi no kuganira na bo bungurana ibitekerezo. Yakoreraga ku mihigo maze bikamufasha gukora ibikenewe aho gukora ibibonetse byose. Yakoraga gahunda y'ibikorwa bye kandi akayikurikiza.

Umunsi umwe, Buhanga na Karenzi bamubajije umubyeyi wabo impamvu abaturage bamutangarira kandi bakamukunda. Yabasobanuriye ko mu mabyiruka ye, yaranzwe n'imico myiza kandi ko yashyiraga imbere umurimo no kubana n'abandi.Yababwiye kandi ko yaranzwe n' ubunyangamugayo, ubutwari n'ishyaka ryo gukunda Igihugu.

Uwo mugabo yakomeje kuganiriza abana be abagira inama agira ati: “Ubwo murangije kwiga mugomba kwiha intego kandi mugaharanira kuyigeraho. Mumenye ko gukunda umurimo no gukunda Igihugu ari inkingi z’iterambere; kubana neza n’abandi bikaba inkingi y’ubumwe mu bantu.”

Buhanga na Kaneza, n’amatsiko menshi babaza umubyeyi wabo bati: “None se ni ibiki bigaragaza ko umuntu akunda umurimo?” Umubyeyi wabo wari wishimiye kuganira n’abana be yarabashubije ati: “Umuntu ukunda umurimo nta kazi asuzugura. Arangwa no gukora akazi kose abonye n’iyo kaba gaciriritse kuko burya nk’uko babivuga nta kazi k’umunyagara. Ikindi kandi akorana umwete mu byo akora byose.”

Abo bana bakomeje kumubaza ibibazo byinshi ariko na we akomeza kubasubiza yihanganye.

- Umuntu ukunda Igihugu we arangwa n’iki?
- Umuntu ukunda Igihugu arangwa n’ubutwari, kwitabira gahunda zose za Leta nko gukora umuganda, gutanga ubwisungane mu kwivuza, gutanga umusoro n’ibindi. Ukunda Igihugu kandi arangwa no gutanga serivisi inoze akirinda kandi akamaganira kure ruswa n’akarengane kuko ruswa imunga ubukungu bw’Igihugu, iteranya abantu, itesha agaciro kandi ikabangamira ubwisanzure n’uburenganzira bw’abaturage.

Buhanga na Kanenza bakomeje gutega yombi umubyeyi wabo maze bageze aho baramubaza bati: “None se ubwo ni gute umuntu ashobora kubana neza n’abandi?” Yabashubije agira ati: “Kugira ngo umuntu abane neza n’abandi agomba kuba umuntu nyamuntu urangwa n’ubupfura mu bandi, ubunyangamugayo, akamenya gutandukanya ikibi n’ikiza, akavugisha ukuri, akicisha bugufi, akagira ubuntu kandi akagira urugwiro aho ari hose.”

Ikiganiro abo bana bagiranye n’umubyeyi wabo cyagize akamaro kuko nyuma y’igihe gito, Karenzi yaje kuba umunyamabanga nshingwabikorwa w’akagari maze akayobora neza abaturage kandi akabashishikariza gukorera ku mihigo, gukunda umurimo no kuwunoza. Ibyo byatumye ako kagari gatera imbere. Ku rundi ruhande, Buhanga na we, yabaye umuporisi maze aharanira ko umutekano w’abaturage ubungabungwa. Yarangwaga no kurwanya ruswa n’igisa na yo aho yakoreraga kuko yari azi neza ububi bwayo. Nguwo umusanzu ubereye u Rwanda.

**I. Ibibazo byo gusoma no kumva no gusesengura umwandiko**

1. Umugabo uvugwa mu mwandiko yakoraga murimo ki?

*Umugabo uvugwa muri uyu mwandiko yari umuhinzi wa kawa.*

2. Ni bihe bintu bitatu by'ingenzi bigomba kuranga umunyarwa byavuzwe mu mwandiko.

*Ibintu bitatu by'ingenzi bigomba kuranga umunyarwanda ni ugukunda Igihugu, gukunda umurimo no kubana neza n'abantu.*

3. Ni izihe ngaruka za ruswa zavuzwe mu mwandiko?

*Ruswa imunga ubukungu bw'Igihugu, iteranya abantu, itesha agaciro kandi ikabangamira ubwisanzure n'uburenganzira bw'abaturage.*

4. Ni iki cyakubwira ko umuntu akunda Igihugu?

*Icyambwira ko umuntu akunda igihugu ni uko uwo muntu yaba yitabira gahunda zose za Leta nko gukora umuganda, gutanga ubwisungane mu kwivuza, gutanga umusoro n'ibindi. Ikindi kandi ni uko yaba atanga serivisi inoze akirinda kandi akamaganira kure ruswa n'akarengane.*

5. Uhereye ku mwandiko, sobanura uburyo gukorera ku mihigo bigira uruhare mu iterambere ry'umuntu ku giti ke n'iry' Igihugu muri rusange?

*Imihigo ni intego cyangwa imigambi y'ubutwari umuntu yiyemeza kugeraho. Ni ibikorwa by'ibanze umuntu ateganya kuzakora, bikarangira abigezeho. Kwiha intego rero, bituma umuntu amenya aho aganisha ibikorwa bye, akamenya ibikenewe n'aho abikura, igihe akorera igikorwa runaka. Ibi rero bituma umuntu atajarajara, yirinda gukora ibidakenewe kandi akirinda gutakaza igihe bityo akagera ku ntego ye vuba. Iyo abaturage bateye imbere, n'Igihugu gitera imbere kuko Igihugu ari abaturage bacyo.*

6. Ni izihe ngamba ufashe umaze gusoma uyu mwandiko?

*Maze gusoma uyu mwandiko mfashe ingamba zo gukunda umurimo ( nkorera ku mihigo, ntanga serivisi inoze...) gukunda Igihugu (nkora ibikorwa by'ubutwari, ndwanya ruswa n'akarengane...) kubana neza n'abandi (mvugisha ukuri, ngira ikinyabupfura, mba inyangamugayo...)*

**II. Inyunguramagambo**

**Uzurisha amagambo akwiriye dusanga mu mwandiko (ruswa, inyangamugayo, imihigo, igihe, umusanzu)**

a) ...yihutisha iterambere

b) Kuvugisha ukuri, umurava n'ubutwari ni byo biranga...

c) Ni byo koko …imunga ubukungu bw'Igihugu.

d) Iyo dukoresheje neza …, tugatanga amakuru ku gihe bituma dutera imbere.

e) Gutanga …mu kubaka Igihugu ni inshingano za buri wese.

### III. Ibibazo ku nama no ku nyandiko mvugo

1. Vuga bimwe mu bigomba kwitabwaho mu gutegura inama.

– *Gutegura aho inama izabera mbere, hakurikijwe umubare w'abazayizamo.*

– *Gutegura icyumba k'inama (intebe, ameza ndetse no kuhagirira isuku) ukurikije aho abazaza mu nama bazicara nko mu ishuri, ku ruziga, ku gice cy'uruziga n'aho abayobozi bicara.*

– *Guteganya icyo kwandikaho niba ari ngombwa; ikibaho, amakaye cyangwa ikindi kintu cyose cyatuma abari mu nama bashobora gukurikira (nko kwitabaza ikoranabuhanga niba ari ngombwa).*

2. Tondeka neza izi nteruro ukurikije igitekerezo gikwiye kubanza n'icyakurikiraho.

| |
|---|
| Gukora igenagaciro ry'umuganda mu kwezi kwa Mutarama |
| Uko inama yagenze |
| Gusuzuma imikorere y'abayobozi b'imirenge |
| Abitabiriye inama |
| Utuntu n'utundi |
| Ibyari ku murongo w'ibyigwa |
| Inyandiko mvugo y'inama ya Komite Nyobozi y'Akarere na Bwakira yo ku wa 12 Gashyantare 2016 |
| Gusuzuma raporo z'ubwitabire bw'umuganda |

**Ibisubizo**

*a) Inyandiko mvugo y'inama ya Komite Nyobozi y'Akarere na Bwakira yo ku wa 12 Gashyantare 2016.*

*b) Abitabiriye inama*

*c) Ibyari ku murongo w'ibyigwa*

*d) Uko inama yagenze*

*e) Gusuzuma raporo z'ubwitabire bw'umuganda*

*f) Gukora igenagaciro ry'umuganda mu kwezi kwa Mutarama*

*g) Gusuzuma imikorere y'abayobozi b'imirenge*

*h) Utuntu n'utundi*

**IV. Ikibazo ku magambo yabugenewe**

**Uzuza iyi mbonerahamwe**

| Ntibavuga | Bavuga |
|---|---|
| Kujya ku musarane ku mwami | - |
| Amata yiriwe ataravura | - |
| - | kuvutira |
| - | gutabarizwa |
| Gushyira uruhu ku ngoma | - |

**V. Ibibazo ku butinde n'amasaku**

1. Garagaza imiterere y'ubutinde n'amasaku ku magambo akurikira:
   a) Urukwavu
   b) Ikibabi
   c) Urugendo shuri
   d) Imbata
   e) Ikibuga
2. Andika interuro zikurikira wifashishije ubutinde n'amasaku.
   a) Mu muco nyarwanda kirazira gukora ubushakashatsi wangiza ibidukikije.
   b) Leta y'u Rwanda yashyizeho ingamba zo kubungabunga ahantu nyaburanga.
   c) Ibyotsi biva mu nganda n'imodoka bihungabanya ibinyabuzima n'umwuka duhumeka.
   d) Iby'iki gihe bisaba gusigasira ubuzima bwacu.
   e) Nyiri ibyago ni rubanda rugufi rutazi iby'umutungo kamere.

***V. Ibisubizo ku butinde n'amasaku***

*1. Garagaza imiterere y'ubutinde n'amasaku ku magambo akurikira:*
   *a) Urukwavu: urukwâavu*
   *b) Imbata: imbaata*
   *c) Ikibabi: ikibabi*
   *d) Ikibuga: ikibûga*
   *e) Urugendo shuri: urugendo shuûri*

1. *Mu mucô nyarwaanda kirazira gukôra ubushaakashaatsi bwaangîiza ibidûkiikije.*
2. *Leeta y'û Rwaanda yashyîzehô ingaâmba zô kubûungabuunga ahaantu nyaburaanga.*
3. *Ibyôotsi bivâ muu ngaânda n'îimôdokâ bihuungabanya ibinyabuzima n'ûmwuûka duhuumêeka.*
4. *Iby'iîki gihe bisaba gusîgasira ubuzima bwâacu.*
5. *Nyirî ibyâago nî rubaanda rugufî rutaazî iby'ûmutûungo kamerê.*

## Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

– Gusesengura indirimbo agaragaza uturango twayo.
– Guhanga indirimbo yubahiriza uturango twayo no kuyiririmba.
– Kwandika neza ibaruwa y'ubutegetsi, umwirondoro, amatangazo n'ubutumire.
– Gukora interuro yubahiriza isanisha rikwiye.

## VII.1 Gusoma no gusesengura umwandiko:Umurunga w'iminsi

**Igikorwa cy'umwinjizo**

Ushingiye ku bumenyi usanzwe ufite:

Sobanura impamvu gukunda umurimo ari ingirakamaro mu mibereho y'abantu no mu iterambere ry'Igihugu.

Garagaza akamaro k'ibaruwa y'ubutegetsi, umwirondoro, amatangazo n'ubutumire.

### VII. 1.1 Gusoma umwandiko

**Igikorwa 7.1**

Soma umwandiko ukurikira, ushakemo amagambo udasobanukiwe hanyuma uyasobanure wifashishije inkoranyamagambo kandi usubize n'ibibazo byawubajijweho.

*Soma umwandiko ukurikira:*

**Umurunga w'iminsi**



1. Burya gusaza ni ugusahurwa
Kuko iyo tujya ni habi
Nariye iminsi ndayiyongeza
Nsigara nyitera inyoni ziguruka
None iranze iranyigabije
Iranyiganzuye yo gapfusha.
Cyo rero kibondo cyange
Igira hino nkurage intwaro
Nitwaje iki gihe cyose
Ibihe bibi byose nkabyirenza.
Uyitwaje azira kuneshwa
Utayitunze azira kuramba
Iyo ntwaro ishumika iminsi
Nta yindi shahu ni umurimo.

2. Iyo isi imaze kukurambirwa
Kuko ntacyo uba ukiyimariye
Imikaka y'iminsi irarindwa aaa.
Mbese ye, wakwizera ute ubuzima bw'ejo
Udakoze ngo wiyuhe akuya
Kura ishati witege iminsi.
Aho wenda, aho wenda,
Aho wenda kibondo cyange
Aho wenda ntuzibuka y'uko
Umurunga w'iminsi ari umurimo.
Aho wenda, aho wenda,
Aho wenda bibondo cyange
Aho wenda buto bwange
Aho wenda ntuzabyibuka
Ni yo mpamvu itumye
Mbikubwiye nkwihanangirije.

3. Ntugahaburwe n'ibyo hanze aha

Ibi bizanwa n'abagenzi
Ngo bigutware umutima wawe
Bikwibagize umurimo
Buryaga ni uko utabizi
Guteka umutwe ni umwanda
Ntibitinda, nta nubwo byizerwa
Ubundi kandi bihira bake.
Aho wenda, aho wenda
Aho wendaKibondo cyange
Aho wenda ntuzibuka yuko
Umurunga w'iminsi ari umurimo.
Aho wenda, aho wenda
Aho wenda, kibondo cyange,
Aho wenda, buto bwange
Aho wenda ntuzabyibuka
Ni yo mpamvu itumye
Mbikubwiye nkwihanangirije.

4. Uramenye, uramenye, uramenye,
Utazazira iyo mikaka
Irindwa abagifite ubukaka
Cyane abo mu kigero cyawe. (x2)
Aho wenda, aho wenda
Aho wenda kibondo cyange,
Aho wenda ntuzibuka yuko
Umurunga w'iminsi ari umurimo.
Aho wenda, aho wenda,
Aho wenda kibondo cyange
Aho wenda buto bwange
Aho wenda ntuzabyibuka
Ni yo mpamvu itumye
Mbikubwiye nkwihanangirije.
Ni yo mpamvu itumye

Mbikubwiye nkwihanangirije

*(KAGAME Alegisi)*

### VII.1.2 Gusobanura amagambo

*Shaka mu mwandiko amagambo udasobanukiwe maze uyasobanure wifashishije inkoranyamagambo cyangwa inyito afite mu mwandiko.*

### VII.1.3 Kumva no gusesengura umwandiko

*Subiza ibibazo bikurikira:*

1. Izina ikibondo rihagarariye nde ubwirwa mu mwandiko?
2. Umusaza arigisha iki umwana mu gitero cya gatatu?
3. Ni iyihe mpamvu ituma uyu musaza agira inama umwana we?
4. Ni izihe ngingo z'ingenzi dusanga mu mwandiko?
5. Uyu mwandiko urakwigisha iki?
6. Ni gute umurimo ugira uruhare mu iteramber y'Igihugu?

**Imyitozo**

1. Kora interuro wifashishije amagambo akurikira:
   a) Umurunga
   b) Ikibondo
   c) Gusahurwa
   d) Kwiyuha akuya
   e) Intwaro
2. Garagaza akamaro k'indirimbo mu iterambere ry'umuryango n'iry'Igihugu muri rusange.

## VII.2 Indirimbo

**Igikorwa 7.2**

Ongera usome umwandiko "Umurunga w'iminsi" witegereze imiterere yawo maze ukore ubushakashatsi, utahure inshoza, uturango n'akamaro by'indirimbo mu buzima bwa buri munsi.

## VII.2.1 Inshoza n'uturango by'indirimbo

Indirimbo ni imwe mu ngeri z'ubuvanganzo bwo muri rubanda. Ni amajwi afite injyana yungikana n'amagambo. Indirimbo zivuga ku ngingo zitandukanye zigusha ku buzima bwa buri munsi. Hari indirimbo z'urukundo, indirimbo zisingiza umuntu cyangwa ikintu, hari izigisha, izibara inkuru n'izindi.

## VII.2.2. Uturango tw'indirimbo

Indirimbo irangwa n'**imiterere** yayo ndetse n'**ikeshamvugo**.

1. **Imiterere y'indirimbo**

Ahanini indirimbo irangwa n'ibice bibiri by'ingenzi: ibitero n'inyikirizo. Uko igitero kirangiye, umuririmbyi ashyiraho inyikirizo ariko hari indirimbo zitagira inyikirizo.

**Urugero rw'indirimbo ifite inyikirizo:** Umurunga w'iminsi

**Urugero rw'indirimbo itagira inyikirizo:** Indirimbo yubahiriza Igihugu

Uburyo ibi bice bihimbwa, usanga ari nk'umuvugo ariko byo bigashyirwa mu majwi aryoheye amatwi no mu njyana runaka yatoranyijwe. Indirimbo ishoborakuba iy'amajwi y'umuntu cyangwa urusobe rw'amajwi y'abantu.

2. **Ikeshamvugo mu ndirimbo**

Ikeshamvugo rikoreshwa mu ndirimbo, ni rimwe n'iryo mu mivugo: uzasangamo isubirajwi, isubirajambo, imizimizo y'ubwoko bunyuranye bitewe n'urwego rw'ihanikarurimi umuhanzi yashatse gushyiramo indirimbo ye.

## VII.2.3 Akamaro k'indirimbo

Indirimbo zifite uruhare rukomeye mu mibereho y'umuntu muri rusange. Ubushakashatsi bunyuranye bwemeza ko indirimbo zongerera ubushobozi ubwonko bwo gutekereza neza mu buryo bwiza kandi bworoshye.

Indirimbo zorohereza abana bakiri bato bafite ikibazo cyo kuvuga no kwandika. Birumvikana ko bituma umwana agerageza gusubiramo ibyo yagiye yumva ndetse no kubisobanukirwa mu buryo bworoshye.

Bitewe n'ikivugwa mu ndirimbo, uzasanga indirimbo zigira uruhare rukomeye mu guhindura imyumvire y'abantu ndetse no kubakangurira gukora ibikorwa runaka.

**Ingero:**

Indirimbo zivuga kuri Sida ndetse n'ibindi byorezo, uburyo byandura n'uko byakwirindwa, zituma abantu birinda kwandura virusi itera Sida.

Indirimbo zivuga ku butwari zituma abazumva bagira ubutwari bakagira ishyaka n'umurava wo gukunda Igihugu...

Indirimbo zivuga ku murimo, zituma abazumva bitabira umurimo.

**Imyitozo**

*Kora imyitozo ikurikira:*

1. Tanga inshoza y'indirimbo.
2. Erekana uturango tw'indirimbo.
3. Sobanura akamaro k'indirimbo mu mibereho y'abantu.
4. Sesengura indirimbo umurunga w'iminsi ugaragaza uturango twayo.
5. Ririmba indirimbo "Umurunga w'iminsi" wubahiriza injyana yayo.

## VII.3 Ibaruwa y'ubutegetsi

**Igikorwa 7.3**

Shingira ku bumenyi usanzwe ufite cyangwa ukore ubushakashatsi maze utahureinshoza n'uturango by'ibaruwa y'ubutegetsi kandi ugaragaze imiterere yayo.

### VII.3. 1 Inshoza y'ibaruwa y'ubutegetsi

Ibaruwa y'ubutegetsi, ni ibaruwa yandikwa n'umuyobozi cyangwa uyoborwa mu rwego rw'akazi. Ibaruwa y'ubutegetsi igira amategeko igomba kubahiriza kuko igira uko yandikwa byihariye. Igomba kuba ngufi kandi ikarasa ku ntego.

Uwandika agira amagambo yabugenewe yitaho kandi atagomba kubura mu ibaruwa.

Hari amagambo yabugenewe akoreshwa mu gutangira ibaruwa. Ayo ni nk'aya akurikira:

- Nyakubawa
- Madamu
- Nejejwe no kubandikira,
- Bwana
- Madamazera,
- Mbandikiye ibaruwa ngira ngo…

Mu gusoza ibaruwa y'ubutegetsi, hashobora gukoreshwa amwe muri aya magambo akurikira:

– Mu gihe ngitegereje igisubizo cyanyu, mbaye mbashimiye…
– Mu gihe ntegerezanyije ikizere, mbaye mbashimiye…
– Mbashimiye uko mwakiriye….

**Ikitonderwa**

Igika gishobora gutangirira mu cya kabiri cy'urupapuro mu mpagarike yarwo cyangwa ku ntangiriro y'umurongo. Ibaruwa y'ubutegetsi igomba kugira impamvu yayo yihariye bitewe n'igitumye yandikwa kandi hagacibwa akarongo ku ijambo **"impamvu".**

## VII.3.2 Imiterere y'ibaruwa y'ubutegetsi

Ibaruwa y'ubutegetsi igizwe n'ibice by'ingenzi bitatu kandi buri gice na cyo kigira ibice byacyo.  Ibice by'ibaruwa ni ibi bikurikira:

**1. Umutwe**

Umutwe ni igice k'ibaruwa kigizwe n'ibice bikurikira:

a) **Aderesi:** Aderesi ni igice kigaragaza amakuru y'ingenzi y'uwanditse ibaruwa. Hagaragaramo amazina ye, aho atuye ndetse n'andi makuru yose yafasha uwo yandikiye kumenya aho yamubariza aramutse amushatse. Iki gice gifata umwanya wo hejuru ibumoso ku rupapuro.

b) **Itariki n'ahantu:** Uwanditse ibaruwa y'ubutegetsi, aba agomba kugaragaraza itariki n'ahantu yandikiye.Iki gice cyo kijya hejuru iburyo ku murongo wa mbere ahateganye n'izina ry'uwandika.

c) **Uwandikiwe:** Uwandikiwe ni igice gishyirwa munsi y'itariki n'ahantu, kikagaragaza uwo ibaruwa igenewe. Si izina rye bwite rigaragaramo, ahubwo ni izina ry'icyubahiro rigaragaza umwanya afite mu kazi. Cyakora hashobora no kugaragazwa izina iyo ibaruwa y'ubutegetsi igenewe umukozi runaka.

d) **Binyujijwe:** Ni igice kigaragara mu ibaruwa y'ubutegetsi munsi y'aderesi y'uwandikiwe.Gishyirwaho iyo hari abo iyo baruwa igomba kunyuzwaho mbere yo kohererezwa uwayandikiwe Uwo ibaruwa inyuzeho, aba agomba kuyisinyaho.

e) **Impamvu:** Uwandika ibaruwa y'ubutegetsi, aba agomba kugaragaza impamvu imuteye kwandika. Ingero z'impamvu zashyirwa mu'ibaruwa: gusaba akazi, gusaba ibisobanuro, kohereza raporo... Ijambo"impamvu" rirandikwa kandi rigacibwaho akarongo. Iki gice kiba kiri munsi ya aderesi y'uwanditse.

**2. Igihimba**

Igihimba k'ibaruwa y'ubutegetsi, ni igice kigaragarizwamo ubutumwa bugenewe uwandikiwe. Iki gice kigizwe n' ibice bikurikira:

a) **Intangiriro:** Uwandika, avuga muri make impamvu imuteye kwandika igirwa n'igika kimwe kandi ikagaragaza icyo uwandika agamije. Iyo ari nk'ibaruwa isaba akazi agaragazamo ko azi neza ko uwo mwanya uhari.

b) **Igihimba:** Ni igice kigaragara nk'aho ari kirekire kurusha ibindi, kuko gishobora no kugira ibika birenze kimwe bitewe n'ingingo zigize ubutumwa. Ni cyo gice cyonyine gisobanura mu mugambo arambuye ibyavuzwe mu ntangiriro, kikabisesengura, kikanakurikiranya ibitekerezo. Icyo gihe buri gika kiharira ingingo yacyo, na none ukirinda gusubiramo ibyo wavuze.

c) **Umwanzuro:** Uwandika ibaruwa y' ubutegetsi, asoza ashimira uwo yandikiye. Ni cyo gice kirangiza ibaruwa y' ubutegetsi kandi kigirwa n'igika kimwe. Uwandika arangiza ashimira uwo yandikiye.

**3. Umusozo**

Umusozo w'ibaruwa ugizwe n'ibice bikurikira:

a) **Amazina n'umukono:** Ni igice gisoza ibaruwa y' ubutegetsi kigizwe n'amazina ndetse n'umukono wa nyiri ukuyandika.

b) **Bimenyeshejwe:** ni igice kijya mu mpera y'ibaruwa y' ubutegetsi ku ruhande w'ibumoso. Kijya mu ibaruwa y' ubutegetsi iba igomba kugira abandi bamenyeshwa ibyanditswe.

## VII.3.3. Imbata y'ibaruwa y'ubutegetsi

Aderesi/Amazina uwanditse n'aho abarizwa
………………………………………………………
………………………………………………………
………………………………………………………

Ahantu, itariki, ukwezi n'umwaka

**Uwandikiwe mu izina ry'icyubahiro**
……………………………………………

Binyujijwe………………………………

Impamvu………..

Nyakubahwa/Bwana Muyobozi

……………………………………………
………………………………………………………………………………………………………………
………………………………………………………………………

……………………………………………
………………………………………………………………………………………………………………
………………………………………………………………………………………………………………
………………………………………………………………………………………………………………
…………………………………………………………

……………………………………………
………………………………………………………………………………………………………………
………………………………………………………………………………

Amazina n'umukono by' uwanditse
……………………………………………

Bimenyeshejwe:
……………………………
……………………………

## VII.3.4 Urugero rw'ibaruwa y'ubutegetsi

Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Amajyaruguru
Akarere ka Musanze
Umurenge wa Gitaha
Agasanduku k'iposita 178
Musanze

Gitaha, ku wa 12/2/2019

Bwana Umunyamabanga
Nshingwabikorwa w'Akagari ka
Amahoro
Agasanduku k'iposita 214
Musanze

**Impamvu:** Gushyira mu bikorwa gahunda ya
Girinka Munyarwanda

Bwana,

Nejejwe no kukwandikira iyi baruwa ngira ngo ngusabe gufasha umuturage Mugemana ubarizwa mu Kagari ka Amahoro ubereye Umuyobozi kubona inka yagombaga guhabwa muri gahunda ya Girinka Munyarwanda.

Mu by'ukuri, Bwana Muyobozi, uko uyu muturage abigaragaza, ni we watoranyijwe n'inteko y'umudugudu we, ngo azahabwe inka muri gahunda ya Girinka Munyarwanda. Nyamara ikigaragara ni uko atayihawe. None rero ugomba gukurikirana icyo kibazo mu buryo bwihutirwa, iyo nka yahawe utaragombaga kuyihabwa, ikagaruka, igahabwa Mugemana kandi abayobozi babigizemo uruhare bakabihanirwa.

Ndagusaba ko uzankorera raporo y'uko iki kibazo cyakemuwe bidatinze kandi uzabikorane ubushishozi.

KAMANZI Charnaud
Umunyamabanga Nshingabikorwa
w'Umurenge wa Gitaha

**Bimenyeshejwe:**
Umuyobozi w'Akarere ka Musanze

## Imyitozo

1. Garagaza itandukaniro riri hagati y'ibaruwa y'ubutegetsi n' ibaruwa mbonezamubano?
2. Andikira umuyobozi w'umurenge utuyemo ibaruwa umusaba ikemezo cy'amavuko kuko ugikeneye mu kuzuza ifishi izaguhesha uburenganzira bwo gukora ikizamini cya Leta gisoza amashuri yisumbuye.

## VII.4 Umwirondoro

**Igikorwa 7.4**

Ushingiye ku bumenyi usanganywe, tahurainshoza y'umwirondoro, ibiranga umwirondoro n'ibice byawo.

### VII.4.1 Inshoza y' umwirondoro

Umwirondoro ni inyandiko itanga amakuru ahagije ku muntu. Iyi nyandiko ikunze gukenerwa n' umukoresha kuko imufasha guhitamo umukozi akeneye bitewe n'amakuru agaragaramo.

Umwirondoro unoze, ugomba kuba wanditse ku rupapuro rwiza kandi uzira amakosa. Ugomba kandi kuba wuzuye kuko uwusaba aba akeneye amakuru yuzuye kugira ngo arusheho kumenya nyiri umwirondoro. Ugomba kwandikwa mu nteruro ngufi kandi zisomeka neza. Umwirondoro ugomba kuvuga ukuri kandi ukaba uhuye n'aho ukenewe.

### VII.4.2 Ibice bigize umwirondoro

Umwirondoro ntukorwa uko nyirawo yiboneye. Ugomba kuba ufite uburyo buboneye bwo kuyikora kandi ugakurikiranya neza ibice bikurikira:

- Umutwe
- Ibiranga umuntu
- Amashuri
- Uburambe
- Ubundi bumenyi
- Indimi avuga
- Ibyo akunda
- Abantu bamuzi

– Kwemeza ko ari ukuri no gushyiraho umukono we.

1. **Umutwe**

Umutwe w'umwirondoro wandikwa hejuru ukitwa umwirondoro

2. **Ibiranga umuntu**

Ibiranga umuntu, ni igice gitangira umwirondoro, kikaba kigamije kugaragaza muri make uwo ari we. Kigomba kuba cyumvikana kandi kirasa ku ntego.

Muri iki gice, uwandika agaragazamo ibi bikurikira:

**a) Amazina y'umuntu**

Ni byiza kwandika izina ry'umuryango mu nyuguti nkuru z'icyapa maze iry'idini rikajya mu nyuguti nto, ariko ritangiwe n' inyuguti nkuru.

**b) Amazina y'ababyeyi**

Mu kwandika amazinay'ababyeyi, naho biba byiza kwandika amazina ry'umuryango mu nyuguti nkuru z'icyapa maze ay'idini akajya mu nyuguti nto, ariko agatangizwa n' inyuguti nkuru.

**c) Imyaka umuntu afite**

Uwandika, aba agomba kugaragaza igihe yavukiye aho kwandika imyaka nyirizina. Mu kwandika amatariki, ukwezi kwandikwa mu magambo.

Urugero: 2 Nzeri 1988

**d) Aho umuntu yavukiye**

Aha, uwandika ashobora kugaragaza intara, akarere, umurenge, akagari cyangwa umudugudu yavukiyemo.

**e) Aho umuntu aherereye**

Aha uwandika ashobora kugaragaza intara, akarere, umurenge, akagari cyangwa umudugudu atuyemo.

**f) Irangamimerere**

Aha uwandika agaragaza ko ari ingaragu cyangwa se ko yubatse. Twibutse ko uwubatse aba abana n'uwo bashakanye mu buryo bwemewe n'amategeko.

**g) Uburyo uwamushaka yamubonamo**

Uwandika agaragaza uburyo uwamukenera yamubona. Ashobora gutanga umurongo wa terefoni na aderesi ya interineti cyangwa bumwe muri ubwo buryo.

3. **Amashuri**

Iki gice kigaragaza aho nyiri umwirondoro ahagaze mu rwego rw'ubumenyi. Ni yo mpamvu uwandika, agomba guhera ku mpamyabumenyi nini afite agakomereza ku zo yahereyeho ariko akazitondeka akurikije uko zikurikirana uhereye ku ya vuba kugeza ku ya kera. Mu kwandika umwirondoro, amashuri ntatandukana n'impamyabumenyi. Ugaragaza amashuri yize, avuga umwaka, aho yigaga, ibyo yigaga n'impamyabumenyi yahakuye. Hari igihe amashuri ajyana n'ibitabo umuntu aba yaranditse. Icyo gihe si ngombwa kubishyiraho keretse iyo bigira icyo byongera ku kizere umuntu ashobora kugirirwa n'abo ashyikiriza umwirondoro.

4. **Uburambe**

Iki, ni igice cyo kwitonderwa kuko uwandika, aba agomba kwereka uwo yandikiye icyo azi gukora n'igihe amaze agikora. Iyo yakoze mu myanya myinshi, ayishyiraho ahereye ku wa nyuma aherukaho agenda agaragaza igihe yagiye ayimaraho. Hari igihe umuntu aba yarakoze iyimenyerezamwuga. Ni ngombwa ko abishyiraho cyanecyane iyo ataramara igihe kinini akora cyangwa se ari bwo bwa mbere yatse akazi. Ibyo bishobora kumwongerera amahirwe imbere y'uwo aha umwirondoro.

5. **Ubundi bumenyi**

Kumenya ibintu byinshi nta cyo bitwaye kuko ibyo umuntu azi byose bishobora kumugirira akamaro mu buzima bwe bwa buri munsi. Iyo rero umuntu afite ubundi bumenyi, ntashidikanya kubigaragaza ku mwirondoro we cyanecyane iyo bifitanye isano n'akazi asaba.

**Urugero:** Kuba azi mudasobwa, kuba afite uruhushya rwo gutwara ikinyabiziga...

6. **Indimi**

Hari igihe umwanya umuntu ashaka, uba usaba ubumenyi mu indimi z'amahanga. Ni ngombwa rero ko uwandika umwirondoro, ashyiramo indimi zose azi. Mu kazi ako ari ko kose,ubumenyi mu ndimi z'amahanga bwongerera amahirwe ugasaba. Ukora umwirondoro rero, agaragaza urwego aziho urwo rurimi atabeshya. Ashobora kuvuga ati: "Ururimi runaka nduzi neza cyane, nduzi neza, nduzi bihagije, biciriritse" kuko kubeshya byamugiraho ingaruka mu gihe k'ikizamini k'ibiganiro.

7. **Ibyo akunda**

Iki gice, kigizwe n'ibyo umuntu akunda, akora kandi bimushimisha. Ariko na none ukora umwirondoro,agomba kumenya ko ibimushimisha bishobora no kumubera imbogamizi yo kubona umwanya yifuza. Ni yo mpamvu kumenya ibyo ushyiramo, byashingira ku kumenya amakuru ahagije y'uwagusabye umwirondoro. Bityo nawe ukamenya aho ushyira imbaraga.

**8. Abantu bamuzi cyangwa abahamya**

Iyi ngingo y'abantu bazi nyiri umwirondoro, si ngombwa buri gihe. Ariko hari ababisaba mu mwirondoro bikaba ngombwa ko ijyamo. Abazi umuntu baba bakenewe, ni abarimu bamwigishije cyangwa abakoresha bamukoresheje kuko ukeneye umwirondoro wawe aba ashobora kubabaza ku bijyanye n'ubumenyi ufite cyangwa se ubushobozi n'imyitwarire byawe mu kazi.

**9. Kwemeza ko ibyo uvuze ari ukuri no gushyiraho umukono**

Iki ni cyo gice gisoza umwirondoro. Nyiri ukuwandik,a agomba gusoza yemeza ko amakuru yatanze ari ukuri ko anashobora kugenzurwa. Hanyuma agashyiraho itariki n'umukono we.

### VII.4.3 Urugero rw'umwirondoro

**Ibiranga umuntu**

Nitwa:MUBERUKA Gaston

Data: KARIMANYI Joel

Mama: KABERA Marigueritte

Igihe navukiye: 2 Nzeri 1984

Aho navukiye: Intara ya Kumuhigo, Akarere ka Kagano, Umurenge wa Cyabayaga, Akagari ka Mwungu.

Aho ntuye: Intara ya Kumuhigo, Akarereka Burehe, Umurenge wa Mataba, Akagari ka Gaseke.

Irangamimerere: Ndubatse, mfite abana bane

Terefoni: 0788881111

E-mail: muberuka-gaston@yahoo.fr

Akarere ka Burehe, Umurenge wa Mataba, Akagari ka Gaseke.

**Amashuri nize**

- 2003-2007: Amashuri makuru muri Kaminuza nkuru y' u Rwanda. Impamyabushobozi y'ikiciro cya kabiri mu Ndimi n'Ubuvanganzo Nyafurika.
- 1989-1994: Amashuri yisumbuye muri Seminari ya Runaba. Impamyabumenyi y'amashuri yisumbuye mu ishami ry'Ikiratini n'indimi zivugwa.
- 1981-1988: Amashuri abanza mu Ishuri Ribanza rya Mataba. Ikemezo k'ikigo cy'Amashuri Abanza cya Mataba.

Uburambe mu kazi

- 2011-2017: Umwarimu w'indimi muri kaminuza y'u Rwanda ishami rya Huye.
- 2008-2010: Umwarimu w' Igiswayiri n'Ikinyarwanda mu Iseminari Nto ya Runaba.
- 2003-2004: Umwarimu w'Igifaransa n'Ikinyarwanda mu ishuri ryigenga APEDER Mataba.
- 2000-2003: Umwarimu w'Igifaransa n'Ikinyarwanda mu ishuri ryisumbuye rya Gakurazo.

**Ubundi bumenyi**

- Nziporogaramu ya mudasobwa yitwa "Word, Excel, Power Point, Access na Publisher.
- Mfite uruhushya rwo gutwara imodoka kategori ya B, nkaba nzi no kuyitwara.

**Indimi nzi kuvuga**

| Ururimi | Kumva | Kuvuga | Kwandika | Gusoma |
|---|---|---|---|---|
| Ikinyarwanda | Neza cyane | Neza cyane | Neza cyane | Neza cyane |
| Icyongereza | Neza cyane | Neza cyane | Neza | Neza cyane |
| Igifaransa | Neza cyane | Neza cyane | Neza cyane | Neza cyane |
| Igiswayiri | Neza cyane | Neza cyane | Neza cyane | Neza cyane |

**Ibyo nkunda**

Nyuma y'akazi, nkunda gusoma ibitabo. Nkunda umukino wo koga no gukina umupira w'amaguru.

**Abantu banzi:**

- UMUHIRE Jean: Umwarimu wange muri Kaminuza y'u Rwanda, Tel: 0788..........
- Padiri KARAKE Samuel: Umukoresha wange igihe nigishaga muri Seninari Nto ya Rubare Tel: 076...............................
- HAKIZIMANA Paul: Umuyobozi w'Ishami ry'Indimi muri Kaminuza y'u Rwanda aho nigisha ubu, Tel: 0789.....................

Ngewe MUBERUKA Gaston ndemeza neza ko ibyo maze kuvuga ari ukuri kandi ko bishobora kugenzurwa.

Bikorewe i Kagano, ku wa 25 Nyakanga 2017

**MUBERUKA Gaston**

**Umwitozo**

Ubu urangije mu mwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye. Andika umwirondoro wawe ukurikije ingingo twabonye zigize umwirondoro.

## VII.5 Amatangazo

**Igikorwa 7.5**

Kora ubushakashatsi utahure inshoza n'uturango by'itangazo kandi ugaragaze ubundi bwoko bw'amatangazo.

### VII.5.1 Inshoza n'uturango by'itangazo

Itangazo rero ni inyandiko irimo ubutumwa bamanika ahantu, buca mu kinyamakuru cyangwa kuri radiyo kugira ngo bumenyekane hagamijwe kwamamaza, kurangisha cyangwa kumenyesha. Itangazo ni inzira cyangwa uburyo bwo kugeza ku bantu amakuru runaka. Itangazo rirangwa n'ibi bikurikira:

Mu itangazo, hagomba kubonekamo ibi bikurikira:

- Umutwe w'itangazo.
- Utanze itangazo.
- Uwo rigenewe.
- Ahantu igikorwa rimenyesha kiri, cyabereye cyangwa kizabera.
- Itariki igikorwa rimenyesha cyabereyeho cyangwa kizabera.

### VII.5. 2 Ubwoko bw'amatangazo

Amatangazo arimo amoko anyuranye: amatangazo yo kubika, amatangazo yo kumenyesha, amatagazo yo kwamamaza, amatangazo yo kurangisha n'ubutumire.

1. **Amatangazo yo kubika**

Amatangazo yo kubika ni amatangazo atabaza agamije kumenyesha abantu ko hari umuntu witabye Imana akanavuga igihe azashyingurirwa.

**Urugero:**

**Itangazo**

Umuryango wa Mporanyi Claudien ubarizwa mu Murenge wa Gashwi uramenyesha inshuti n' abavandimwe ko umubyeyi wabo Kanamugire Roger wari urwariye mu bitaro bikuru bya Kinihira yitabye Imana none Ku wa gatatu tariki ya 23/5/2017.

Bimenyeshejwe inshuti n' abavandimwe batuye mu murenge wa Gishamvu, abakirisitu basengana na nyakwigendera muri paruwasi ya Mukingo n' abo bakoranaga ku bitaro bya Munini. Itariki yo gushyingura ni Ku wa gatandatu tariki ya 26/5/2017. Inshuti n' abavandimwe bihutire gutabara

Bikorewe Gashwi ku wa 23/05/2017

## 2. Amatangazo yo kumenyesha

Amatangazo yo kumenyesha ni amatangazo amenyesha abayumva amakuru atandukanye nk'inama, akazi, isoko ry'ibintu, cyamunara...

**Urugero:**

**Itangazo ryo kumenyesha**

Mu rwego rwo kwizihiza icyumweru cyahariwe ubuzima kizatangira ku wa 12 kugeza ku wa 15/8 ,Ubuyobozi bw'Umurenge wa Gasenyi bunejejwe no kumenyesha abaturage bose bo mu Murenge wa Gasenyi ko batumiwe mu gikorwa cyo kwipimisha ku bushake indwara ya Sida kizabera mu busitani bw' uwo umurenge. Iki gikorwa cyateguwe ku bufatanye bwa Minisiteri y' ubuzima n' umuryango utabara imbabare Croix-rouge. Muri ki cyumweru cyahariwe ubuzima, iki gikorwa kizajya gitangira saa mbiri z' igitondo gisoze saa kumi n' imwe z'umugoroba. Abaturage basabwe kwitabira kuko burya amagara araseseka ntayorwa.

Bikorewe i Gitaha ku wa 6/08/2015

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Gasenyi.

## 3. Amatangazo yo kwamamaza

Amatangazo yo kwamamaza ni amatangazo atangwa agamije kwamamaza ibikorwa by'umuntu ku giti ke, by'ishyirahamwe, by'inganda, amashuri, kugira ngo bimenyekane bibone ababigana mu buryo bwo kubiteza imbere.

**Urugero:**

**Itangazo ryo kwamamaza**

Uruganda rukora amasabune ruherereye mu cyanya k' inganda i Masoro ruramenyesha abantu bose ko rubafitiye amasabune ya "Urakeye" y' ubwoko bwose: ay' amazi, ay' ifu n' ay' imiti ku ngano yose wakwifuza. Ayo masabune murayasanga mu masoko hose , mu maduka no ku ruganda. Ushaka kurangura cyangwa utwara byinshi turagutwaza tukakugeza iwawe.  Gana uruganda rw' amasabune"Urakeye" uce ukubiri n' umwanda.

## 4. Amatangazo yo kurangisha

Amatangazo yo kurangisha ni amatangazo atangwa igihe umuntu yatakaje ikintu, yabuze umuntu kugira ngo ababimuboneye babimuhe cyangwa yatoye ibintu kugira

ngo nyirabyo abashe kubibona.

**Urugero:**

**Itangazo ryo kurangisha**

Nzirorera Jemus utuye mu murenge wa Kinyoni ararangisha ibyangombwa bye yabuze ku wa mbere tariki ya 01/11/2015, saa tatu za mu gitondo (09h00). Ibyo byangobwa byaburiye mu mu muhanda Kigali- Butare. Bikaba ari ikarita ndangamuntu, uruhushya rwo gutwara imoboka n'uruhushya rwo kujya mu mahanga. Uwabibona yabimugereza ku buyobozi bw' umurenge wa Kinyoni cyangwa agahamagara kuri izi numero za telefoni 078.......akazahabwa ibihembo bishimishije.

Bikorewe Kinyoni ku wa 2/11/2015

5. **Amatangazo atumira/ubutumire**

Ubutumire ni inyandiko ngufi itumira umuntu cyangwa abantu kwitabira umunsi mukuru runaka. Bene izi nyandiko twazigereranya n'amabaruwa y'ubucuti nubwo zo zidakurikiza imiterere y'ayo mabaruwa. Ubutumire bukoreshwa mu minsi mikuru inyuranye nko gushyingirwa, kubatirisha, kwizihiza isabukuru runaka, gutaha igikorwa runaka, gusangira ku meza, kwishimira kugera ku gikorwa runaka nko gufata impamyabumenyi...

Ubutumire burangwa n'imiterere yabwo yo kuba hagaragaramo ibintu by'ingenzi bikurikira:

- Umutwe w'ubutumire
- Amazina y'utumira,
- Utumirwa,

Igikorwa umutumiramo,

Aho igikorwa kizabera.

Umunsi n'isaha kizaberaho

**Urugero**



Ubutumire

Twebwe imiryango ya BIZIMANA Jean na NGENDAHAYO Pierre, twiyishimiye

gutumira Bwana na Madamu: .................. mu bukwe bw abana bacu:

MUKANDORI Laurence

na

KAMANZI Charles

Buzaba ku wa 09/08/2016: Gusaba no gukwa i Kagano.
Ku wa 20/08/2016: Gusezerana imbere y Imana muri Kiliziya ya Paruwasi ya Gakurazo
Diyosezi ya Kamembe.

Nyuma y iyo mihango abatumiwe bazakirirwa mu nzu mberabyombi y Akarere ka Kamembe.

Kuza kwanyu ni inkunga ikomeye!

M. Laurence
Tel: 0788...
07288...

K.Char
Tel: 078
072

## Imyitozo

1. Andika amatangazo akurikira wubahiriza imiterere yayo:

a) Itangazo ryo kubika

b) Itangazo ryo kumenyesha

2. Ishyire mu kigwi cy'umuyobozi w'ishuri ryisumbuye wigamo, wandike ubutumire bw'umuhango wo gutanga impamyabumenyi ku banyeshuri barangiza no kwizihiza isabukuru y' imyaka 25 ikigo kimaze gishinzwe.

## VII.6 Interuro yoroheje

### Igikorwa 7.6

Kora ubushakashatsi, utange inshoza y'isanisha,ubwoko bw'isanisha kandi ugaragaze imimaro y'amagambo mu nteruro yoroheje.

Interuro yoroheje, interuro shingiro cyangwa interuro fatizo ni interuro igizwe n'amagambo abiri cyangwa arenga ahuriye ku nshinga imwe itondaguye yumvikanisha ubutumwa bumwe, budasobekeranye. Amagambo agize interuro yoroheje, agirana isano kandi akagira imimaro itandukanye muri iyo nteruro.

### VII.6.1 Isanisha

Isanisha ni uburyo bwo guhuza amagambo mu irema ry'interuro ku buryo ijambo ry'ibanze riha amagambo aryungirije akarango karyo. Isanisha rigira amoko atandukanye:

1. **Isanisha nyantego**

Isanisha nyantego, ni isanisha aho ijambo ry'ibanze riha amagambo aryungirije intego ya kamwe mu turemajambo twaryo.

**Ingero:**

- Iki gikamyo kinini gitwara imizigo myinshi.
- Icyambu kinini gifasha mu bwikorezi.

2. **Isanisha nyanyito**

Isanisha nyanyito, ni isanisha rishingira ku kivugwa n'ijambo ry'ibanze. Rikoreshwa akenshi ku magambo adafite indomo n'indanganteko cyangwa afite indanganteko zumanye (zidatandukana) n'igicumbi (Mugabo, Bahizi, Rukundo, mukecuru…). Iyo ikivugwa ari umuntu cyangwa abantu, isanisha ribera mu nteko ya mbere cyangwa iya kabiri. Iyo ikivugwa ari inyamaswa cyangwa ikindi kintu, isanisha rikorwa mu nteko ya kenda cyangwa iya cumi.

**Ingero:**

- Bihogo aratashye.
- Ba Bihogo baratashye.
- Bihogo iratashye.
- Za bihogo ziratashye.

3. **Isanisha nyurabwenge**

Isanisha nyurabwenge,ni isanisha rikorwa iyo ibivugwa ari inshinga iri mu mbundo cyangwa uruvangerw'amagambo adahuje inteko. Isanisha nyurabwenge rikorerwa mu nteko ya 8.

**Ingero:**

- Kurya birashimisha
- Gutwarana abantu n'ibintu birabujijwe.
- Bakame n'impyisi birazirana.
- Umugabo, ihene n'igare byahuriranye.

4. **Isanisha nyazina**

Isanisha nyazina, ni isanisha rishingira ku ndanganteko yumanye n'igicumbi.

**Ingero:**

- Rutegaminsi rwa Tegera yari inyangamugayo.
- Bikungero bya Murema afite ibihangano byiza.
- Nyakayonga ka Musare.

5. **Isanisha mpisho**

Isanishampisho, ni isanisha rikorwa igihe ikivugwa kitazwi cyangwa kitagaragajwe.

**Ingero:**

- Karabaye noneho.
- Umugore n'umugabo rwambikanye.
- Karahanyuze twarabyinnye biratinda.

6. **Uruvange rw'isanisha**

Uruvange rw'isanisha ni isanisha rigengwa n'inteko zitandukanye kandi rigengwa n'ijambo rimwe.

**Ingero:**

- Igisonga cya Papa arahagurutse. (nt7 na nt1)
- Nyina w'iki kimasa irashaje. (nt1, nt9)

## VII.6.2 Imimaro y'amagambo mu nteruro.

Imimaro y'amagambo mu nteruro yoroheje ni itatu.

1. **Ruhamwa**

Ruhamwa ni ijambo cyangwa itsinda ry'amagambo rigaragaza ukora igikorwa cyangwa uwerekezwaho imimerere n'imico bivugwa n'inshinga iri mu nteruro.

**Ingero:**

- **Abana** barakina umupira.
- **Bake** barabona ibihembo.
- **Uyu** natahe.
- **Usakuza** arasohoka.
- **Umuhungu n'umukobwa bakuru** baze.
- **Niyonkuru** yicaye ku ntebe.
- **Kwiga** birananiza.
- Haragenda **abahinzi gusa.**

2. **Izingiro ry'interuro cyangwa ipfundo ry'ubutumwa**

Izingiro ry'interuro cyangwa ipfundo ry'ubutumwa, ni igice k'interuro kigira icyo kivuga kuri ruhamwa. Iki gice kigaragazwa n'inshinga mu nteruro.

**Ingero:**

- Umurimo utugeza kuri byinshi.
- Ibitabo byabo birashaje.
- Abana be barabyibushye.
- Aba bana babereye ubutore.
- Abaporisi benshi baritonda.

3. **Icyuzuzo**

Icyuzuzo ni ijambo cyangwa itsinda ry'amagambo rijyana n'inshinga rikayisobanura cyangwa rikayuzuza.

**Ingero**

- Kabayiza arubaka inzu.
- Wa mugabo arahinga cyane.
- Kagabo avuga buhoro cyane.
- Uze kunsanga haruguru.
- Nagiyeyo kenshi.
- Urukwavu rurya kimari.
- Uyu mwana yiga mu gitondo.
- Bagenda amaterekamfizi.
- Umwana yabaye mu nzu biratinda.
- Umwana yabaye mu nzu biratinda.
- Ibyo bintu twabyumvise rimwe.

**Imyitozo**

1. Garagaza ubwoko bw'isanisha bwakoreshejwe muri izi nteruro.
   a) Uyu mugabo mugufi afite imbaraga.
   b) Amatungo n'ibikoresho byahenze.
   c) Karababonye.
2. Tanga urugero rw'interuro ikoreshejwemo:
   a) Uruvange rw'isanisha.

b) Isanisha nyazina.

c) Isanisha nyanyito.

3. Mu nteruro zikurikira erekana ruhamwa.

b) Imineke irya abana.

c) Igikombe k'ibihugu kizakinirwa he?

4. Erekana ibyuzuzo mu nteruro zikurikira

a) Uyu mwana akunda imineke.

b) Inkwavu zawe zirahenda cyane.

c) Twabasuye kenshi.

d) Baririmbye indirimbo ndende.

## VII.7 Isuzuma risoza umutwe wa karindwi

*Soma umwandiko nurangiza usubize ibibazo biwukurikiye.*

### Umwandiko:Si karande

Habayeho abagabo babiri Mahoro na Kabonero. Mahoro yari atuye mu majyepfo naho Kabonero atuye mu majyaruguru. Bombi bari barokamwe n'ubukene. Bari abatindi nyakujya batagira n'urwara rwo kwishima ku buryo bari bazwi na buri wese aho bari batuye. Mu ngo zabo batekaga ari uko biyushye akuya, bahoraga baca inshuro, ubundi bakicira isazi mu jisho. Imyambaro yabo yabaga ari ibiremo gusa, abana babo batiga nk'abandi. Imyate yari yarabasataguye ibirenge, nta nkweto bari barigeze kwambara.

Umunsi umwe, yashobewe, Mahoro yigira inama yo kujya guhahira mu majyaruguru kuko yahoraga abwirwa ko hera ibirayi kandi hakaba n'abakungu benshi. Agezeyo, ahura n'umugabo Kabonero, barisungana bakajya baca inshuro bakabona ibibatunga ariko ntihagire igisaguka ku buryo babikira imiryango yabo.

Muri uko guca inshuro, baganiraga ku buzima bwabo bakabona budafatika. Bibazaga ukuntu bwahinduka bikabayobera. Nuko Kabonero wari umaze igihe mu majyaruguru aza kugira igitekerezo cy'uburyo bakwihangira umurimo bakareba uko bakwiteza imbere maze akiganiriza Mahoro.

– Yewe wa mugabo we! Ino hari ikibazo k'ibicanwa, amashyamba abantu barayatemye barayatsemba none n'aho yasigaye Leta ntikemerera abantu gupfa kuyatema.
– None se uragira ngo tubigenze dute?
– Reka turebe uburyo twakwihangira umurimo dukemura ikibazo k'ibicanwa.
– Twagikemura se dute?
– Reka dutangire umushinga wo gukora imbabura za canamake zizajya zigurwa n'abantu benshi kubera ko inkwi zihenda.

Akimara kumubwira atyo, ntiyigeze agira icyo amusubiza kuko yabonaga ibyo amubwira ari inzozi. Yumvaga umushinga uwo ari wo wose ukenera igishoro kandi adafite na mba. Bukeye Kabonero yagarutse kumureba baraganira amwumvisha uburyo uwo mushinga nta gishoro ukeneye kuko hari umukire wamuhaye ikiraka cyo gukura amakoro mu murima we bakaba bashobora kuyakoresha. Mahoro yibaza ukuntu ayo makoro azavamo imbabura biramuyobera, ariko Kabonero akomeza kumusobanurira uko bizagenda.

– Ndagira ngo umfashe tuyakuremo tuyarunda hamwe, tuzashake udufuni dushaje tuge tuyacukuramo umwenge imbere tuyakoremo imbabura tuzigurishe.
– Ndumva uwo mushinga koko udakeneye igishoro gihambaye. Igishoro ni imbaraga zacu.

Guhera ubwo batangiye kurunda amabuye, bagakora amanywa n'ijoro, bagafataga umunsi wo kuyarunda amabuye hamwe undi munsi bakiririwa bayatunganyamo imbabura. Bamaze kugira imbabura nyinshi bazijyanye ku isoko maze abo muri ako gace si ukuzigura bazigura nk'abagura amasuka. Zari imbabura zijyamo amakara make. Iyo amakara yanashiragaho zakomezaga gushyuha cyane ku buryo ibyo batetse byakomezaga gushya. Bari barazihaye izina rya "Canamake". Izo mbabura zaramamaye cyane, ubuyobozi bushishikariza buri wese gutunga iwe imbabura ya Canamake kuko byari bimaze kugaragara ko zikemura ikibazo k'ibicanwa, amashyamba akabungabungwa.

Nyuma y'igihe gito, batangiye kugwiza amafaranga bava ku gukoresha agafuni bagura imashini izajya ibafasha kuzikora, nuko izo bakoraga buri munsi zikuba inshuro nyinshi. Amafaranga yavaga mu mbabura bayabitsaga mu kigo k'imari. Bamaze kugira amafaranga menshi, baganira n'umukozi wa banki maze abemerera inguzanyo bagura ikamyo izajya ibafasha mu bucuruzi bw'imbabura bazohereza hirya no hino mu Gihugu.

Mahoro na Kabonero bakomeje kwagura ubucuruzi bwabo ndetse bashora imari mu bindi.

Abagore babo na bo ntibicaye kuko batangije uruganda rukora amasabuni bakoresheje imbuto z'avoka. Bakoreye hamwe baba abakungu maze icyari ubukene kirahunga. Ubu basigaye bafite imiturirwa, mu ngo zabo ntakihaburaga, baryaga icyo bashatse, bakambara imyenda myiza kandi abana babo biga mu mashuri meza mu Gihugu.

Guhera ubwo Mahoro na kabonero babera abantu benshi ikitegererezo mu byo kwihangira imirimo. Abibwiraga ko guhanga umurimo bisaba buri gihe igishoro babyikuramo bagatangira guhanga imirimo inyuranye maze biteza imbere.

**I. Inyunguramagambo**

1. Andika interuro imwe kuri buri jambo ushingiye ku nyito rifite mu mwandiko

a) Kutagira urwara rwo kwishima

*Uriya mu ryango ntugira n'urwara rwo kwishima kubera ubukene.*

b) Umukungu

*Iyo umuntu afite ibitekerezo byubaka aba umukungu.*

c) Igishoro

*Babonye igishoro batangira gucuruza.*

d) Guca inshuro

*Baca inshuro buri munsi kubera kutagira isambu.*

2. Simbuza amagambo atsindagiye ari mu nteruro zikurikira andi ari mu mwandiko bisobanura kimwe:

a) Wa muhungu **yakurikiranywe** n'umuvumo wa se.

*Wa muhungu **yokamwe** n'umuvumo wa se.*

b) Mahoro yarakize none yubatse inzu ndende cyane nyinshi.

*Mahoro yarakize none yubatse **imiturirwa** myinshi.*

3. Simbuza amagambo ari mu nteruro zikurikira imbusane zazo.

a) Mariya asigaye ari we **mukungu** mu kagari kabo.

*Mariya asigaye ari we **mukene** mu kagari kabo.*

**b) Abagore** na bo biteje imbere.

***Abagabo** na bo biteje imbere.*

**II. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

1. Sobanura uburyo kujya guca inshuro kwa Mahoro ari byo byaba byaramuhesheje amahirwe.

*Kujya guca inshuro kwa Mahoro ni byo byaba byamuhesheje amahirwe kuko ni ho yahuriye Kabonero maze amugira inama yo gukora imbabura za canamake, aba ari ho bahera bihangira umurimo basezerera guca inshuro batyo.*

2. Ni iyihe mirimo abavugwa muri uyu mwandiko bihangiye?

*Abavugwa muri uyu mwandiko bihangiye imirimo inyuranye: gukora imbabura no gukora amasabune.*

3. Ni irihe somo abatishoboye bakwigira kuri Mahoro na Kabonero?

*Isomo abatishoboye bakwigira kuri Mahoro na Kabonero ni iryo kwihangira imirimo, bagakora cyane kugira ngo biteze imbere.*

4. Sobanura uko umushinga wa Mahoro na Kabonero wabungabunze ibidukikije?

*Umushinga wa Mahoro na Kabonero wabungabunze ibidukikije kubera ko imbabura bakoraga zakoreshaga amakara make bityo amashyamba ntatemwe cyane.*

5. Umutwe w'inkuri ni "Si karande". Ese ni iki bavuga ko atari karande ukurikije ibivugwa mu nkuru

*Icyo bavuga ko atari karande ni ubukene.*

6. Garagaza ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko.

*Ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko:*

- *Ubukene bwa Mahoro*
- *Kujya guca inshuro kwa Mahoro mu majyaruguru.*
- *Guhura na Kabonero kwa Mahoro mu majyaruguru.*
- *Gutangira umushinga wo gukora imbabura mu makoro kwa Mahoro na Kabonero.*
- *Kwaguka ku mushinga wa Mahoro na Kabonero.*
- *Gutera imbere kwa Mahoro na Kabonero.*
- *Gushinga uruganda rukora amasabune k'umugore wa Mahoro n'umugore wa Kabonero.*
- *Kuba ikitegererezo kwa Mahoro na Kabonero ku baturanyi babo.*

7. Vuga ubundi buryo bwo kwihangira umurimo butavuzwe mu mwandiko.

*Ubundi buryo bwo kwihangira umurimo butavuzwe mu mwandiko:*

- *Gukora ifumbire*
- *Kudoda inkweto*
- *Kubumba amatafari*
- *Kubaza ibikoresho binyuranye.*

**III. Ibibazo ku kibonezamvugo**

1. Kora interuro zigaragaramo:

a) Isanisha nyantego

b) Isanisha nyanyito

c) Isanisha nyurabwenge

d) Isanisha nyazina

2. Garagaza imimaro y'amagambo mu nteruro zikurikira:

- Iyi nama yabereye Arusha.
- Ubwikorezi buzanira u Rwanda imisoro myinshi.

# Ibitabo byifashishijwe

Dr Gregory Stanton, 1988, The Eight Stages of Genocide, Washington D.C

1944, What is genocide?

Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside, 2015, Ikiganiro ku ihakana n'ipfobya rya Jenoside Yakorewe Abatutsi mu Rwanda 1994, Kigali.

# IMIGEREKA

## 1. Twiyungure amagambo

**Nyakotsi:** ubwoko bw'icyogajuru cyajyaga kiboneka inshuro imwe mu myaka ijana.

**Kugishisha inka:** kujyana inka ahandi hantu hari ubwatsi mu gihe k'izuba ryinshi.

**Umuhinza:** umwami w'agahugu gato abantu bubahaga nk'ikimana bakamutura amakoro na we akabaha imvura, akabahahiriza (guhashya) ibyonnyi akabatsirikira ibiza.

**Kuramvura ingoma:** kuyibaza.

**Gukubanga:** kwigarurira.

**Kunyaga:** gutwara imitungo y'undi ku mbaraga.

**Amakoro:** amaturo bahaga umwami agizwe n'ibikomoka ku buhinzi, ubworozi n'ibindi.

**Kuvunyisha:** gusaba uburenganzira bwo kwinjira ahantu ubagendereye.

**Amazimano:** amafunguro bakiriza umushyitsi.

**Abatasi:** abantu bahabwa ubutumwa bwo kujya gutara amakuru rwihishwa.

**Kuvogera umugezi:** kuwunyuramo n'amaguru uwambuka.

## 2. Imyandiko y'inyongera